



**REPUBLIC OF RWANDA**  
SUPREME COURT  
Po. Box. 2197 KIGALI  
[www.judiciary.gov.rw](http://www.judiciary.gov.rw)



# ICYEGERANYO CY'IBYEMEZO BY'INKIKO

Icyegeranyo V. 1 - 2014  
Nyakanga, 2014



## RWANDA LAW REPORTS

Law Report , V. 1 - 2014  
July 2014




**REPUBLIC OF RWANDA**  
**SUPREME COURT**  
Po. Box. 2197 KIGALI  
[www.judiciary.gov.rw](http://www.judiciary.gov.rw)



# **ICYEGERANYO CY'IBYEMEZO BY'INKIKO**

**Icyegeranyo V. 1 - 2014**  
**Nyakanga, 2014**



## **RWANDA LAW REPORTS**

**Law Report , V. 1 - 2014**  
**July 2014**



**ICYEGERANYO CY'IBYEMEZO  
BY'INKIKO**

---

**IKINYARWANDA**



## ISHAKIRO

ABAGIZE KOMITE Y’UBWANDITSI .....	iii
IRIBURIRO .....	vii
<i>AMATEGEKO YASHINGIWEHO</i> .....	ix
<i>IMANZA ZIFASHISHIJE</i> .....	xi
AMAGAMBO MPINE .....	xii
IBIKUBIYE MURI IKI CYEGERANYO .....	xix
INYITO .....	xix
Re MUHOZA (IKIREGO KIGAMIJE KUVANAHO INGINGO INYURANYIJE N’ITEGEKO NSHINGA) .....	1
Re RWAMUCYO (IKIREGO KIGAMIJE GUSESA AMATORA) .....	11
BUGIRIMFURA v. UMUYI WA KIGALI N’ABANDI .....	24
NSHIMYUMUREMYI v. LETA Y’URWANDA N’ABANDI .....	30
MWIZA v. KAYINAMURA .....	54
NDIZIHIWE N’UNDI v. MUDAKEMWA N’ABANDI .....	66
AMSAR v. IKIGO CY’IGIHUGU GISHINZWE KWINJIZA IMISORO N’AMAHORO (RRA) .....	73
AQUILLA & PRISCILLA v. ENGEN N’UNDI .....	81
ECOBANK v. KAJANGWE .....	96
FINA BANK v. MUTEMBO .....	112
NDIGELA v. ATA .....	123
UBUSHINJACYAHA v. UWAMURENGEYE .....	133



**ABAGIZE KOMITE Y'UBWANDITSI**

**ITSINDA RY'ABANYAMATEGEKO BATEGUYE  
IMANZA**

BAGABO Faustin

HAKUZIMANA Ildephonse

KABERA Jean Claude

KAGABO U. Stephanie

MUJABI K. Naphtal

MUNYENSANGA Chrysostome

MWIHOREZE Claudine

NTIHEMUKA Emmanuel

SAFARI Gahizi

UWIMANA Gisele



**KOMITE YEMEZA IMANZA**

- MUGENZI Louis Marie** : Perezida wa Komite  
Umucamanza mu Rukiko  
rw'Ikirenga
- Prof. Dr. NGAGI M. Alphonse** : Visi perezida wa Komite  
Umwarimu muri Kaminuza y'u  
Rwanda
- RUTAZANA Angeline** : Umwanditsi wa Komite  
Umugenzuzi w'Inkiko
- BWIZA M. Blanche** : Umucamanza mu Rukiko  
Rukuru
- DUSHIMIMANA Claudine** : Umushinjacyaha ku rwego  
rw'Igihugu
- Me GAKUNZI Valerie** : Avoka mu Rugaga rw'Abavoka
- GIRANEZA Clementine** : Umucamanza mu Rukiko  
rw'Ibanze
- HABARUREMA Jean Pierre** : Umushinjacyaha ku Rwego  
rw'Igihugu
- Cpt. KABERUKA Jean Claude** : Umucamanza mu Rukiko  
Rukuru rwa Gisirikare
- KALIWABO Charles** : Perezida w'Urukiko Rukuru
- Me KAYIHURA Didace** : Avoka mu Rugaga rw'Abavoka

- KIBUKA Jean Luc** : Umucamanza mu Rukiko  
Rukuru rw'Ubucuruzi
- MUREREREHE Saouda** : Umucamanza mu Rukiko  
Rukuru
- NYIRINKWAYA Immaculée** : Umucamanza mu Rukiko  
rw'Ikirenga
- RUBANGO K. Epimaque** : Intumwa ya Leta
- RUKUNDAKUVUGA F. Regis** : Umugenzuzi Mukuru w'Inkiko



## IRIBURIRO

Basomyi bacu,

Nyuma y’imyaka icyenda (9) Urwego rw’Ubucamanza rutangaza icyegeranyo cy’ibyemezo by’inkiko, Ubuyobozi bw’Urukiko rw’Ikirenga bwasanze ari ngombwa kuvugurura no kunoza imitegurire yacyo hagamijwe kurushaho korohereza abakoresha icyo cyegeranyo, gushyira ahagaragara umurongo ngenderwaho wakwifashishwa mu gusuzuma ibibazo by’amategeko bisa n’ibiba byasuzumwe mu manza zitangazwa no kongera ubudakemwa bw’imanza muri rusange.

Ni muri urwo rwego hashyizweho itsinda ry’abanyamategeko bategura imanza zitangazwa, bagaragaza mu buryo buhinnye ingeri y’amategeko urubanza rubarizwamo, incamake y’ibibazo biri mu rubanza n’incamake y’icyemezo urukiko rwabifasheho, ibi bigafasha kubona ishusho y’urubanza muri rusange bitabaye ngombwa kurusoma rwose. Imanza zitangazwa kandi zihindurwa mu rurimi rw’icyongereza hagamijwe kurushaho kumenyekanisha ibyemezo by’inkiko z’u Rwanda mu buryo bwagutse.

Mbere yo gutangazwa, imanza zisuzumwa kandi zikemezwa na Komite igizwe n’impuguke mu mategeko zihagarariye Urwego rw’Ubucamanza kimwe n’izindi nzego zinyuranye zifite aho zihuriye n’umurimo w’ubucamanza.

Muri iyi nimeru ya mbere y’icyegeranyo kivuguruye cy’ibyemezo by’Inkiko mu Rwanda (*Rwanda Law Reports*) turasangamo urubanza rumwe (1) rwerekeranye no gusaba gukuraho ingingo z’amategeko zinyuranyije n’Itegeko-Nshinga, urubanza rumwe (1) rwerekeranye n’amategeko agenga amatora, imanza ebyiri (2) z’imbenezamubano,

urubanza rumwe (1) rw'inshinjabyaha, imanza eshanu (5) z'ubucuruzi n' imanza ebyiri (2) z'ubutegetsu.

Nk'uko bisanzwe, icyegeranyo kiboneka no ku rubuga rwa murandasi rw'Urukiko rw'Ikirenga <http://www.judiciary.gov.rw-jurisprudence-receuil>.

Tuboneyeho kandi gukomeza gushishikariza abantu bose bifashisha amategeko mu kazi kabo kwitabira gukoresha iki cyegeranyo.

### **Prof Sam Rugege**

Perezida w'Urukiko rw'Ikirenga

Perezida w'Inama Nkuru y'Ubucamanza

## **AMATEGEKO YASHINGIWEHO**

<i>Amabwiriza ya komisiyo y'igihugu y'amatora, ingingo za 80, 82.....</i>	<i>13</i>
<i>Itegeko ryo kuwa 30/07/1888 ryerekeye amasezerano cyangwa imirimo nshinganwa, ingingo 276.....</i>	<i>32</i>
<i>ingingo ya 258.....</i>	<i>67</i>
<i>ingingo ya 258.....</i>	<i>114</i>
<i>ingingo ya 260.....</i>	<i>125</i>
<i>Itegeko ryo kuwa 23/02/1963 ritunganya Urukiko rw'Ikirenga, ingingo ya 106.....</i>	<i>25</i>
<i>Itegeko ryo kuwa 15/07/1964 ryerekeye imiburanishirize y'imanza z'amahugu n'ubucuruzi, ingingo ya 321, 322, 345, 346, 363, 369.....</i>	<i>32</i>
<i>Itegeko-Teka n° 21/77 ryo kuwa 18/08/1977 rishyiraho Igitabo cy'Amategeko Ahana, ingingo ya 314.....</i>	<i>135</i>
<i>Itegeko n° 8/97 ryo kuwa 26/06/1997 rigena Imisoro itaziguye ku nyungu zinyuranye no ku bihembo nk'uko ryahinduwe kandi ryujujwe kugeza ubu, ingingo ya 10 (2°); ( 5°).....</i>	<i>75</i>
<i>Itegeko N° 31/2001 ryo kuwa 12/06/2001, rishyira ho urugaga rw' abahesha b'inkiko b'umwuga, ingingo ya 18.....</i>	<i>82</i>
<i>Itegeko nshinga rya Repubulika y'u Rwanda ryo kuwa 04/06/2004 nkuko ryavuguruwe kugeza ubu, ingingo ya 29.....</i>	<i>2</i>
<i>ingingo za: 93, 141, 145(5).....</i>	<i>13</i>
<i>Itegeko n° 18/2004 ryo ku wa 20/06/2004 ryerekeye imiburanishirize y'imanza z'imbonezamubano, iz'ubucuruzi, iz'umurimo n'iz'ubutegetsi nk'uko ryahinduwe kugeza ubu, ingingo ya 81.....</i>	<i>125</i>
<i>Itegeko n° 15/2004 ryo kuwa 12/6/2004 ryerekeye ibimenyetso mu manza n'itangwa ryabyo, ingingo ya 35, igika cya gatatu.....</i>	<i>75</i>
<i>Itegeko n° 16/2005 ryo kuwa 18/08/2005 rigena imisoro itaziguye ku musaruro, ingingo ya 2(7°).....</i>	<i>74</i>

<i>Itegeko n° 45/2007 ryo kuwa 11/09/2007 rihindura kandi ryuzuzwa itegeko n°18/2004 ryo kuwa 20/06/2004 ryerekeye imiburanishirize y'imanza z'imbonezamubano, iz'ubucuruzi, iz'umurimo n'iz'ubutegets, ingingo ya 351 nonies.....</i>	<i>98</i>
<i>Itegeko Ngenga n° 59/2007 ryo kuwa 16/12/2007 rigena imiterere, imikorere n'ububasha by'Inkiko z'ubucuruzi, ingingo ya 3.....</i>	<i>55</i>
<i>Itegeko n° 27/2010 ryo kuwa 19/06/2010 rigenga amatora, ingingo ya 29 bis, 30.....</i>	<i>13</i>
<i>Itegeko n° 14/2010 ryo kuwa 07/05/2010 rihindura kandi ryuzuzwa itegeko n° 07/2009 ryo kuwa 27/04/2009 ryerekeye amasosiyete y'ubucuruzi, ingingo ya 12.....</i>	<i>125</i>
<i>Itegeko ngenga n° 03/2012/OL ryo kuwa 13/06/2012 rigena imiterere, imikorere, n'ububasha by'Urukiko rw'Ikirenga, ingingo za: 67, 71-79.....</i>	<i>13</i>
<i>ingingo ya 28.....</i>	<i>55</i>
<i>Itegeko n° 21/2012 ryo kuwa 14/06/2012 ryerekeye imiburanishirize y'imanza z'imbonezamubano, iz'ubucuruzi, iz'umurimo n'iz'ubutegets, ingingo ya 168.....</i>	<i>32</i>
<i>ingingo ya 26.....</i>	<i>67</i>
<i>ingingo ya 9.....</i>	<i>98</i>
<i>Itegeko n° 30/2013 ryo kuwa 24/05/2013 ryerekeye imiburanishirize y'imanza z'inshinjabyaha, ingingo ya 190, igika cya 2.....</i>	<i>134</i>
<i>Itegeko-Ngenga n° 02/2013/OL ryo kuwa 16/06/2013 rihindura kandi ryuzuzwa Itegeko-Ngenga n° 51/2008 ryo kuwa 09/09/2008 rigena imiterere, imikorere n'ububasha by'inkiko nk'uko ryahinduwe kandi ryujjwe kugeza ubu, ingingo ya 10.....</i>	<i>134</i>

## ***IMANZA ZIFASHISHIJE***

<i>Kayinamura v. Mwiza</i> , RCOMA 0028/10/CS rwaciwe kuwa 27/04/2012.....	56
<i>Mwiza v. Kayinamura</i> , RCOM 0333/10/HCC rwaciwe kuwa 22/03/2011.....	56
<i>Ubushinjacyaha v. Caporal Ngabonziza</i> , RPAA 0117/07/CS rwaciwe n’Urukiko rw’Ikirenga kuwa 17/11/2010.....	135
<i>Ubushinjacyaha v. Nyawera Célestin</i> , RPAA 0033/11/CS rwaciwe n’Urukiko rw’Ikirenga kuwa 14/09/2012.....	135



## AMAGAMBO MPINE

**Amategeko agenga Abahesha b’Inkiko b’Umwuga** – Ububasha bw’umuhesha w’inkiko – Iyo yiyambajwe n’ubutabera cyangwa uwo ari we wese ubifitemo inyungu, yemerewe gukorera inyandiko mvugo ibintu bigaragara – Ntiyakwirukana uwo ari we wese nta cyemezo cy’Urukiko kibimuhera uburenganzira – Umuhesha w’Inkiko n’uwamutumye bacibwa indishyi nk’ingaruka zo kwirukana umuntu mu buryo budakurikije amategeko – Itegeko N° 31/2001 ryo kuwa 12/06/2001 rishyiraho urugaga rw’Abahesha b’ Inkiko b’Umwuga , ingingo ya 18.

**AQUILLA & PRISCILLA v. ENGEN N’UNDI, .....81**

**Amategeko agenga amasezerano cyangwa imirimo nshinganwa** – Indishyi zinyuranye zikomoka ku kirego gisaba iseswa rya cyamunara – Indishyi z’ikurikiranarubanza n’igihembo cy’Avoka –Indishyi zisabwa n’urega ntiyazihabwa mu gihe cyamunara idasheshwe, ariko abaregwa bahabwa indishyi z’ikurikiranarubanza n’igihembo cya Avoka.

**NSHIMYUMUREMYI v. LETA Y’URWANDA N’ABANDI, .....30**

Indishyi – Ikurikirana ry’indishyi zikomoka ku byangijwe – Uregera indishyi ashobora guhitamo kuryoza abakoresha ibikorwa byangijwe n’abakozi babo mu gihe bakoraga imirimo babashinze aho kuzishingira ku ikurikiranacyaha – Itegeko ryo kuwa 30/07/1888 ryerekeye amasezerano cyangwa imirimo nshinganwa, ingingo ya 260.

**NDIGELA v. ATA, .....123**

Indishyi ku gihombo gitewe n’ikirego cy’ubujurire kiretswe n’umuburanyi – Uwarezwe mu bujurire afite uburenganzira ku ndishyi z’ibyoyatanze kubera ubujurire yari yarezwemo n’uwaje kubureka – Itegeko ryo kuwa 30/07/1888 rigenga amasezerano cyangwa imirimo nshinganwa, ingingo ya 258.

**NDIZIHIWE N’UNDI v. MUDAKEMWA N’ABANDI,**  
 .....66

Inyungu zituruka ku kutabasha gukoresha mu buryo busesuye icyaguzwe – Uwaguze inzu akayihabwa ariko ntahabwe ibyangombwa byayo ntiyagenerwa inyungu zibariwe ku gaciro k’inzu yitwaje ko atahawe ibyangombwa byayo kandi nyamara ayituyemo.

**FINA BANK v. MUTEMBO,**.....112

**Amategeko agenga amatora** – Inzira zo gutangamo ibirego byerekeranye n’impaka zivuka mu matora ay’abagize Inteko Ishinga Amategeko – Ubusumbane bw’amategeko – Amabwiriza anyuranyije n’Itegeko Ngenga cyangwa Itegeko – Inkiko zikurikiza amateka cyangwa amabwiriza iyo atanyuranyije n’Itegeko Nshinga n’andi mategeko – Kutabanza gushyikiriza ikirego Komisiyo y’amatora mu gihe bidateganyijwe n’andi mategeko – Itegeko Nshinga rya Repubulika y’u Rwanda ryo kuwa 04/06/2004 nk’uko ryavuguruwe kugeza ubu, ingingo ya 141(3) – Itegeko Ngenga n° 03/2012/OL ryo kuwa 13/06/2012 rigena imiterere, imikorere, n’ububasha by’Urukiko rw’Ikirenga, ingingo za: 65, 66, 67 na 68.

**Re RWAMUCYO (IKIREGO KIGAMIJE GUSESA AMATORA),** .....11

Uburenganzira bwo kwiyamamaza – Impamvu yo gusesa amatora – Gukoresha ubutumwa bugufi mu kwiyamamaza ubwabyo ntibubujijwe –Ikosa riboneka harebwe uburyo bwakoreshejwe, icyo buvuga n’igihe butangiwe – Itegeko N° 27/2010 ryo kuwa 19/06/2010 rigenga amatora nk’uko ryahinduwe kandi ryujujwe kugeza ubu, ingingo za: 29 bis, 30.

**Re RWAMUCYO (IKIREGO KIGAMIJE GUSESA AMATORA),**.....11

**Amategeko agenga ibimenyetso** – Ikimenyetso cy’amasezerano – Inyandiko ya fotokopi ifite inenge ntiyafatwa nk’ikimenyetso cy’amasezerano mu gihe hatagaragazwa umwimerere wayo.

**AQUILLA & PRISCILLA v. ENGEN N'UNDI,.....81**

Urega afite inshingano yo gutanagaibimeneyetso, iyo abibuze aratsindwa.

**Re RWAMUCYO (IKIREGO KIGAMIJE GUSESA AMATORA), .....11**

**Amategeko agenga imiburanishirize y'imanza nshinjabyaha** – Guhindura inyito y'icyaha – Uburenganzira n'inshingano by'umucamanza bwo guhindura inyito y'icyaha mu Rukiko rw'ubujurire kubera iburabubasha – Urukiko rufite ububasha bwo kuburanisha urwo rubanza nyuma yo guteshwa agaciro – Urubanza rutangirira mu Rukiko rufite ububasha ku rwego rwa mbere – Itegeko n° 30/2013 ryo ku wa 24/05/2013 ryerekeye imiburanishirize y'imanza z'inshinjabyaha, ingingo ya 190, igika cya 2.

**UBUSHINJACYAHA v. UWAMURENGEYE, .....133**

**Amategeko agenga imiburanishirize y'imanza z'imbenezamubano** – Ubujurire – Kureka ikirego cy'ubujurire ku cyemezo cy'ibanzirizasuzuma – Uwajuriye afite uburenganzira bwo kureka ubujurire bwe n'iyo uwarezwe atabyemera – Itegeko n° 21/2012 ryo kuwa 14/06/2012 ryerekeye imiburanishirize y'imanza z'imbenezamubano, iz'ubucuruzi, iz'umurimo n'iz'ubutegets, ingingo ya 26.

**NDIZIHIWE N'UNDI v. MUDAKEMWA N'ABANDI, .....66**

Ingwate itangwa n'umunyamahanga urega – Nta Sosiyeti yo mu bihugu bigize umuryango wa Afurika y'Iburasirazuba yasabwa ingwate itangwa n'abanyamahanga kuko amategeko ayifata nk'isosiyeti yo mu Rwanda – Itegeko n° 14/2010 ryo kuwa 07/05/2010 rihindura kandi ryuzuzwa itegeko n° 07/2009 ryo kuwa 27/04/2009 ryerekeye amasosiyete y'ubucuruzi, ingingo ya 12 – Itegeko n° 18/2004 ryo ku wa 20/06/2004 ryerekeye imiburanishirize y'imanza z'imbenezamubano, iz'ubucuruzi, iz'umurimo n'iz'ubutegets nk'uko ryahinduwe kugeza ubu, ingingo ya 81.

**NDIGELA v. ATA, .....123**

**Amategeko agenga imiburanishirize y’imanza z’ubucuruzi** – Ikirego kigamije kwiregura — Ikirego kitakiriwe mu rwego rwa mbere, iyo kijuririwe ntigifatwa nk’aho gitanzwe bwa mbere mu rwego rw’ubujurire – Ikirego kigamije kwiregura nticyakirwa iyo gitanzwe nyuma y’iburanisha ry’ibanze – Itegeko n° 45/2007 ryo kuwa 11/09/2007 rihindura kandi ryuzuza itegeko n°18/2004 ryo kuwa 20/06/2004 ryerekeye imiburanishirize y’imanza z’imbenezamubano, iz’ubucuruzi, iz’umurimo n’iz’ubutegets, Ingingo ya 351 nonies.  
**ECOBANK v. KAJANGWE, .....96**

**Amategeko agenga imiburanishirize y’imanza z’ubutegets** – Iyakirwa ry’ikirego gisaba gukuraho icyemezo cy’umuyobozi – Mbere yo kuregera Urukiko, unenga icyemezo agomba kubanza gutakambira uwagifashe cyangwa umuyobozi w’urwego rwisumbuyeho igihe cyo kuregera Urukiko kitararenga – Itegeko ryo kuwa 23/02/1963 ritunganya Urukiko rw’Ikirenga, ingingo ya 106 igika cya 6.  
**BUGIRIMFURA v. UMUJYI WA KIGALI N’ABANDI, .....24**

**Amategeko agenga imitungo** – Guhererekanya umutungo utimukanwa – Indishyi zituruka ku gutanga impapuro z’inzu yaguzwe mu gihe habayeho ubukererwe mu kuzitanga – Kudahabwa ibyangombwa by’umutungo utimukanwa nyuma y’ubugure ubwabyo ni impamvu yo kuryozwa indishyi ku wabitindanye kabone n’ubwo yaba yarashyikirije uwo mutungo uwawuguze – Itegeko ryo kuwa 30/07/1888 ryerekeye imirimo nshinganwa cyangwa amasezerano, ingingo ya 258.  
**FINA BANK v. MUTEMBO, .....112**

**Amategeko agenga ububasha bw’Inkiko** – Ububasha bw’Urukiko rw’Ikirenga – Urukiko rw’Ikirenga rufite ububasha bwo kuburanisha mu rwego rw’ubujurire imanza zaciwe mu rwego rwa kabiri n’Urukiko Rukuru rutabifitiye ububasha – Itegeko Ngenga N° 03/2012/OL ryo kuwa 13/06/2012 rigena imiterere, imikorere n’ububasha by’Urukiko rw’Ikirenga, ingingo ya 28.  
**MWIZA v. KAYINAMURA, .....54**

Amategeko agenga ububasha bw'inkiko z'ubucuruzi – Amasezerano – Amasezerano y'ubukode bw'icyumba cyo gucururizamo akozwe hagati y'abacuruzi afatwa nk'amasezerano y'ubucuruzi – Impaka zivutse muri bene aya masezerano ziburanishwa n'inkiko z'ubucuruzi – Itegeko Ngenga n° 59/2007 ryo kuwa 16/12/2007 rigena imiterere, imikorere n'ububasha by'Inkiko z'ubucuruzi, ingingo ya 3.

**MWIZA v. KAYINAMURA, .....54**

**Amategeko mpanabyaha** – Ubwicamubyeyi – Gukubita no gukomeretsa umubyeyi mu cyico bikamuviramo urupfu bigaragaza umugambi wo gukora icyaha cy'ubwicanyi – Itegeko-Teka n° 21/77 ryo kuwa 18/08/1977 rishyiraho Igitabo cy'Amategeko Ahana, ingingo ya 314.

**UBUSHINJACYAHA v. UWAMURENGEYE, .....133**

**Amategeko y'imisoro** – Igenagaciro k'ubwicungure – Ubwicungure ku gikoresho cy'akazi bubarwa iyo cyakoreshejwe mu nyungu zitaziguye z'ibyo cyagenewe – Itegeko n° 8/97 ryo kuwa 26/06/1997 rigena Imisoro itaziguye ku nyungu zinyuranye no ku bihembo nk'uko ryahinduwe kandi ryujujwe kugeza ubu, ingingo ya 10 (2°); (5°).

**AMSAR v. IKIGO CY'IGIHUGU GISHINZWE KWINJIZA IMISORO N'AMAHORO (RRA), .....73**

Igenagaciro ry'Umusoro ku nyungu hashingiwe ku ihame ry'ubwigenge bw'isoreshwa – Buri mwaka usoreshwa ukwawo – Itegeko n° 16/2005 ryo ku wa 18/08/2005 rigena imisoro itaziguye ku musaruro, ingingo ya 2(7°).

**AMSAR v. IKIGO CY'IGIHUGU GISHINZWE KWINJIZA IMISORO N'AMAHORO (RRA), .....73.**

**Amategeko y'ubucuruzi** – Iyishyurwa ry'imyenda itanzwe na banki – Ibarwa ry'umwenda remezo n'inyungu ku myenda yatanzwe mu bihe bitandukanye nyuma igahuzwa – Itangwa ry'ibimenyetso mu manza z'ubucuruzi – Ugomba gutanga ibimenyetso – Urega agomba kugaragaza ibimenyetso by'ibyo aregera, iyo abibuze uwarezwe aratsinda – Itegeko n°

21/2012 ryo kuwa 14/06/2012 ryerekeye imiburanishirize y’imanza z’imbenezamubano, iz’ubucuruzi, iz’umurimo n’iz’ubutegetsu, ingingo ya 9.

**ECOBANK v. KAJANGWE.....96**

**Amategeko y’ubutegetsu** – Ikirego kigamije iseswa rya cyamunara – Agaciro k’ikirego gisaba gusesa cyamunara yabaye hashingiwe ku cyemezo cy’Urukiko mu gihe habaye ukwibeshya kuri numero yacyo mu nyandiko y’igurisha – Uko kwibeshya kuri numero y’icyemezo gufatwa nk’ikosa ry’imyandikire rishobora gukosorwa – Ntacyatuma cyamunara iseswa mu gihe urega ntacyo anenga icyemezo cy’urukiko cyashingiweho mu kuyikora.

**NSHIMYUMUREMYI v. LETA Y’URWANDA N’ABANDI, .....30**

**Amategeko y’ubwikorezi** – Amasezerano – Itandukaniro hagati y’amasezerano y’ubwikorezi n’ay’ubukode bw’imodoka – Iyo rwiyemezamirimo atariwe ugenzura imodoka yatanzeho ubukode, amasezerano yitwa ay’ubukode bw’imodoka – Iyo imodoka yakodeshejwe itanganywe n’umushoferi agakomeza kugengwa na nyiri modoka, amasezerano yitwa ay’ubwikorezi.

**NDIGELA v. ATA, .....123**

**Itegeko Nshinga** – Amategeko anyuranyije n’Itegeko Nshinga – Ikirego kigamije gukuraho igika cya kabiri cy’ingingo ya 176 y’itegeko n° 21/2012 ryo kuwa 14/06/2012 ryerekeye imiburanishirize y’imanza z’imbenezamubano, iz’ubucuruzi, iz’umurimo n’iz’ubutegetsu – Igihe umwe mu bashakanye aburanye umutungo bahuriyeho aba ahagarariye mugenzi we bawusangiye – Kutemerera uwashakanye n’umuburanyi gutambamamira urubanza si ukumwambura uburenganzira ku mutungo buteganywa n’Itegeko Nshinga – Itegeko Nshinga rya Repubulika y’u Rwanda ryo kuwa 04/06/2004 nk’uko ryavuguruwe kugeza ubu, ingingo 29 – Itegeko n° 22/99 ryo kuwa 12/11/1999 ryuzuzwa igitabo cya mbere cy’urwunge

rw'amategeko mbonezamubano kandi rishyiraho igice cya gatanu cyerekeye imicungire y'umutungo w'abashyingiranywe, impano n'izungura, ingingo ya 17.

**Re MUHOZA (IKIREGO KIGAMIJE KUVANAHO INGINGO INYURANYIJE N'ITEGEKO NSHINGA), .....1**

**IBIKUBIYE MURI IKI CYEGERANYO**

Iki cyegeranyo gikubiyemo imanza zaciwe n’Urukiko rw’Ikirenga zikoreshwa hakurikijweinyito ivugwa hasi.

**INYITO**

Abashaka kwifashisha imanza ziri muri iki gitabo mu nyandiko zabo, babyandika mu buryo bukurikira:

**[V.1-2014]RLR**

Cyateguwe n’Urukiko rw’Ikirenga

Cyatewe inkunga na  
Ambasade y’Ubuholandi & ICF



**IMANZA ZISABA GUKURAHU AMATEGEKO  
ANYURANYIJE N'ITEGEKO NSHINGA**

# **Re MUHOZA (IKIREGO KIGAMIJE KUVANAHO INGINGO INYURANYIJE N’ITEGEKO NSHINGA)**

[Rwanda URUKIKO RW’IKIRENGA – RS/INCONST/CIV  
0001/13/CS (Kayitesi, P.J., Mutashya, Mukanyundo, Kayitesi R,  
Hatangimbabazi, Kanyange, Mukandamage, Rugabirwa na  
Munyangeri, J.) 25 Ukwakira 2013]

*Itegeko Nshinga – Amategeko anyuranyije n’Itegeko Nshinga – Ikirego kigamije gukuraho igika cya kabiri cy’ingingo ya 176 y’itegeko n° 21/2012 ryo kuwa 14/06/2012 ryerekeye imiburanishirize y’imanza z’imbenezamubano, iz’ubucuruzi, iz’umurimo n’iz’ubutegetsi – Igihe umwe mu bashakanye aburanye umutungo bahuriyeho aba ahagarariye mugenzi we bawusangiye – Kutemerera uwashakanye n’umuburanyi gutambamira urubanza si ukumwambura uburenganzira ku mutungo buteganywa n’Itegeko Nshinga – Itegeko Nshinga rya Repubulika y’u Rwanda ryo kuwa 04/06/2004 nkuko ryavuguruwe kugeza ubu , ingingo 29 – Itegeko n° 22/99 ryo kuwa 12/11/1999 ryuzuza igitabo cya mbere cy’urwunge rw’amategeko mbenezamubano kandi rishyiraho igice cya gatanu cyerekeye imicungire y’umutungo w’abashyingiranywe, impano n’izungura, ingingo ya 17.*

**Incamake y’ikibazo:** Karekezi Augustin, umugabo wa Muhoza Consolée yaburanye mu Rukiko Rwisumbuye rwa Gasabo isambu yabo yavugaga ko yabohojwe maze aratsindwa. Umuhiza Consolée yatambamiye urwo rubanza ariko asaba Urukiko kuba ruretse gufata icyemezo akabanza gutanga ikirego mu Rukiko rw’Ikirenga gisaba kuvanaho igika cya 2 cy’ingingo ya 176, y’Itegeko n° 21/2012 ryo kuwa 14/06/2012 ryerekeye imiburanishirize y’imanza z’imbenezamubano, iz’ubucuruzi, iz’umurimo n’iz’ubutegetsi kuko kinyuranyije n’ingingo ya 29 y’Itegeko Nshinga.

Mu kirego yashyikirije Urukiko rw’Ikirenga yasobanuye ko ingingo ya 176 mu gika cya mbere, y’Itegeko n° 21/2012 ryo kuwa 14/06/2012

ryavuzwe haruguru, ivuga ko abemerewe gutambamira urubanza ari abafite inyungu iyo ariyo yose mu rubanza rwaciwe, ariko igika cya kabiri cy'iyi ngingo kikaba kitemerera uwashakanye n'umuburanyi kuba yatambamira urubanza, kikaba rero kivuguruza ibiteganywa n'ingingo ya 29 y'Itegeko Nshinga iteganya ko "buri muntu afite uburenganzira ku mutungo we bwite, waba uwe ku giti cye cyangwa uwo afatanyije n'abandi", bityo iyi ngingo ikaba imwaka uburenganzira ahabwa n'Itegeko Nshinga, mu gihe afite uburenganzira ku butaka bw'umugabo we.

**Incamake y'icyemezo:** Igika cya kabiri, ingingo ya 176 y'Itegeko n° 21/2012 ryo ku wa 14/06/2012 ryerekeye imiburanishirize y'imanza z'imbonezamubano, iz'ubucuruzi, iz'umurimo n'iz'ubutegetsu ntaho inyuranyije n'ingingo ya 29 y'Itegeko Nshinga, kuko mu gihe umwe mu bashakanye aburanye umutungo ahuriyeho na mugenzi we aba amuhagarariye ku buryo atahindukira ngo atambamire urwo rubanza kuko byaba binyuranyije n'icyo iyo nzira yashyiriyeho.

**Ikirego nta shingiro gifite.  
Amagarama y'urubanza aherereye ku rega.**

**Amategeko yashingiweho:**

*Itegeko nshinga rya Repubulika y'u Rwanda ryo kuwa 04/06/2004 nkuko ryavugururwe kugeza ubu, ingingo ya 29.*

*Itegeko n° 22/99 ryo kuwa 12/11/1999 ryuzuzwa igitabo cya mbere cy'urwunge rw'amategeko mbonezamubano kandi rishyiraho igice cya gatanu cyerekeye imicungire y'umutungo w'abashyingiranywe, impano n'izungura, ingingo ya 17.*

**Nta manza zifashishijwe.**

**Inyandiko z'abahanga zifashishijwe:**

SERGE Guichard, *Droit et Pratique de la procédure civile*, Dalloz, 5<sup>é</sup>, 2006, pp.1158, 1163.

## Urubanza

### I. IMITERERE Y'URUBANZA

[1] Umugabo wa Muhoza Consolée witwa Karekezi Augustin yareze Irambona Alphonse mu Rukiko rw'Ibanze avuga ko yabohoje isambu ye, urwo rukiko rwemeza ko Irambona agomba gusubiza Karekezi iyo sambu, ajuririra mu Rukiko Rwisumbuye rwa Gasabo rwemeza ko urubanza rwajuririwe ruhindutse mu ngingo zarwo zose, ko habaye isaranganya ry'iyo sambu buri ruhande rukaba rugomba kugumana aho rwahawe.

[2] Urwo rubanza umugabo we yatsinzwemo, Muhoza Consolée yararutambamiye mu Rukiko Rwisumbuye rwa Gasabo ariko asaba ko urukiko rwaba ruretse gufata icyemezo akabanza gutanga ikirego mu Rukiko rw'Ikirenga gisaba kvanaho ingingo ya 176, igika cya kabiri y'Itegeko n° 21/2012 ryo kuwa 14/06/2012 rigena imiburanishirize y'imanza z'imbonezamubano, izubucuruzi, iz'umurimo n'iz'ubutegetsu.

[3] Me Nizeyimana Léopold yatanze ikirego mu Rukiko rw'Ikirenga mu mwanya wa Muhoza Consolée, asaba ko ingingo ya 176, igika cya kabiri y'Itegeko n° 21/2012 ryo kuwa 14/06/2012 ryavuzwe haruguru yavanwaho kuko inyuranije n'Itegeko Nshinga, ikananyuranya n'ingingo za 35 na 36 z'Itegeko-Ngenga n° 08/2005 ryo ku wa 14/07/2005 rigena imikoreshereze n'imicungire y'ubutaka mu Rwanda.

[4] Ikirego cya Muhoza Consolée cyasuzumwe mu iburanisha ryo kuwa 31/07/2013 Me Nizeyimana Léopold amuhagarariye, Minisiteri y'Ubutabera yari yasabwe gutanga ibitekerezo ihagarariwe n'Intumwa ya Leta, Me Rubango Epimaque.

[5] Me Nizeyimana yahawe umwanya yibutsa ikirego yatanze mu mwanya wa Muhoza Consolée, anavuga ko igice cy'ikirego kirebana n'ingingo za 35 na 36 z'Itegeko-Ngenga n° 08/2005 ryo ku wa 14/07/2005 rigena imikoreshereze n'imicungire y'ubutaka mu Rwanda

akihoreye kuko iryo tegeko ryavuyeho, hagasuzumwa gusa ikirebana n'ingingo ya 176, igika cya kabiri y'Itegeko n° 21/2012 ryo kuwa 14/06/2012 ryavuzwe haruguru, bityo ikirego uru rukiko rugomba gusuzuma kikaba ari icyerekeye iyo ngingo yonyine.

[6] Me Rubango Epimaque nawe yasobanuye igitekerezo cya Minisiteri y'Ubutabera ku kirego cya Muhoza Consolée.

**Ku byerekeye iyakirwa ry'ikirego n'ububasha bw'urukiko.**

[7] Inyandiko ziri muri dosiye zigaragaza ikiregerwa, itariki ikirego cyatangiweho hamwe n'umukono wa Me Nizeyimana wagitanze mu izina rya Muhoza Consolée. Zigaragaza kandi impamvu ikirego gishingiyeho n'ingwate y'amagarama yatanzwe na Muhoza Consolée. Uwareze yatanze kandi kopi y'igazeti ya Leta yo kuwa 16/07/2012 irimo ingingo y'itegeko asaba ko ivanwaho, bityo ibisabwa n'ingingo ya 54 y'Itegeko Ngenga n° 003/2012 ryo kuwa 13/06/2012 rigena imitunganirize, imikorere n'ububasha by'Urukiko rw'Ikirenga bikaba byarubahirijwe.

[8] Muhoza Consolée afite kandi inyungu muri uru rubanza kuko avuga ko ingingo y'itegeko asaba ko ivanwaho asanga imubangamira kuko itamwemerera gutambamira urubanza umugabo we yatsinzwemo kandi ikiburanwa ari isambu y'umuryango nawe afiteho uruhare.

[9] Ku byekeranye n'Ububasha bw'Urukiko rw'Ikirenga, ingingo ya 53 y'Itegeko Ngenga n° 003/2012 ryavuzwe haruguru iteganya ko "Urukiko rw'Ikirenga ari rwo ruburanisha ibirego byerekeranye no gusaba gukuraho Itegeko Ngenga, itegeko, itegeko-teka cyangwa itegeko ryemerera kwemeza amasezerano mpuzamahanga, haba kubikuraho byose cyangwa se zimwe mu ngingo zaryo zinyuranije n'Itegeko-Nshinga", bityo ikirego Muhoza Consolée yatanze kikaba kiri mu bubasha bw'Urukiko rw'Ikirenga.

## II. ISESENGURA RY'IKIBAZO KIRI MU RUBANZA

**Kumenya niba ingingo ya 176, igika cya kabiri, y'Itegeko n° 21/2012 ryo kuwa 14/06/2012 ryerekeye imiburanishirize y'imanza z'imbonezamubano, iz'ubucuruzi, iz'umurimo n'iz'ubutegetsi, inyuranije n'ingingo ya 29 y'Itegeko Nshinga.**

[10] Me Nizeyimana Léopold avuga ko ingingo ya 176, igika cya mbere, y'Itegeko n° 21/2012 ryo kuwa 14/06/2012 ryavuzwe haruguru, ivuga ko abemerewe gutambamira urubanza ari abafite inyungu iyo ariyo yose mu rubanza rwaciwe, ko ariko igika cya kabiri cy'iyi ngingo kitemerera uwashakanye n'umuburanyi kuba yatambamira urubanza, kikaba rero kivuguruzwa ibiteganywa n'ingingo ya 29 y'Itegeko Nshinga iteganya ko “buri muntu afite uburenganzira ku mutungo we bwite, waba uwe ku giti cye cyangwa uwo afatanyije n'abandi”.

[11] Asobanura ko ingingo y'Itegeko itashobora kuvanaho uburenganzira Muhoza Consolée ahabwa n'Itegeko Nshinga kuko afite uburenganzira ku isambu umugabo we yatanze atabyemeye, ariko ingingo ya 176, igika cya kabiri ikaba itamwemerera gukurikirana umutungo we mu nkiko ngo kuko uwo bashakanye yawutsindiwe.

[12] Na none kandi ngo ntabwo umuryango wagereranywa na sosiyete y'ubucuruzi nk'uko Intumwa ya Leta ibivuga kuko udafite ubuzima gatozi, ko kandi mu gihe Karekezi yaburanye agatsindwa uwo bashakanye atabizi, agomba kugira inzira yanyuramo kugira ngo akurikirane umutungo afiteho uburenganzira.

[13] Me Rubango Epimaque avuga ko ingingo ya 176, igika cya kabiri, y'Itegeko n° 21/2012 ryo kuwa 14/06/2012 ryavuzwe haruguru itanyuranije n'ingingo ya 29 y'Itegeko Nshinga kuko umutungo Muhoza Consolée avuga atari uwe bwite ahubwo ari uw'umuryango afatanyije n'abandi, ko mu gihe umuryango ufite uwuhagarariye akaba ari nawe wawuburanye mu nyungu z'umuryango, ntaho ibyo binyuranije n'Itegeko Nshinga.

[14] Avuga ko kuba ingingo isabirwa kuvanwaho itanga uburenganzira bwo gukurikira umutungo w'umuryango, ariko ikanagena ko iyo wakurikiranywe n'umwe mu babifitiye uburenganzira, bidakwiye ko nyuma y'aho abandi bose umwe kuri umwe nawe akurikirana ibyakurikiranywe n'uwari uhagarariye inyungu z'umuryango. Ko agereranya ibimaze kuvugwa na sosiyete igizwe n'abanyamigabane benshi ifite uyihagararira mu rwego rw'amategeko, ko nyuma y'urubanza rureba inyungu za sosiyete, buri wese mu banyamigabane atashoza urwe rubanza ku cyaburanwe kireba inyungu rusange zabo.

[15] Asobanura ko agace k'ingingo isabirwa kuvaho kagiyeho kugira ngo imanza zijye zigira iherezo kuko bitakumvikana ko urubanza rwajya rwitwa ko rurangiye burundu ari uko buri muntu mu muryango ategereje ko rucibwa kugira ngo nawe atange ikirego cye gituma urubanza rwa mbere rwongera kuburanishwa, ko urubanza ruburanywe mu nyungu z'umuryango ruba rureba abo mu muryango bose baba banafite inshingano yo kuba baruzi, banafite uburenganzira bwo kuruburana mu buryo bumvikanyeho.

## **UKO URUKIKO RUBIBONA.**

[16] Ingingo ya 29 y'Itegeko Nshinga iteganya ko "Buri muntu afite uburenganzira ku mutungo bwite, waba uwe ku giti cye cyangwa uwo afatanyije n'abandi" naho ingingo ya 176 y'itegeko n° 21/2012 ryo kuwa 14/06/2012 ryerekeye imiburanishirize y'imanza z'imbonezamubano, iz'ubucuruzi, iz'umurimo n'iz'ubutegetsi igateganya ko "umuntu wese utareze cyangwa ngo aregwe mu rubanza ariko afite inyungu iyo ari yo yose muri rwo, ashobora gutambamira urwo rubanza rumurenganya ngo rusubirwemo iyo, ari we cyangwa ari n'abo ahagarariye nta warutumiwemo", igika cyayo cya kabili kigateganya ko "Ibivugwa mu gika cya mbere cy'iyi ngingo ntibireba uwashakanye n'umuburanyi cyangwa abana babo mu gihe ikiburanwa ari umutungo w'umuryango".

[17] Ku birebana n'amicungire y'umutungo w'abashyingiranwe, ingingo ya 17 igika cya kabiri, y'Itegeko n° 22/99 ryo kuwa 12/11/1999 ryuzuza igitabo cya mbere cy'urwunge rw'amategeko mbonezamubano kandi rishyiraho igice cya gatanu cyerekeye imicungire y'umutungo w'abashyingiranywe, impano n'izungura, iteganya ko "mu buryo bw'ivangamutungo rusange cyangwa ubw'ivangamutungo w'umuhahano, abashyingiranywe bumvikana ku ucunga umutungo bahuriyeho, bafite kandi ububasha bungana bwo kuwukurikirana no kuwuhagararira".

[18] Ingingo imaze kuvugwa iha abashyingiranywe uburenganzira bwo kugena uburyo umutungo bahuriyeho uzacungwa, bakihitiramo uzawucunga yaba umugore cyangwa umugabo. Iyo ngingo ibaha kandi ububasha bungana bwo gukurikirana uwo mutungo no kuwuhagararira, bivuze ko yaba umugore cyangwa umugabo ashobora gukoresha ubwo bubasha mu nyungu z'umuryango, bitabaye ngombwa ko abigaragariza uburenganzira yahawe n'uwo bashyingiranywe mu gihe babana mu buryo bwemewe n'amategeko.

[19] Iyo ngingo yumvikanisha kandi ko mu gihe abashyingiranywe bahisemo ivangamutungo rusange cyangwa ivangamutungo w'umuhahano, uwo mutungo uba ari uw'umugabo n'umugore washyizwe hamwe kugira ngo utunge umuryango, bivuze ko udashobora kugabanywa (indivisible) ku buryo ari umugabo cyangwa umugore ntawavuga ko awufiteho uruhare yihariye.

[20] Kuba rero umwe mu bashyingiranywe ashobora gukurikirana mu rubanza umutungo ahuriyeho na mugenzi we kandi ugenewe gutunga umuryango, bigomba kumvikana ko aba yabikoze ahagarariye uwo bawusangiye ku buryo utaragiye mu rubanza atafatwa nk'umuntu utarareze cyangwa ngo aregwe uvugwa mu ngingo ya 176, igika cya mbere, y'Itegeko n° 21/2012 ryo kuwa 14/06/2012 ryavuzwe haruguru.

[21] Ibimaze kuvugwa bihura kandi n'ibyanditswe n'umuhanga mu mategeko Serge Guinchard abishingiye ku biteganywa n'ingingo ya 1421 y'amategeko mbonezamubano yo mu gihugu cy'Ubufaransa nayo



iteganya ko umugore n'umugabo bafite uburenganzira bungana ku micungire y'umutungo basangiye, akavuga ko muri icyo gihe gutambamira urubanza gukozwe n'umwe mu bashakanye utaraburanye kutagomba kwakirwa hatiriwe harebwa niba ari umugore cyangwa umugabo<sup>1</sup>.

[22] Kuba rero umwe mu bashakanye yarahagarariwe mu rubanza rurebana n'umutungo w'umuryango, ntiyahindukira ngo arutambamire kuko byaba binyuranije n'icyo iyo nzira yashyiriweho nk'uko bivugwa mu gika cya mbere cy'ingingo yasabiwe kuvanwaho, binahura n'ibyanditse n'abahanga mu mategeko nabo bagaragaza ko iyo nzira y'ubujurire idasanzwe igenewe gusa abantu batabaye ababuranyi, haba ku giti cyabo cyangwa bahagarariwe<sup>2</sup>.

[23] Hashingiwe ku byasobanuwe byose, Urukiko rurasanga ntaho ingingo ya 176, igika cya kabiri, y'Itegeko n° 21/2012 ryo ku wa 14/06/2012 ryerekeye imiburanishirize y'imanza z'imbenezamubano, iz'ubucuruzi, iz'umurimo n'iz'ubutegetsi inyuranije n'ingingo ya 29 y'Itegeko Nshinga.

---

<sup>1</sup> Chacun des époux administre les biens communs de telle sorte que la tierce opposition de l'époux non partie au procès est irrecevable, sans qu'il y'ait plus aujourd'hui à observer s'il s'agit du mari ou de la femme : Droit et Pratique de la procédure civile, Sous la direction de Serge Guichard, Dalloz, cinquième édition 2006, p.1163

<sup>2</sup> S'agissant d'une voie de recours exceptionnelle destinée uniquement à protéger ceux, qui sans avoir été appelés au procès, peuvent pâtir de son résultat, l'accès doit être réservé aux personnes, qui n'ont effectivement pas été parties, soit directement ou par représentation au débat judiciaire: Droit et Pratique de la procédure civile, *Op.Cit.*, p.1158.

### III. ICYEMEZO CY'URUKIKO

[24] Rwemeye kwakira ikirego cya Muhoza Consolée kuko cyatanzwe mu buryo bwemewe n'amategeko;

[25] Rwemeje ko nta shingiro gifite;

[26] Rwemeje ko ingingo ya 176, igika cya kabiri, y'Itegeko n° 21/2012 ryo ku wa 14/06/2012 ryerekeye imiburanishirize y'imanza z'imbonezamubano, iz'ubucuruzi, iz'umurimo n'iz'ubutegetsu, itanyuraniye n'ingingo ya 29 y'Itegeko Nshinga rya Repubulika y'u Rwanda ryo kuwa 04/06/2003 nk'uko ryavuguruwe kugeza ubu;

[27] Rutegetse Muhoza Consolée gutanga amagarama y'urubanza angana na 9.600 Frw, atayatangira mu gihe cy'iminsi umunani, ayo mafaranga akavanwa mu by'ubushyamba za Leta.

**IMANZA ZEREKEYE AMATEGEKO  
Y'AMATORA**

## Re RWAMUCYO (IKIREGO KIGAMIJE GUSESA AMATORA)

[Rwanda URUKIKO RW'IKIRENGA – RS/SPEC/0001/13/CS  
(Rugege, P.J., Kayitesi Zayinabo, Mugenzi, Mutashya, Mukanyundo,  
Kayitesi Rusera, Hatangimbabazi, Kanyange na Mukandamage, J.) 26  
Nzeri 2013]

*Amategeko agenga amatora – Inzira zo gutangamo ibirego byerekeranye n'impaka zivuka mu matora ay'abagize Inteko Ishinga Amategeko – Ubusumbane bw'amategeko – Amabwiriza anyuranyije n'Itegeko Ngenga cyangwa Itegeko – Inkiko zikurikiza amateka cyangwa amabwiriza iyo atanyuranyije n'Itegeko Nshinga n'andi mategeko – Kutabanza gushyikiriza ikirego Komisiyo y'amatora mu gihe bidateganyijwe n'andi mategeko – Itegeko Nshinga rya Repubulika y'u Rwanda ryo kuwa 04/06/2004 nkuko ryavugururwe kugeza ubu, ingingo ya 141(3) – Itegeko Ngenga n° 03/2012/OL ryo kuwa 13/06/2012 rigenga imiterere, imikorere, n'ububasha by'Urukiko rw'Ikirenga, ingigo za: 65, 66, 67 na 68.*

*Uburenganzira bwo kwiyamamaza – Impamvu yo gusesa amatora – Gukoresha ubutumwa bugufi mu kwiyamamaza ubwabyo ntibibujijwe – Ikosa riboneka harebwe uburyo bwakoreshejwe, icyo buvuga n'igihe butangiwe – Itegeko N° 27/2010 ryo kuwa 19/06/2010 rigenga amatora nk'uko ryahinduwe kandi ryujijwe kugeza ubu, ingigo za: 29 bis, 30.*

*Amategeko agenga ibimenyetso – Urega afite inshingano yo gutanga ibimenyetso, iyo abibuze aratsindwa.*

**Incamake y'ikibazo:** Tariki ya 18/09/2013 Komisiyo y'Igihugu y'Amatora yakoresheje amatora ku mwanya w'Umudepite uhagarariye abafite ubumuga. Abari biyamamaje kuri uwo mwanya bari babiri gusa, umwe muri bo ntiyashimye uko amatora yakozwe avuga ko uwo bari bayahanganyemo yakoresheje umwanya yari afite nk'umuyobozi

w'Inama y'Igihugu y'Abafite Ubumuga mu nyungu ze bwite, akoresha Umunyamabanga Nshingwabikorwa w'Inama y'Igihugu y'Abafite Ubumuga kugirango amwamamaze, ndetse ngo hari n'ubutumwa bugufi yoherezaga inteko itora ngo imutore hakaba n'amafaranga yahaye inteko itora, kubera izo mpamvu zose yatanze ikirego mu Rukiko rw'Ikirenga asaba ko aseswa hakabaho kuyasubiramo.

Mu mwanzuro watanzwe n'uwari watsinze amatora avuga ko ikirego cyatanzwe mu nzira zidateganyijwe n'ingingo ya 82 y'Amabwiriza ya Komisiyo y'Igihugu y'Amatora, iteganya ko iyo havutse ibibazo mu gihe cyo kwiyamamaza bigomba kubanza gushyikirizwa Komisiyo mbere y'uko haregerwa inzego z'ubutabera zibifitiye ububasha, akaba asaba Urukiko kutakira ikirego.

**Incamake y'icyemezo:** 1. Iyakirwa ry'ikirego ntiryashingirwa ku mabwiriza ya Komisiyo y'Igihugu y'Amatora N° 03/2013 yo kuwa 23/07/2013 agenga amatora y'abagize Inteko Ishinga Amategeko, Umutwe w'Abadepite kuko anyuranyije n'Itegeko Ngenga N° 03/2012/OL ryo kuwa 13/06/2012 rigena imiterere, imikorere, n'ububasha by'Urukiko rw'Ikirenga n'Itegeko N° 27/2010 ryo kuwa 19/06/2010 rigenga amatora nk'uko ryahinduwe kandi ryujijwe kugeza ubu kuko yo ntaho ateganya ko bene icyo kirego kigomba kubanza gushyikirizwa Komisiyo y'Igihugu y'Amatora mbere yo kuregera Inkiko kandi ingingo yi 141 y' Itegeko nshinga ivuga ko inkiko zikurikiza amateka cyangwa amabwiriza iyo atanyuranyije n'Itegeko Nshinga n'andi mategeko bityo iri Tegeko Ngenga akaba ari naryo rikwiye gushingirwaho kandi kuba urega yarubahirije igihe cy'amasaha 48 giteganyijwe mu ngingo ya 67 yaryo, ikirego kikaba gikwiye kwakirwa.

2. Uwareze nta kimenyetso yatanze kigaragaza ko uwatsinze amatora yakoresheje umwanya afite mu nyungu ze bwite n'icy'uko hari amafaranga yahawe inteko itora kugira ngo atorwe. Urega afite inshingano yo kugeza ku Rukiko ibimenyetso, iyo abibuze aratsindwa bityo amatora akaba atagomba guseswa.

**Ikirego nta shingiro gifite.  
Amatora ntasheshwe.**

**Amategeko yashingiweho:**

*Itegeko nshinga rya Repubulika y'u Rwanda ryo kuwa 04/06/2004 nkuko ryavugururwe kugeza ubu, ingingo za: 93, 141, 145 (5).*

*Itegeko ngenga n° 03/2012/OL ryo kuwa 13/06/2012 rigena imiterere, imikorere, n'ububashaby'Urukiko rw'Ikirenga, ingingo za: 67, 71-79.*

*Itegeko n° 27/2010 ryo kuwa 19/06/2010 rigenga amatora, ingingo ya 29 bis, 30.*

*Amabwiriza ya komisiyo y'igihugu y'amatora, ingingo za 80, 82.*

**Nta manza zifashishijwe.**

## **Urubanza**

### **I. IMITERERE Y'URUBANZA**

[1] Ku itariki ya 18/09/2013, Komisiyo y'Igihugu y'Amatora yakoresheje amatora ku mwanya w'Umudepite uhagarariye abafite ubumuga<sup>1</sup>. Bamwe mu bakandida biyamamaje kuri uwo mwanya ni Rusiha Gastone na Rwamucyo Gisaza Séverin. Kuri uwo muni, Komisiyo y'Igihugu y'Amatora yatangaje by'agateganyo ko Rusiha Gastone ariwe watsindiye uwo mwanya w'Umudepite uhagarariye abafite ubumuga. Ku itariki ya 20/09/2013, Rwamucyo Gisaza Séverin yatanze ikirego mu Rukiko w'Ikirenga kijuririra ibyavuye mu matora yabaye kuwa 18/09/2013 ku mwanya w'umudepite uhagarariye abafite ubumuga, asaba ko amatora yaseswa agasubirwamo.

---

<sup>1</sup> Reba ingingo ya 76, 4° y'Itegeko Nshinga "... Umutwe w'Abadepite ugizwe n'Abadepite 80 bakurikira : ..... **umwe utorwa n'inama y'igihugu y'abantu bafite ubumuga**"

[2] Nk'uko Itegeko Ngenga n° 03/2012/OL ryo ku wa 13/06/2012 rigena imiterere, imikorere, n'ububasha by'Urukiko rw'Ikirenga mu ngingo yaryo ya 66 ribiteganya, ku wa mbere tariki ya 23/09/2013, Perezida w'Urukiko rw'Ikirenga yandikiye Minisitiri ufite amatora mu nshingano ze na Perezida wa Komisiyo y'Igihugu y'Amatora, abamenyeshya ko Urukiko rw'Ikirenga rwashyikirijwe ikirego na Rwamucyo Gisaza Séverin asaba ko amatora yabaye ku wa 18/09/2013 ku mwanya w'Umudepite uhagaririye abafite ubumuga yaseswa, amatora agasubirwamo bushyashya. Ku muni ukurikiyeho, Komisiyo y'Igihugu y'Amatora na Rusiha Gastone bahamagawe mu bwanditsi bw'Urukiko rw'Ikirenga bahabwa imyanzuro ikubiyemo ikirego cyatanzwe na Rwamucyo Gisaza Séverin, basabwa kugira icyo bakivugaho mu nyandiko.

[3] Ku itariki ya 25/09/2013, Urukiko rw'Ikirenga rwakiriye imyanzuro yatanzwe n'Intumwa ya Leta, Me Rubango Epimaque igaragaza icyo Komisiyo y'Igihugu y'Amatora ivuga ku kirego cyatanzwe na Rwamucyo Gisaza Séverin. Urukiko rw'Ikirenga rwanakiriye kandi imyanzuro yatanzwe na Rusiha Gastone igaragaza icyo avuga kuri icyo kirego.

[4] Iburanisha ry'urubanza ryashyizwe ku itariki ya 25/09/2013, saa cyenda z'amanya. Nkuko biteganywa n'ingingo ya 71 y'Itegeko Ngenga n° 03/2012/OL ryo ku wa 13/06/2012 rigena imiterere, imikorere, n'ububasha by'Urukiko rw'Ikirenga, iburanisha ry'urubanza ryabereye mu ruhame, Urukiko ruburanisha rushingiye ku nyandiko gusa. Isomwa ry'urubanza ryashyizwe ku itariki ya 26/09/2013.

## **II. IBIBAZO BIRI MU RUBANZA N'ISESENGURA RYABYO**

**A. Kumenya niba ikirego cyatanzwe na Rwamucyo Gisaza Séverin kitagomba kwakirwa kuko atabanje kukigeza kuri Komisiyo y'Igihugu y'Amatora.**

[5] Mu nyandiko itanga ikirego mu Rukiko rw'Ikirenga, Rwamucyo Gisaza Séverin avuga ko ikirego yagishyikirije Urukiko ashingiye ku ngingo ya 145 y'Itegeko Nshinga iha ububasha Urukiko rw'Ikirenga bwo guca imanza zerekeye amatora y'abagize Inteko Ishinga Amategeko.

[6] Mu mwanzuro we, yisobanura ku kirego cyatanzwe na Rwamucyo Gisaza Séverin, Rusiha Gastone asaba Urukiko kutakira ikirego kuko uwagitanze atabanje kukigeza kuri Komisiyo y'Igihugu y'Amatora nk'uko biteganywa n'ingingo ya 82 y'Amabwiriza ya Komisiyo y'Igihugu y'Amatora N° 03/2013 yo kuwa 23/07/2013 agenga amatora y'abagize Inteko Ishinga Amategeko, Umutwe w'Abadepite.

## **UKO URUKIKO RUBIBONA**

[7] Ingingo ya 145, 5° y'Itegeko Nshinga ivuga ko Urukiko rw'Ikirenga rushinzwe by'umwihariko guca imanza zerekeye amatora ya Perezida wa Repubulika, ay'abagize Inteko Ishinga Amategeko, n'aya referandumu. Iyi ngingo y'Itegeko Nshinga igaragaza ko Urukiko rw'Ikirenga rwahawe ububasha bwo kuburanisha imanza zerekeye amatora y'abagize Inteko Ishinga Amategeko, yunganirwa n'andi mategeko asobanura mu buryo burambuye uko iki kirego gitangwa, abafite uburenganzira bwo kugitanga n'uko kiburanishwa mu Rukiko rw'Ikirenga.

[8] Ingingo ya 82 y'Amabwiriza ya Komisiyo y'Igihugu y'Amatora n° 03/2013 yo kuwa 23/07/2013 agenga amatora y'abagize Inteko Ishinga Amategeko, Umutwe w'Abadepite, yo ivuga ko iyo havutse ibibazo mu gihe cyo kwiyamamaza, Abakandida bagomba kwiyambaza urwego rwa Komisiyo y'Igihugu y'Amatora, ibyo bibazo byaba bidakemutse hakaregerwa inzego z'ubutabera zibifitiye ububasha.

[9] Nubwo ingingo ya 82 y'Amabwiriza ya Komisiyo y'Igihugu y'Amatora ivugwa mu gika kibanziriza iki, iteganya ko iyo havutse ibibazo mu gihe cyo kwiyamamaza bigomba kubanza gushyikirizwa



Komisiyo mbere yuko haregerwa inzego z'ubutabera zibifitiye ububasha, Itegeko Ngenga n° 03/2012/OL ryo ku wa 13/06/2012 rigena imiterere, imikorere, n'ububasha by'Urukiko rw'Ikirenga ryo ntiriteganyana ko ikirego cyerekeranye n'impaka zivuka mu bikorwa by'amatora kibanza gushyikirizwa Komisiyo y'Igihugu y'Amatora mbere yuko gitangwa mu Rukiko rw'Ikirenga.

[10] Ingingo ya 67 y'iryo Tegeko Ngenga ivuga ko iyo hari impaka ku bijyanye n'iyandikwa ry'abakandida ku mwanya wa Perezida wa Repubulika cyangwa uw'abagize Inteko Ishinga Amategeko, cyangwa se ku mihango y'amatora n'uburyo amatora yakozwemo yaba aya Perezida wa Repubulika, ay'abagize Inteko Ishinga Amategeko kimwe n'aya Referendumu, ababifitiye uburenganzira bavuzwe mu ngingo ya 66<sup>2</sup> y'iri Tegeko Ngenga baregera Urukiko rw'Ikirenga basaba kuvanaho icyemezo kibabangamiye cyangwa gusesa amatora yakozwe bitewe n'ikibazo icyo ari cyo cyose mu gihe kitarenze amasaha mirongo ine n'umunani (48) uhereye igihe ilisiti y'abakandida itangarijwe cyangwa igihe ibyavuye mu matora byatangarijweho by'agateganyo. Iyi ngingo igaragaza ko Urukiko rw'Ikirenga rufite ububasha bwo kuburanisha ikirego cyerekeranye n'impaka zivuka mu bikorwa by'amatora, ikanagena uburyo icyo kirego gitangwamo. Iyo ngingo y'Itegeko Ngenga ntiteganyana ko mbere yo gutanga ikirego kibanza gushyikirizwa Komisiyo y'Igihugu y'Amatora.

[11] Uretse Itegeko Ngenga rigena imiterere, imikorere, n'ububasha by'Urukiko rw'Ikirenga, n'Itegeko n° 27/2010 ryo kuwa 19/06/2010 rigenga amatora nkuko ryahinduwe kandi ryujijwe kugeza ubu, rigena kuva ku ngingo yaryo ya 71 kugeza kuya 79 inzira ikurikizwa mu manza zirebana n'amatora ya referandumu, aya Perezida wa Repubulika, n'ay'abagize Inteko Ishinga Amategeko, iri Tegeko Ngenga naryo, nta na hamwe rivuga ko ibirego muri izi manza bibanza

---

<sup>2</sup> Ingingo ya 66 ivuga iti “uburenganzira bwo kuregera Urukiko rw'Ikirenga buhariwe buri mwenegihugu wese, buri mukandida, buri mutwe wa Politiki, cyangwa Komisiyo y'Igihugu y'Amatora.....”

kugezwa kuri Komisiyo y'Igihugu y'Amatora mbere yuko bitangwa mu Rukiko.

[12] Ingingo ya 93 y'Itegeko Nshinga rya Repubulika y'u Rwanda ryo kuwa 04/06/2003 nk'uko ryavuguruwe kugeza ubu igena uburyo amategeko atorwamo n'ubusumbane bwayo. Mu gika cya nyuma cy'iyongero, harimo ko nta na rimwe itegeko ngenga rivuguruza Itegeko Nshinga, nta nubwo itegeko risanzwe cyangwa itegeko teka rivuguruza itegeko ngenga, cyangwa se ngo iteka cyangwa amabwiriza bivuguruze itegeko. Iyi ngingo kandi yuzuzwa n'iya 141, igika cya gatatu ivuga ko Inkiko zikurikiza amateka cyangwa amabwiriza iyo atanyuranyije n'Itegeko Nshinga n'andi mategeko. Urukiko rw'Ikirenga rushingiye kuri izi ngingo, rusanga iyakirwa ry'ikirego rwashyikirijwe na Rwamucyo Gisaza Séverin rigomba gushingira ku Itegeko Ngenga n° 03/2012/OL ryo kuwa 13/06/2012 rigena imiterere, imikorere, n'ububasha by'Urukiko rw'Ikirenga aho gushingira ku ngingo ya 80 y'amabwiriza ya Komisiyo y'Igihugu y'Amatora N° 03/2013 yo kuwa 23/07/2013 agenga amatora y'abagize Inteko Ishinga Amategeko, Umutwe w'Abadepite.

[13] Rwamucyo Gisaza Séverin yatanze ikirego igihe cy'amasaha 48 kivugwa mu ngingo 67 y'Itegeko Ngenga N° 03/2012/OL ryo kuwa 13/06/2012 rigena imiterere, imikorere, n'ububasha by'Urukiko rw'Ikirenga kitararangira kuko yagitanze ku itariki 20/09/2013. Bikaba bitari ngombwa ko abanza kugeza icyo kirego kuri Komisiyo y'Igihugu y'Amatora. Urukiko rw'Ikirenga rukaba rusanga yatanze ikirego anyuze mu nzira ziteganywa n'amategeko, bityo ikirego yatanze kikaba gikwiye kwakirwa.

**B. Kumenya niba hari impamvu amatora yabaye ku itariki ya 18/09/2013 ku mwanya w'Umudepite uhagarariye abafite ubumuga akwiye guseswa.**

[14] Rwamucyo Gisaza Séverin watanze ikirego asaba ko amatora ku mwanya w'Umudepite uhagarariye abafite ubumuga yabaye kuwa 18/09/2013 yaseswa kubera ko Rusiha Gastone watangajwe by'agateganyo ko ariwe watsinze kuri uwo mwanya, yatsinze

hakoreshejwe umwanya abayobozi bafite mu nyungu zabo bwite bagatanga “briefing” ndetse ngo hakaba haranabonetse ruswa ikabije.

[15] Rwamucyo Gisaza Séverin avuga ko Rusiha Gastone yakoresheje umwanya afite mu nyungu ze bwite nk'umuyobozi w'Inama y'Igihugu y'Abafite Ubumuga, anakoresha Ndayisaba Emmanuel, Umunyamabanga Nshingwabikorwa w'Inama y'Igihugu y'Abafite ubumuga kugirango amwamamaze. Akomeza avuga ko Ndayisaba Emmanuel yahamagaye abahuzabikorwa b'Inama y'Igihugu y'Abafite ubumuga b'Intara y'Amajyaruguru, Intara y'Amajyepfo n'Umujyi wa Kigali ababwira ko bagomba gushyigikira no kwamamaza Rusiha Gastone.

[16] Akomeza avuga ko hari na sms zoherejwe n'abo bahuzabikorwa zisaba inteko itora, gutora Rusiha Gastone. Ko kandi icyo gikorwa cyaranzwe na ruswa yagaragajwe na cheque yahawe Sekamonyo Venuste ingana na 500.000 FRW yahawe abari bagize inteko itora hakoreshejwe MTN mobile money na TIGO Cash.

[17] Intumwa ya Leta, Me Rubango Epimaque uhagarariye Komisiyo y'Igihugu y'Amatora, yavuze ko ibyo Rwamucyo Gisaza Séverin yavuze nta bimenyetso yabitangiye, akaba asanga gahunda yo kwiyamamaza kw'abakandida bafite ubumuga yagenze neza, nta gikorwa kinyuraniye n'ingingo ya 80 y'Amabwiriza ya Komisiyo y'Igihugu y'Amatora cyabayeho, cyane cyane ko nta n'ikirego Komisiyo yakiriye muri urwo rwego.

[18] Rusiha Gastone avuga ko Rwamucyo Gisaza Séverin atigeze agaragaza ibikorwa binyuraniye n'amategeko byaba byarakozwe na Ndayisaba Emmanuel amwamamaza, ko na sms nk'uburyo bw'itumanaho zitabujijwe n'amategeko mu gikorwa cyo kwiyamamaza. Rusiha Gastone avuga kandi ko atigeze asaba Ndayisaba Emmanuel kumwamamaza. Ku byerekeye cheque, Rusiha Gastone avuga ko ntayo yigeze aha abamutoye kandi n'awareze nta kimenyetso abitangira.

[19] Rusiha Gastone avuga na none ko atigeze akoresha umwanya w'ubuyobozi bw'Inama y'Igihugu y'Abafite ubumuga kuko igihe amatora yabaga yari yarahagaritse imirimo ye kuri uwo mwanya by'agateganyo.

## **UKO URUKIKO RUBIBONA**

[20] Rwamucyo Gisaza Séverin avuga ko uburyo Rusiha Gastone yakoresheje yiyamaza butanyuze mu nzira zikurikije amategeko. Amabwiriza ya Komisiyo y'Igihugu y'Amatora mu ngingo yayo ya 80 ateganya uko kwiyamamaza kw'abakandida bafite ubumuga bikorwa, Itegeko N° 27/2010 ryo kuwa 19/06/2010 rigenga amatora nkuko ryahinduwe kandi ryujijwe kugeza ubu, mu ngingo yaryo ya 30 ryo ryerekana ibibujijwe mu gihe cyo kwiyamamaza.

[21] Ingingo ya 80 y'Amabwiriza ya Komisiyo y'Igihugu y'Amatora n° 03/2013 yo kuwa 23/07/2013 agenga amatora y'abagize Inteko Ishinga Amategeko, Umutwe w'Abadepite igira iti "Abakandida ku mwanya w'Umudepite ufite ubumuga biyamamaza ku muni w'itora imbere y'abagize Inteko itora, bahurizwa hamwe ku rwego rw'Igihugu ahagenwa na Komisiyo y'Igihugu y'Amatora. Ariko mbere y'umunsi w'itora, Umukandida ubyifuje ashobora gutegura gahunda ye yihariye yo kwiyamamaza imbere y'Abagize inteko itora, akayimenyesha mu nyandiko ubuyobozi bw'Akarere k'aho yifuza kwiyamamariza hasigaye nibura amasaha makumyabiri n'ane (24) kugira ngo yiyamamaze. Ishami rya Komisiyo y'Igihugu y'Amatora ku rwego rw'Akarere ry'aho ashaka kwiyamamariza rigenerwa kopi kugira ngo rishobore gukurikirana ukwiyamamaza kw'Abakandida". Iyi ngingo igaragaza ku buryo busobanutse uko Abakandida ku mwanya w'Umudepite ufite ubumuga biyamamaza. Icyo Rwamucyo Gisaza Séverin avuga ko kitagenze nkuko iyi ngingo ibiteganyaga, n'uko haba harabayeho kwiyamamaza no kwamamaza Rusiha Gastone mbere y'uko abagize Inteko itora, bahurizwa hamwe ku rwego rw'Igihugu ahagenwe na Komisiyo y'Igihugu y'Amatora.

[22] Urukiko rusanga imvugo ya Rwamucyo Gisaza Séverin yuko Ndayisaba Emmanuel, Umunyamabanga Nshingwabikorwa w'Inama y'Igihugu y'Abafite ubumuga yahamagaye abahuzabikorwa b'Inama y'Igihugu y'Abafite ubumuga b'Intara y'Amajyaruguru, iy'Amajyepfo n'Umujyi wa Kigali mbere yuko inteko itora ihurizwa hamwe, akabasaba gutora no gutoresha Rusiha Gastone rutayishingiraho rwemeza ko kwamamaza Rusiha Gastone byatangiyeye mbere y'igihe kivugwa mu ngingo ya 80 y'Amabwiriza ivugwa mu gika kibanziriza iki, kuko uretse kubivuga nta kimenyetso na kimwe yigeze ageza ku Rukiko kigaragaza ko ibyo bintu byabayeho.

[23] Kubirebana no kuba Rusiha Gastone yarakoresheje umwanya afite mu nyungu ze bwite nk'umuyobozi w'Inama y'Igihugu y'Abafite Ubumuga akiyamamaza mbere yuko abagize Inteko itora, bahurizwa hamwe ku rwego rw'Igihugu ahagenwe na Komisiyo y'Igihugu y'Amatora, Urukiko rurasanga uretse kubivuga gusa nta kimenyetso na kimwe gitangwa na Rwamucyo Gisaza Séverin kigaragaza ukuri kw'ibyo avuga. Uretse nibyo kandi, ku itariki ya 22/08/2013, Rusiha Gastone yandikiye Visi Perezida w'Inama y'Igihugu y'Abafite ubumuga amumenyesha ko ahagaritse by'agateganyo imirimo yo kuba Perezida w'iyi Nama.

[24] Ku birebana n'ibyo Rwamucyo Gisaza Séverin avuga ko hari sms zaba zarohererejwe inteko itora, bigomba gusuzumwa hagendewe ku biteganywa n'amategeko. Ingingo ya 29 bis y'Itegeko N° 27/2010 ryo kuwa 19/06/2010 rigenga amatora nkuko ryahinduwe kandi ryujijwe kugeza ubu, igira iti "mu matora yose, umukandida afite uburenganzira bwo kumanika ibimwamamaza no gukoresha ibindi byose bimwamamaza....". Ingingo ya 30 y'iri Tegeko yo ikagira iti "birabujijwe mu gihe cyo kwiyamamaza cyangwa kwamamaza gukora ibintu bikurikira hagamijwe guhindura cyangwa kugerageza guhindura imitekerereze by'ugomba gutora: Gukoresha umutungo wa Leta aho waba uri hose mu buryo bunyuranyije n'amategeko; Gutuka cyangwa gusebya mu buryo ubwo aribwo bwose undi mukandida; Gushingira ku ivangura iryo ariryo ryose n'amacakubiri"

[25] Urukiko rurasanga, hashingiwe ku bivugwa mu ngingo zivugwa mu gika kibanziriza iki, gukoresha sms mu kwiyamamaza no kwamamaza ubwabyo bitabujijwe, ahubwo ikibazo gishobora kuba uburyo izo sms zikoreshejwe, icyo zivuga n’igihe zitangiwe. Kubireba n’uru rubanza, sms zatanzwe na Rwamucyo Gisaza nk’ikimenyetso, ntizisobanutse. Ni izo yoherejwe nyuma y’amatora, ntabwo ari izakoreshejwe mu kwiyamamaza cyangwa mu kwamamaza Rusiha Gastone. Nta nubwo zigaragaza ko Rusiha Gastone yatowe ku gahato, n’uwaba yarabigizemo uruhare. Zigaragaza gusa imvugo zitagize icyo zisobanuye nko kuvuga ngo “byananiranye, barashaka ko turobinga so wanyu RG, ariko twifashe turindiriye ibyo mu kazu”, “hari iturufu ije ngo nadatorwa arivumbura, ngibyo aho byavuye”, “pole badukozeho nyine”.

[26] Kubirebana na ruswa yaba yatanzwe binyuze kuri cheque ya 500.000 FRW Rwamucyo Gisaza Séverin avuga ko yahawe Sekamonyo Venuste ngo ahabwe abagize inteko itora, iyo cheque ntabwo yigeze yerekwa Urukiko. Uretse nibyo, ntabwo Rwamucyo Gisaza Séverin atanga andi makuru kuri iyo cheque nka Banki yari kwifashishwa mu kubikuzza iyo cheque, numero zayo, ndetse n’uwayitanze, n’ikimenyetso cyuko ayo amafaranga yari guhabwa abagize inteko itora. Ibi byose byari gufasha Urukiko gusuzuma icyo kimenyetso avuga.

[27] Urukiko rurasanga byaba gukoresha umwanya umuntu afite mu nyungu ze bwite, na cheque ya 500.000 FRW Rwamucyo Gisaza Séverin avuga ko yari igenewe inteko itora, nta kimenyetso na kimwe uwareze abitangira. Naho kubirebana n’ibyo asaba ko Urukiko rwamushakira, Urukiko rurasanga amakuru yarushyikirije adahagije ku buryo byarworohera kumenya uwohereje amafaranga n’uwayoherejwe, n’impamvu ayo mafaranga yoherejwe. Ikindi kandi, uwareze niwe ufite inshingano yo kugeza ku Rukiko ibimenyetso. Iyo abibuze aratsindwa.

### **III. ICYEMEZO CY'URUKIKO**

[28] Urukiko rw'Ikirenga rwemeye kwakira ikirego rwashyikirijwe na Rwamucyo Gisaza Séverin.

[29] Rwemeje ko icyo kirego kidafite ishingiro.

[30] Rwemeje ko amatora yabaye ku itariki 18/09/2013 ku mwanya w'uhabarariye abafite ubumuga mu Nteko Ishinga Amategeko adasheshwe.

**IMANZA Z'UBUTEGETSI**



## BUGIRIMFURA v. UMUJYI WA KIGALI N'ABANDI

[Rwanda URUKIKO RW'IKIRENGA – RADA 0033/11/CS  
(Mutashya, P.J., Mukanyundo na Kayitesi, J.) 11 Nzeri 2013]

*Amategeko agenga imiburanishirize y'imaza z'ubutegetsu – Iyakirwa ry'ikirego gisaba gukuraho icyemezo cy'umuyobozi – Mbere yo kuregera Urukiko, unenga icyemezo agomba kubanza gutakambira uwagifashe cyangwa umuyobozi w'urwego rwisumbuyeho igihe cyo kuregera Urukiko kitararenga – Itegeko ryo kuwa 23/02/1963 ritunganya Urukiko rw'Ikirenga, ingingo ya 106 igika cya 6.*

**Incamake y'ikibazo:** Bugirimfura Alfred avuga ko yari afite ikibanza mu Murenge wa Gatanga, Akarere ka Kicukiro akaza kucyamburwa n'Umujyi wa Kigali mu buryo bunyuranyije n'amategeko ukagiha Fariyara John. Kuwa 04 Ugushyingo 1999 yatakambiye ubuyobozi bw'Umujyi wa Kigali ntiyagira igisubizo ahabwa maze kuwa 30 Werurwe 2002, aregera Urukiko rwa mbere rw'iremezo, nyuma y'ivugurwa ry'amategeko, urwo rubanza ruburishwa n'urukiko Rukuru ku rwego rwa mbere kuko ari rwo rwari rufite ububasha, rwemeza ko ikirego kitakiriwe kuko yaregeye urukiko akererewe nyuma yo gutakamba. Bigirimfura yajuririye Urukiko rw'Ikirenga avuga ko umucamanza w'Urukiko Rukuru yibeshye akavuga ko urubanza rwatangiyeye muri 2007 nyamara rwaratangiye muri 2002 bituma yemeza ko ikirego cyatanzwe gitinze atariko biri.

**Incamake y'icyemezo:** 1. Kuba unenga icyemezo yaratakambiye ubuyobozi bw'umujyi wa Kigali kuwa 4 Ugushyingo 1999 hagashira igihe cy'amezi abiri atarahabwa igisubizo bifatwa nk'aho nta cyahindutse ku cyemezo cyatakambiye bityo kuregara Urukiko kuwa 30 Mata 2002, n'ukuvuga amezi atatu itegeko ryamuteganyirizaga kuba yaregeye Urukiko yararenze bituma ikirego cye kitakwirwa kuko yagitanze akererewe.

**Ubujurire nta shingiro bufite  
Amagarama y'urubanza aherereye ku regwa.**

**Amategeko yashingiweho :**

*Itegeko ryo kuwa 23/02/1963ritunganya Urukiko rw'Ikirenga, ingingo ya 106.*

**Nta manza zifashishijwe.**

**Urubanza**

**I. IMITERERE Y'URUBANZA**

[1] Bugirimfura Alfred avuga ko yari afite ikibanza mu Murenge wa Gatanga, Akarere ka Kicukiro akaza kucyamburwa n'Umujyi wa Kigali mu buryo bunyuranyije n'amategeko ukagiha Fariyara John. Bugirimfura Alfred yatanze ikirego mu Rukiko Rwisumbuye rwa Nyarugenge maze Urukiko rwemeza ko rudafite ububasha bwo kuburanisha urwo rubanza rurwohereza mu Rukiko Rukuru.

[2] Urukiko Rukuru mbere yo kuburanisha urubanza mu mizi rwabajije Bugirimfura Alfred niba yarabanje gutakambira umutegetsi wafashe icyemezo cyo kumwambura ikibanza, asubiza ko yatakambiye ubuyobozi ku wa 04/11/1999 ntagire igisubizo ahabwa agatangira kuregera inkiko muri 2001. Urukiko Rukuru rwafashe icyemezo kuri iyo nzitizi rwemeza ko ikirego cya Bugirimfura Alfred kitakiriwe kubera ko atubahirije ibijyanye n'imihango yo gutakamba.

[3] Urukiko Rukuru rwasanze n'ubwo Bugirimfura Alfred yatakambye mbere y' umwaka wa 2004 mbere y'uko hajyaho itegeko riteganywa igihe cy'amezi atandatu k'uwumva atanyuzwe agomba gutangamo ikirego n'uburyo ayo mezi 6 abarwa, ariko ntacyo yakoze nyuma y'aho iryo tegeko rigiriyeho, bikarinda kugera aho atanga

ikirego mu rukiko nyuma y'imyaka irindwi (7) mu gihe itegeko riteganywa igihe cy'amezi atandatu(6) gusa.

[4] Bugirimfura Alfred yajuririye urubanza mu Rukiko rw'Ikirenga, avuga ko impamvu zatumye ajurira ari uko Umucamanza yibeshye akavuga ko urubanza rwatangiyeye muri 2007 kandi ataribwo kuko rwatangiyeye muri 2002, uko kwibeshya kukaba kwatumye yemeza ko ikirego cyatanzwe gitinze nyamara atariko biri.

[5] Iburanisha ryashyizwe ku wa 02/07/2013, uwo muni abaturanyi baritaba, Bugirimfura Alfred yunganiye na Me Hakizimana Aloys, abazungura ba Fariyara John bahagarariye na Me Manirahari Nouredine, naho Umujyi wa Kigali uhagarariye na Me Rubango Epimaque.

[6] Ikibazo kigomba gusuzumwa muri uru rubanza, ni icyo kumenya niba BUGIRIMFURA yarubahirije igihe cyo gutanga ikirego mu nkiko nyuma y'itakamba.

## **II. ISESENGURA RY'IKIBAZO N'UKO URUKIKO RUBIBONA**

[7] Mu gusobanura ubujurire bwe, Bugirimfura Alfred n'umwunganira bavuga ko umucamanza wo mu Rukiko Rukuru atasesenguye neza inyandiko ziri muri dosiye, ngo kuko iyo azisesengura, yari kubona ko atatanze ikirego mu Rukiko Rwisumbuye rwa Nyarugenge muri 2007 nkuko abivuga, ahubwo ko yagitanze mu Rukiko rwa Mbere rw'Iremezo rwa Kigali kuwa 30/03/2002 kigahabwa n° RC 37.938/02. Avuga ko urwo rubanza rwamaze igihe kigera ku myaka ine (4) rutaraburanishwa ku buryo ivugurura ry'amategeko ryasanze rukiri ahongaho ruhabwa indi numero ariyo RAD 0016/07/NYGE.

[8] Bakomeza bavuga ko kubera kwibeshya ku gihe ikirego cyatangiyeye, byatumye umucamanza yemeza ko hatubahirijwe igihe cy'amezi atandatu (6) ikirego kigomba kuba cyagejwe mu Rukiko

nyuma yo gutakambira umutegetsi wafashe icyemezo nkuko byateganywaga n'ingingo ya 339 y'itegeko n° 18/2004 ryo ku wa 20/06/2004 ryagengaga imiburanishirize y'imanza z'imbonezamubano, iz'ubucuruzi, iz'umurimo n'iz'ubutegetsi.

[9] Bavuga nanone ko uko kwibeshya kwatumye umucamanza yemeza ko kuwa kuwa 04/11/1999 itariki yatakambiyeho (Bugirimfura Alfred) kwa Perefe w'Umujyi wa Kigali, kugeza muri 2007 umwaka yatangiyeho ikirego mu Rukiko Rwisumbuye rwa Nyarugenge, ya mezi atandatu(6) yavuzwe haruguru yari yararenze, bakaba basanga iryo tegeko ritari gushingirwaho kuko ryagiyeho hashize igihe urwo rubanza rwararegewe.

[10] Me Manirahari Nouredine uhagarariye abazungura ba Fariyara John avuga ko Bugirimfura Alfred yagombye kuba yaratangiye "procédure" nshyashya kubera ko ibya mbere byari byarangiye akaba yatanze ikirego muri 2001 akaza kukireka bityo ibintu bigasubira uko byari bimeze, akaba rero yaragombaga gutakamba nk'uko Urukiko Rukuru rwabyemeje.

[11] Me Rubango Epimaque uhagarariye Umujyi wa Kigali avuga ko ababuranyi bombi bemeranya ko itakamba ryabaye muri 1999, ko rero niba hakurikijwe ibyo Bugirimfura Alfred avuga ko urubanza rwatangiriye mu Rukiko rwa Kanto muri 2001, rugakomeza muri 2002 no muri 2007, ikirego cyaba cyaratanzwe igihe cyararenze haherewe kuwa 04/11/1999 avuga ko ariho yatakambye, kuko haba ku bw'Itegeko ryo kuwa 23/02/1963 ritunganya Urukiko rw'Ikirenga ryakurikizwaga mbere ya 2004, ndetse n'Itegeko n° 18/2004 ryo ku wa 20/06/2004 ryagengaga imiburanishirize y'imanza z'imbonezamubano, iz'ubucuruzi, iz'umurimo n'iz'ubutegetsi, nta gihe gutakamba bitari biteganyijwe muri ayo mategeko yombi, ko aho byari bitandukaniye gusa, hari ku ngano y'igihe ikirego cyagombaga gutangirwamo haherewe igihe itakamba ryabereye, ko rero umwanzuro Urukiko rwafashe w'uko igihe cyo gutanga ikirego nyuma y'itakamba kitubahirijwe, ugomba kugumaho.

## UKO URUKIKO RUBIBONA

[12] Inyandiko ziri muri dosiye zigaragaza ko kuwa 04/11/1999, Bugirimfura Alfred yandikiye uwari Perefe wa Perefegitura y'Umujyi wa Kigali atakamba amusaba kurenganurwa agasubizwa uburenganzira ku kibanza yari yambuwe n'Umujyi wa Kigali, kiri muri serire ya Kanengwa, Segiteri Gatenga. Bugirimfura Alfred mu miburanire ye, avuga ko Perefe wa Perefegitura y'Umujyi wa Kigali atigeze amusubiza aricyo cyatumye atanga ikirego mu Rukiko rwa Kanto rwa Nyamirambo kuwa 24/04/2001.

[13] Ingingo ya 106 igika cya 6 y'Itegeko ryo kuwa 23/02/1963 ritunganya Urukiko rw'Ikirenga ryakurikizwaga igihe Bugirimfura Alfred yatakambaga, yavugaga ko mbere yo kujuririra Urukiko rw'Ubutegets, abarenganijwe bagomba kubanza gutakira ababarenganije cyangwa abakuru babo ngo bakize ako karengane, kandi bakabigira igihe cyo kujuririra Urukiko rw'Ubutegets kitarashira.

[14] Mu gika cyayo cya 7 ikavuga ko umutegets watakambiwe abifitiye ububasha ntagire icyo asubiza hakarinda gushira amezi 2, ni nkaho yahakanye icyo kibazo. Igika cya 8 cy'iyi ngingo kikavuga ko igihe cy'amezi 3 cyateganyirijwe urega kuba yagejeje ikirego mu Rukiko, gitangira kubarwa kuva aho uwatakiye umutegets amenyeresherejwe igisubizo kimuhakanira, byaba bishyize kera kikabarwa kuva aho amezi 2 yateganijwe muri iyi ngingo arangiriye.

[15] Hashingiwe kuri iyi ngingo, Urukiko rurasanga Bugirimfura Alfred yaratakambye kuwa 04/11/1999 atanga ikirego mu Rukiko rwa Kanto rwa Nyamirambo kuwa 24/04/2001 hashize umwaka hafi n'igice amezi 3 itegeko ryamuteganyirije kuba yagejeje ikirego mu Rukiko yararenze kera, bivuze ko ikirego yatanze niyo ataza kukireka nkuko yabigenje muri urwo Rukiko, nubundi kitari kwakirwa, urubanza rukaba rurangiriye aho, na "procédure" yatangije ikaba irangiriye aho.

[16] Urukiko rurasanga ibyo Bugirimfura Alfred avuga ko yatanze ikirego mu Rukiko rwa Mbere rw'Iremezo rwa Kigali kuwa 30/03/2002

ashingiye ku itakamba yakoze kuwa 04/11/1999, nabyo ntacyo byamumarira kuko nabwo yari kuba yarakorerewe gutanga ikirego, kuko nkuko byavuzwe haruguru, amezi 3 itegeko ryamuteganyirizaga kuba yagejeje ikirego mu Rukiko nyuma yuko hashize amezi 2 umutegetsi adasubije, yari yararenze.

[17] Urukiko rurasanga kubera izo mpamvu, nkuko umucamanza wo mu Rukiko Rukuru yabibonye, ikirego Bugirimfura Alfred yatanze mu Rukiko rwa Mbere rw'Iremezo rwa Kigali kuwa 30/03/2002 kigahabwa n° RC 37.938/02 kikaza kuburanishwa mu rwego rwa mbere n'Urukiko Rukuru kubera ivugurura ry'amategeko, yaragitanze akererewe kikaba kitagomba kwakirwa.

[18] Urukiko rurasanga nubwo umucamanza wo mu Rukiko Rukuru nawe yari yemeje ko ikirego kitagomba kwakirwa, atari gushingira icyemezo cye ku itegeko n°18/2004 ryo ku wa 20/06/2004 ryagengaga imiburanishirize y'imanza z'imbonezamubano, iz'ubucuruzi, iz'umurimo n'iz'ubutegetsi kuko ryari ritarajyaho ahubwo yari kugishingira ku itegeko ryo kuwa 23/02/1963 ritunganya Urukiko rw'Ikirenga ryakoreshwaga igihe BUGIRIMFURA Alfred yatakambaga.

### **III. ICYEMEZO CY'URUKIKO**

[19] Rwemeje ko ubujurire bwa Bugirimfura Alfred nta shingiro bufite;

[20] Rumutegetse gutanga amafaranga y'amagarama angana na 37.500 Frw habariwemo n'ayo mu Rukiko Rukuru, atayatanga akava mu bye ku ngufu za Leta.

# NSHIMYUMUREMYI v. LETA Y'URWANDA N'ABANDI

[Rwanda URUKIKO RW'IKIRENGA – RADA0032/11/CS  
(Kanyange, P.J., Mukandamage na Rugabirwa, J.) 06 Nzeri 2013]

*Amategeko y'ubutegetsi – Ikirego kigamije iseswa rya cyamunara – Agaciro k'ikirego gisaba gusesa cyamunara yabaye hashingiwe ku cyemezo cy'Urukiko mu gihe habaye ukwibeshya kuri numero yacyo mu nyandiko y'igurisha – Uko kwibeshya kuri numero y'icyemezo gufatwa nk'ikosa ry'imyandikire rishobora gukosorwa – Ntacyatuma cyamunara iseswa mu gihe urega ntacyo anenga icyemezo cy'urukiko cyashingiweho mu kuyikora.*

*Amategeko agenga amasezerano cyangwa imirimo nshinganwa – Indishyi zinyuranye zikomoka ku kirego gisaba iseswa rya cyamunara – Indishyi z'ikurikiranarubanza n'igihembo cy'Avoka – Indishyi zisabwa n'urega ntiyazihabwa mu gihe cyamunara idasheshwe, ariko abaregwa bahabwa indishyi z'ikurikiranarubanza n'igihembo cya Avoka.*

**Incamake y'ikibazo:** Tariki ya 07/01/1994 Ndagijimana Jean Pierre yafashe umwenda muri BACAR ubu yahindutse FINA BANK Ltd yishingirwa n'umugore we Murekatete hamwe na Nshimyumuremyi. Ndagijimana yananiwe kwishyura umwenda maze BACAR iregera Urukiko rwa mbere rw'Iremezo rwa Kigali, rutegeka Ndagijimana, Murekatete na Nshimyumuremyi kwishyura umwenda batawishyura ukavanwa mu byabo ku ngufu. Ishingiye kuri urwo rubanza, BACAR yasabye Perezida w'Urukiko rwa mbere rw'Iremezo rwa Kigali icyemezo cyo guteza cyamunara inzu eshatu harimo n'iya Nshimyumuremyi yari mu kibanza n° 345 i Nyarugenge maze Urukiko rufata icyemezo n° 501/99 gitegeka ko izo nzu zitezwa cyaunara, iya Nshimyumuremyi igurwa na Rubangura Vedaste.

Nshimyumuremyi yareze Leta y'u Rwanda, Mutabazi Etienne (Noteri wa Leta), FINA BANK, BCR n'abazungura ba Rubangura mu Rukiko

Rukuru asaba ko cyamunara y'inzu ye yakozwe kuwa 06/02/2000 yaseswa agasubizwa inzu ye cyangwa agaciro kayo, hiyongereyeho amafaranga y'ubukode, agahabwa n'indishyi. Avuga ko cyamunara yakozwe mu buryo bunyuranyije n'amategeko kuko notaire wa Leta yateje cyamunara ashingiye ku cyemezo n° 478/99 kitabayeho, kivugwa mu nyandiko y'igurisha mu cyamunara. Abaregwa bose baburana bemeza ko cyamunara yakozwe mu buryo bwemewe n'amategeko, bityo ko itagomba guseswa, Urukiko rwemeje ko ikirego cya Nshimyumuremyi nta shingiro gifite kuko cyamunara yakozwe hashingiwe ku cyemezo cy'Urukiko rwa mbere rw'Iremezo rwa Kigali n° 501/99. Nshimyumuremyi yajuririye Urukiko rw'Ikirenga avuga ko Urukiko rwemeje nta mpamvu ko inzu ye yatejwe cyamunara hashingiwe ku cyemezo cy'Urukiko n° 501/99 kandi atari byo, ko ahubwo hashingiwe ku cyemezo n° 478/99 kitabayeho, kigaragara mu cyandiko y'igurisha mu cyamunara itaravugurujwe n'awayikoze.

**Incamake y'icyemezo:** 1. Mu gihe cyamunara yakozwe hashingiwe ku cyemezo cy'Urukiko n° 501/99 kandi urega akaba ntacyo akinenga, ariko mu nyandiko y'igurisha hakagaragaramo ko cyamunara yashingiye ku cyemezo numero 478/99, bifatwa nk'ikosa ry'imyandikire rishobora gukosorwa n'uwarawe wese ubifitemo inyungu cyane cyane ko ibivugwa muri iyo nyandiko y'igurisha ari ibijyanye n'icyemezo n° 501/99. Bityo nta cyatuma cyamunara yagishingiyeho iseswa, inzu yatejwe cyamunara ikaba igomba kuguma mu maboko y'abazungura b'awayiguze.

2. Mu gihe cyamunara idasheshwe, indishyi zitandukanye urega asaba abaregwa nta shingiro ziba zifite. Abaregwa bahabwa amafaranga y'ikurikiranarubanza n'igihembo cya Avoka, naho urega ntayahabwe kuko ubujurire bwe nta shingiro bufite.

**Ubujurire nta shingiro bufite.**

**Uwajuriye ategetswe kwishyura abaregwa indishyi z'ikurikiranarubanza n'igihembo cy'avoka.**

**Amagarama aherereye ku regwa.**



**Amategeko yashingiweho:**

*Itegeko ryo kuwa 30/07/1888 ryerekeye amasezerano cyangwa imirimo nshinganwa, ingingo 276.*

*Itegeko ryo kuwa 15/07/1964 ryerekeye imiburanishirize y'imanza z'amahugu n'ubucuruzi, ingingo ya 321, 322, 345, 346, 363, 369.*

*Itegeko n° 21/2012 ryo kuwa 14/06/2012 ryerekeye imiburanishirize y'imanza z'imbonezamubano, iz'ubucuruzi, iz'umurimo n'iz'ubutegetsi, ingingo ya 168.*

**Nta manza zifashishijwe.****Urubanza****I.LIMITERERE Y' URUBANZA**

[1] Nshimyumuremyi Ephron yatanze ikirego mu Rukiko Rukuru asaba iseswa rya cyamunara yakozwe tariki ya 06/02/2000 na Notaire wa Leta, ku nzu ye iri mu kibanza n° 345 i Nyarugenge, quartier commercial, mu Mujyi wa Kigali, bisabwe na FINA BANK harangizwa urubanza RC 30039/99, ikagurwa na Rubangura Védaste, avuga ko yakozwe mu buryo budakurikije amategeko.

[2] Mu gutanga icyo kirego, ababuranira Nshimyumuremyi bavugaga ko icyemezo n° 501/99 cy'Urukiko rwa Mbere rw'Iremezo rwa Kigali gitegeka ko inzu itezwa cyamunara cyafashwe n'abacamanza batatu aho gufatwa na Perezida w'Urukiko, ko muri icyo cyemezo havugwamo iyo nzu kandi itaratanzweho ingwate ya FINA BANK, ko na Notaire yayigurishije azi neza ko atari ingwate yayo, bagasaba ko Leta yamuha indishyi kubera ayo makosa yakozwe n'abakozi bayo.

[3] Ikindi ababuranira Nshimyumuremyi bashingiragaho basaba ko cyamunara iseswa ngo ni uko muri icyo cyemezo n° 501/99 havugwamo Nshimyumuremyi Ephron, aho kuba Ndagijimana Jean Pierre wari ubereyemo umwenda FINA BANK. Banavugaga ko iyo

Banki yasabye ko inzu igurishwa kandi izi ko atari ingwate yayo kandi na nyirayo nta mwenda ayifitiye, ko ndetse itubahirije ingingo z'Itegeko ryerekeye imiburanishirize y'imanza z'amahugu n'ubucuruzi ryariho, zerekeranye na cyamunara y'imitungo itimukanwa, bagasaba ko FINA BANK ibimuhera indishyi.

[4] Mu kirego cya Nshimyumuremyi yasabye kandi ko Abazungura ba Rubangura Védaste waguze inzu bayimusubiza kuko yayiguze mu cyamunara kidakurikije amategeko, bitashoboka bakamuha agaciro kayo, BCR nayo ikamuha indishyi kuko ari yo yatanze “certificat d'enregistrement” y'inzu kandi yari yarayihaweho ingwate kubera undi mwenda.

[5] Igihe cy'iburanisha, ababuranira Nshimyumuremyi bavuze ko batagishingiye iseswa rya cyamunara ku nenge zavuzwe haruguru bavugaga ko ziri mu cyemezo n° 501/99, ko ahubwo bashingiye ku mpamvu y'uko Notaire wa Leta yateje cyamunara iyo nzu ashingiye ku cyemezo n° 478/99 kivugwa muri “acte d'adjudication” kitabayeho (imaginaire).

[6] Urukiko Rukuru rwaciye urubanza rwemeza ko ikirego cya Nshimyumuremyi nta shingiro gifite, kuko rwasanze cyamunara isabirwa guseswa yarakozwe hashingiwe ku cyemezo n° 501/99 cyafashwe n'Urukiko rwa Mbere rw'Iremezo rwa Kigali kandi ntacyo akinenga, cyane cyane ko atigeze asaba ko gihindurwa cyangwa se ko kivanwaho, ko rero hatashingiwe ku cyemezo n° 478/99 kuko nta cyerekana ko cyabayeho.

[7] Ku byerekeranye n'imihango iteganywa n'amategeko ibanziriza cyamunara, Urukiko rwavuze ko idashobora gutandukanywa n'icyemezo n° 501/99 cyavuzwe, ko kugira ngo urukiko rutegeke ko cyamunara ikorwa rwagombaga kubanza gusuzuma niba ibiteganywa n'amategeko byarakozwe, ruvuga ko urega nta kimenyetso yarugaragarije ko ibyo bitakozwe, akaba ataranaregeye urukiko igihe igwatira ry'inzu ryakorwaga nk'uko yabyemererwaga n'ingingo ya 363

y'Itegeko ryerekeye imiburanishirize y'imanza z'amahugu n'ubucuruzi ryakurikizwaga icyo gihe, ngo asabe ko amategeko yubahirizwa.

[8] Urukiko rwasanze kandi azi ko inzu itagomba kugurishwa nk'uko urega abivuga, ruvuga ko Notaire wa Leta atari afite inshingano n'ububasha byo guhindura icyemezo cy'urukiko, ngo agire ibyo akuramo, kabone n'ubwo yari kuba nta kosa yakoze, ko nta n'ikimenyetso rwashyikirijwe cy'akagambane kavugwa ko yagiranye n'abacamanza bafashe icyemezo ndetse na FINA BANK.

[9] Urukiko rwageneye mu bushishozi buri wese mu barezwe amafaranga 300.000 Frw y'ikurikiranarubanza n'igihembo cya Avoka.

[10] Nshimyumuremyi yajuririye Urukiko rw'Ikirenga avuga ko urukiko rwemeje nta mpamvu ko inzu ye yatejwe cyamunara hashingiwe ku cyemezo cy'urukiko n° 501/99 kandi atari byo, ko ahubwo hashingiwe ku cyemezo n° 478/99 kitabayeho kigaragara muri "acte d'adjudication" itaravugurujwe n'uwayikoze, ko rero atashoboraga kujuririra icyemezo kitabayeho, atabonye. Avuga na none ko cyamunara yakozwe igomba guseswa agasubizwa inzu ye cyangwa agaciro kayo, hiyongereyeho amafaranga y'ubukode bwayo kuko yakozwe mu buryo budakurikije amategeko ku buriganya bwa FINA BANK, Notaire na BCR, abo baregwa bose bakamuha indishyi.

[11] Abaregwa bavuga, buri wese, ko nta kosa ryakozwe mu igurishwa ry'inzu ya Nshimyumuremyi mu cyamunara ku buryo yaryozwa indishyi, ko kandi cyamunara yakurikije amategeko, ko rero yagumana agaciro kayo, ko nta n'indishyi akwiye guhabwa, ko ahubwo ariwe ugomba kubaha indishyi zo kuba yarabashoye mu rubanza nta mpamvu n'ibihembo by'aba avoka bababuraniye.

[12] Urubanza rwaburanishijwe mu ruhame tariki ya 09/04/2013 no kuwa 02/07/2013, Nshimyumuremyi Ephron aburanirwa na Me Munderere Léopold, Me Buhuru Pierre Célestin na Me Ntampuhwe Juvens, FINA BANK iburanirwa na Me Karangwa Vincent, BCR ihagarariye na Me Batware Jean Claude, Leta y'u Rwanda iburanirwa

na Me Sebazungu Alphonse, Intumwa Nkuru ya Leta yungirije, Mutabazi Etienne yunganiwe na Me Baragondoza Jean Damascène na Me Nzaramba Janvier, naho Abazungura ba Rubangura Védaste bahagarariwe na Me Rwagatare Janvier.

## **II. IBIBAZO BIGIZE URUBANZA N'ISESENGURA RYABYO**

**1. Kumenya niba Urukiko Rukuru rwaribeshye rukemeza ko inzu iri mu kibanza n° 345 i Nyarugenge, quartier commercial, mu Muji wa Kigali ya Nshimyumuremyi yagurishijwe mu cyamunara hashingiwe ku cyemezo n° 501/99 cy' Urukiko rwa Mbere rw'Iremezo rwa Kigali.**

[13] Ababuranira Nshimyumuremyi bavuga ko Urukiko Rukuru rwemeje ko inzu ye iri mu kibanza n° 345 i Nyarugenge, quartier commercial, mu Muji wa Kigali yatejwe cyamunara na Notaire wa Leta Mutabazi Etienne ashingiye ku cyemezo cy'urukiko n° 501/99 kandi atari byo, kuko mu nyandiko ya cyamunara (acte d'adjudication) Notaire yakoze igaragaza ko hashingiwe ku cyemezo n° 478/99 kitabayeho, bakaba batumva aho urukiko rwakuye amakuru y'uko Notaire yibeshye kandi ataragaragaye mu rubanza ngo avuguruzwe iyo nyandikomvaho yakoze, ko kuba ibyo kwibeshya kwe byaravuzwe na bamwe mu baburanyi bitavuze ko habayeho kuregera ko inyandiko ari impimbano, bikaba rero binyuranije n'ingingo ya 13 igika cya mbere y'Itegeko ryerekeye ibimenyetso mu manza n'itangwa ryabyo.

[14] Bavuga na none ko bidashoboka ko icyemezo cy'urukiko n°501/99 ari cyo cyaherewehe mu igurishwa ry'inzu nk'uko byemejwe n'urukiko, kuko cyavugaga ko cyamunara yagombaga kuba tariki 22/01/2000 saa tanu, ariko ikaba yarabaye kuwa 06/02/2000 saa sita n'igice. Byongeye kandi, ngo itangazo ryo guteza cyamunara rya Notaire ryo kuwa 31/01/2000 ntiryashingiye kuri icyo cyemezo nk'uko urukiko rubivuga, kuko rivugwamo inzu iri mu kibanza n° 778

ku kimihurura ya Ndagijimana Jean Pierre, nyamara itagaragara muri icyo cyemezo.

[15] Ababuranira Nshimyumuremyi bavuga kandi ko mu itangazo rya Notaire urukiko rwashingiyeho, hari hateganyijwe urutonde ry'uburyo inzu zizatezwa cyamunara: inzu iri mu kibanza n° 778 ku Kimihurura ya Ndagijimana yagombaga kuguris10h30', iri mu kibanza n° 118 ku Kicukiro ya Nshimyumuremyi ikagurishwa 11h30' naho indi nzu ye yo mu kibanza n° 345 i Nyarugenge ikagurishwa 12h30'. Urukiko rero ngo ntirwasobanuye impamvu iyo gahunda itakurikijwe n'uburenganzira FINA BANK na Notaire wa Leta bari bafite bwo guhera ku nzu ya nyuma itari no mu ngwate za Banki.

[16] Me Karangwa Vincent uburanira FINA BANK avuga ko Nshimyumuremyi yirengagiza uruhererekane rw'ibikorwa byagaragajwe na FINA BANK igihe cy'iburanisha mu Rukiko Rukuru, aho yagaragaje ko habanje kubaho urubanza RC 30039/99 FINA BANK yarezemo Ndagijimana Jean Pierre n'abishingizi be Murekatete Gloria na Nshimyumuremyi bagatsindirwa umwenda wa 55.949.630 Frw, ntibarujirire maze rukaba itegeko rukarangizwa.

[17] Avuga ko nta nenge igaragara mu cyemezo n° 501/99cyafashwe n'Urukiko rwa Mbere rw'Iremezo rwa Kigali 22/10/1999 bisabwe na FINA BANK kugirango harangizwe urubanza yatsindiye, nk'uko n'abari bahagarariye Nshimyumuremyi babivuze mu rukiko rubanza, ubwo bavugaga ko ntacyo banenga icyo cyemezo, ko ahubwo icyo bashingiraho basaba iseswa rya cyamunara ari uko Notaire wa Leta yagurishije inzu ashingiyeye ku cyemezo n° 478/99 kitabayeho, batigeze bagaragaza. Asanga rero, niba Nshimyumuremyi yemera icyemezo n° 501/99, akaba atarakijuriye cyangwa se ngo asabe ko kivaho mu gihe giteganyijwe n'amategeko, ubu atahindukira ngo asabe ibinyuranye n'uko kucyemera, ko kandi kwibeshya kwa Notaire mu myandikire ya numero y'icyemezo kutaba impamvu yo gutesha agaciro cyamunara y'ubahirije imihango yose iteganywa n'amategeko, agasanga rero ababuburanira

Nshimyumuremyi bakwiye kugaragaza urundi rubanza icyemezo n°478/99 cyari kigamije kurangiza.

[18] Me Karangwa avuga kandi ko kuba ababuranira Nshimyumuremyi bavuga ko cyamunara itakurikije gahunda yari iteganyijwe mu itangazo rya cyamunara, ari ukwiringagiza ko icyari kigamijwe ari ukubona ubwishyu bwa FINA BANK bwagombaga guturuka mu mutungo w'abatsinzwe urubanza bose, ko mu gihe Notaire yari afite inyandiko mpesha (titre exécutoire) igizwe n'urubanza rwagombaga kurangizwa, imihango yose yarakozwe mu buryo bwemewe n'amategeko, nta cyari kumubuza gushakira ubwishyu mu mitungo y'abatsinzwe aho yaba iherereye hose.

[19] Avuga na none ko kuvuga ko hari inyandiko zidahuye, kuko inzu yo mu kibanza n° 778 ku Kimihurura iri mu itangazo rya cyamunara ariko itagaragara mu cyemezo n° 501/99 asanga nta ngaruka mu rwego rw'amategeko bifite kuko iyo nzu itagurishijwe, ko kandi icyo cyemezo kivuga amazu agomba kugurishwa kitavuga gahunda y'uko azagurishwa, bikaba kandi bitarashobokaga ko yose agurishwa ku isaha imwe. Asanga rero nta buriganya bwa FINA BANK bwabayeho kuko nta kimenyetso abutangira.

[20] Mutabazi Etienne n'abamwunganira bavuga ko ababuranira Nshimyumuremyi biyemerera ko icyemezo n° 478/99 kitigeze kibaho cyangwa se ngo kigaragare. Basobanura ko cyamunara yashingiye ku cyemezo n° 501/99 nk'uko bigaragara mu nyandiko zose zerekeranye nayo, ko ariko mu gukora inyandiko ya cyamunara (acte d'adjudication) habayeho gukora ikosa handikwa "icyemezo n°478/99", ko ariko iyo babisaba hakiri kare agikora akazi ka Notaire yari kubikosora.

[21] Ku byerekeye igihe cyamunara yagombaga kubera, bavuga ko yari kuba tariki ya 22/01/2000, habura abaguzi, yimurirwa mu minsi cumi n'itanu, hongera gutangwa amatangazo, ikorwa kuwa 06/02/2000.

[22] Bavuga na none ko icyemezo n° 501/99 cyo guteza cyamunara kitari gisobanutse neza, kuko kigaragaza ko amazu yose yagombaga kutezwa cyamunara ku isaha imwe ya saa tanu, ibyo rero bikaba bitari gushoboka, icyangombwa kikaba ari uko amazu akigaragaraho yagombaga kugurishwa mu cyamunara.

[23] Ku byerekeranye n'amakosa avugwa ko yakozwe na Notaire wateje cyamunara ngo kuko yari azi neza ko inzu itagombaga kugurishwa, Mutabazi n'abamwunganira bavuga ko nta burenganzira yari afite bwo guhindura icyemezo cy'urukiko nk'uko mu rubanza rwajuririwe bisobanuye, icyo Nshimyumuremyi yagombye kuba yarakoze mbere ya byose kwari ukwitabaza inzira yagenwaga n'amategeko igihe icyemezo cyo guteza cyamunara cyafatwaga n'urukiko akagitambamira, akakijuririra cyangwa se agasaba ko gikosorwa ku nenge avuga ko gifite zari zimubangamiye, ko ariko niba avuga ko icyemezo n° 501/99 ntacyo cyari kimutwaye, atagombaga no kukiregera.

[24] Ku byerekeranye no kumenya impamvu inzu ya Nshimyumuremyi ariyo yahereweho mu guteza cyamunara, Mutabazi asobanura ko amategeko yakurikizwaga igihe cyamunara yabaga yateganyaga ko iyo hari ibintu byinshi byo guteza cyamunara uwabifatishije (le saisissant) ariwe uhitamo kimwe yabonamo ubwishyu bw'umwenda wose, ko rero amaze gutanga itangazo, FINA BANK ariyo yahisemo ko inzu ya Nshimyumuremyi igurishwa.

[25] Me Sebazungu uburanira Leta y'u Rwanda nawe avuga ko icyemezo n° 501/99 ari cyo cyashingiweho na Notaire hatezwa cyamunara inzu ya Nshimyumuremyi, ko kuba mu nyandiko ya cyamunara (acte d'adjudication) havugwamo n° 478/99 ari ikosa ryakorewe mu bwanditsi. Avuga kandi ko kuba inzu yo mu kibanza n°778 Kimihurura itagaragara mu cyemezo n° 501/99, ahubwo ikaboneka mu itangazo rya cyamunara nta kibazo kirimo kuko iyo nzu itagurishijwe, ko ku bijyanye n'itariki yo gutezaho cyamunara igaragara mu cyemezo idahura n'iyoyabereyeho, asobanura ko habayeho kwimurwa kwa cyamunara, naho ku bijyanye n'amasaha inzu

zagombaga kugurishirizwaho, avuga ko bafashe ko saa sita n'igice ari bwo cyamunara yagombaga kuba irangiye.

[26] Asanga kandi ibyerekeranye n'imihango yagombaga gukurikizwa mbere y'uko hafatwa icyemezo cya cyamunara bitararebaga Notaire, ahubwo byararebaga FINA BANK, icyo yari ashinzwe ari ukurangiza ibikubiye muri icyo cyemezo, ibyo akaba ari byo yakoze kubera ko urubanza yasabwe kurangiza ari rwo yarangiye. Avuga ko kandi ikibazo cyerekeranye n'imihango ya cyamunara Nshimyumuremyi avuga ko itakurikijwe yagombaga kukibyutsa hakurikijwe ibiteganywa n'ingingo ya 363 y'Itegeko ryo kuwa 15/07/1964 ryerekeye imiburanishirize y'imanza z'amahugu n'ubucuruzi ryakurikizwaga icyo gihe, maze akagishyikiriza urukiko rwatanze icyemezo giteza cyamunara.

[27] Me Rwagatare uburanira Abazungura ba Rubangura avuga ko abona cyamunara yarashingiye ku cyemezo cy'urukiko n° 501/99 kandi ababuranira Nshimyumuremyi bavuga ko ntacyo kimutwaye, akaba asanga nta n'impamvu yari kuregera icyemezo n° 478/99 kigaragara mu nyandiko ya cyamunara (acte d'adjudication) kuko abona ko ari ikosa ry'imyandikire ryakozwemo.

[28] Mutabazi Etienne n'abamwunganira bavuga ko ababuranira Nshimyumuremyi biyemerera ko icyemezo n° 478/99 kitigeze kibaho cyangwa se ngo kigaragare. Basobanura ko cyamunara yashingiye ku cyemezo n° 501/99 nk'uko bigaragara mu nyandiko zose zerekeranye nayo, ko ariko mu gukora inyandiko ya cyamunara (acte d'adjudication) habayeho gukora ikosa handikwa "icyemezo n°478/99", ko ariko iyo babisaba hakiri kare agikora akazi ka Notaire yari kubikosora.

[29] Ku byerekeye igihe cyamunara yagombaga kubera, bavuga ko yari kuba tariki ya 22/01/2000, habura abaguzi, yimurirwa mu minsi cumi n'itanu, hongera gutangwa amatangazo, ikorwa kuwa 06/02/2000.



[30] Bavuga na none ko icyemezo n° 501/99 cyo guteza cyamunara kitari gisobanutse neza, kuko kigaragaza ko amazu yose yagombaga kutezwa cyamunara ku isaha imwe ya saa tanu, ibyo rero bikaba bitari gushoboka, icyangombwa kikaba ari uko amazu akigaragaraho yagombaga kugurishwa mu cyamunara.

[31] Ku byerekeranye n'amakosa avugwa ko yakozwe na Notaire wateje cyamunara ngo kuko yari azi neza ko inzu itagombaga kugurishwa, Mutabazi n'abamwunganira bavuga ko nta burenganzira yari afite bwo guhindura icyemezo cy'urukiko nk'uko mu rubanza rwajuririwe bisobanuye, icyo Nshimyumuremyi yagombye kuba yarakoze mbere ya byose kwari ukwitabaza inzira yagenwaga n'amategeko igihe icyemezo cyo guteza cyamunara cyafatwaga n'urukiko akagitambamira, akakijuririra cyangwa se agasaba ko gikosorwa ku nenge avuga ko gifite zari zimubangamiye, ko ariko niba avuga ko icyemezo n° 501/99 ntacyo cyari kimutwaye, atagombaga no kukiregera.

[32] Ku byerekeranye no kumenya impamvu inzu ya Nshimyumuremyi ariyo yahereweho mu guteza cyamunara, Mutabazi asobanura ko amategeko yakurikizwaga igihe cyamunara yabaga yateganyaga ko iyo hari ibintu byinshi byo guteza cyamunara uwabifatishije (le saisissant) ariwe uhitamo kimwe yabonamo ubwishyu bw'umwenda wose, ko rero amaze gutanga itangazo, FINA BANK ariyo yahisemo ko inzu ya Nshimyumuremyi igurishwa.

[33] Me Sebazungu uburanira Leta y'u Rwanda nawe avuga ko icyemezo n° 501/99 ari cyo cyashingiweho na Notaire hatezwa cyamunara inzu ya Nshimyumuremyi, ko kuba mu nyandiko ya cyamunara (acte d'adjudication) havugwamo n° 478/99 ari ikosa ryakorewe mu bwanditsi. Avuga kandi ko kuba inzu yo mu kibanza n° 778 Kimihurura itagaragara mu cyemezo n° 501/99, ahubwo ikaboneka mu itangazo rya cyamunara nta kibazo kirimo kuko iyo nzu itagurishijwe, ko ku bijyanye n'itariki yo gutezaho cyamunaraigaragara mu cyemezo idahura n'iyoyabereyeho, asobanura ko habayeho kwimurwa kwa cyamunara, naho ku bijyanye n'amasaha inzu

zagombaga kugurishirizwaho, avuga ko bafashe ko saa sita n'igice ari bwo cyamunara yagombaga kuba irangiye.

[34] Asanga kandi ibyerekeranye n'imihango yagombaga gukurikizwa mbere y'uko hafatwa icyemezo cya cyamunara bitararebaga Notaire, ahubwo byararebaga FINA BANK, icyo yari ashinzwe ari ukurangiza ibikubiye muri icyo cyemezo, ibyo akaba ari byo yakoze kubera ko urubanza yasabwe kurangiza ari rwo yarangije. Avuga ko kandi ikibazo cyerekeranye n'imihango ya cyamunara Nshimyumuremyi avuga ko itakurikijwe yagombaga kukibyutsa hakurikijwe ibiteganywa n'ingingo ya 363 y'Itegeko ryo kuwa 15/07/1964 ryerekeye imiburanishirize y'imanza z'amahugu n'ubucuruzi ryakurikizwaga icyo gihe, maze akagishyikiriza urukiko rwatanze icyemezo giteza cyamunara.

[35] Me Rwagatare uburanira Abazungura ba Rubangura avuga ko abona cyamunara yarashingiye ku cyemezo cy'urukiko n° 501/99 kandi ababuranira Nshimyumuremyi bavuga ko ntacyo kimutwaye, akaba asanga nta n'impamvu yari kuregera icyemezo n° 478/99 kigaragara mu nyandiko ya cyamunara (acte d'adjudication)kuko abona ko ari ikosa ry'imyandikire ryakozwemo.

## **UKO URUKIKO RUBIBONA**

[36] Inyandiko zikubiye muri dosiye zigaragaza ko tariki ya 07/01/1994 Ndagijimana Jean Pierre yafashe umwenda wa 25.000.000 Frw muri BACAR ubu yahindutse FINA BANK Ltd yishingirwa n'umugore we Murekatete Gloria na se Nshimyumuremyi Ephron.

[37] BACAR ibonye umwenda utishyuwe, yareze uwafashe umwenda n'abishingizi be mu Rukiko rwa Mbere rw'Iremezo rwa Kigali, maze mu rubanza RC 30039/99 rwaciye tariki ya 11/06/1999, rutegeka Ndagijimana, Murekatete na Nshimyumuremyi kwishyura BACAR amafaranga angana na 55.949.630 Frw y'umwenda remezo n'inyungu zawo n'iz'ubukererwe, urubanza rukimara gusomwa,

batabikora akavanwa mu byabo ku ngufu za Leta Urwo rubanza rwaciwe abaregwa bose badahari.

[38] Mu ibaruwa yayo yo kuwa 06/10/1999, BACAR yasabye Perezida w'Urukiko rwa Mbere rw'Iremezo rwa Kigali icyemezo cyo guteza cyamunara amazu ari mu kibanza n° 778 ku Kimihurura III ya Ndagijimana Jean Pierre, n° 118 iri ku Kicukiro na n° 345 iri muri Nyarugenge za Nshimyumuremyi Ephron kugira ngo harangizwe urubanza rwavuzwe, ivuga ko inohereje dosiye yose kugira ngo ruyisuzume.

[39] Mu gusubiza kuri iyo baruwa, kuwa 22/10/1999 urukiko rwafashe icyemezo n° 501/99 gitegeka ko habaho cyamunara y'amazu n° 118 iri ku Kicukiro na n° 345 iri i Nyarugenge za Nshimyumuremyi Ephron, kimanikwa uwo munsu ku miryanyo y'Urukiko rwa Mbere rw'Iremezo rwa Kigali, Parquet ya Kigali, Komini Kicukiro, Komini Nyarugenge, Umujyi wa Kigali n'Urukiko rw'Ubujujire rwa Kigali. Nyuma y'itangazo ryo guteza cyamunara ryo kuwa 31/01/2000, cyamunara ntiyakozwe tariki ya 22/01/2000 saa tanu za mu gitondo nk'uko byari biteganyijwe, ahubwoyabaye tariki ya 06/02/2000, nk'uko bigaragazwa n'inyandikomvugo yo guteza cyamunara yakozwe na Notaire, maze inzu yo mu kibanza n° 345 i Nyarugenge igurwa na RUBANGURA Védaste ku mafaranga 95.100.000.

[40] Urukiko rurasanga rero, nk'uko byemejwe n'Urukiko Rukuru, icyo cyemezo n° 501/99 aricyo Notaire wa Leta yashingiyeho ateza cyamunara inzu yo mu kibanza n° 345 ya Nshimyumuremyi ikivugwamo. Na none inyandikomvugo yakozwe na Notaire tariki ya 06/02/2000 imbere y'abagabo, umwanditsi, uwaguze n'uhagarariye FINA BANK, ikomekwa kuri "acte d'adjudication", igaragaza ko iyo nzu ariyo yagurishijwe, bityo kuba muri "acte d'adjudication" hagaragaramo ko mu kugurisha inzu hashingiwe ku cyemezo n° 478/99 cy'Urukiko rwa Mbere rw'Iremezo rwa Kigali, ni ikosa ry'imyandikire, ryashoboraga gukosorwa bisabwe n'ubifitemo inyungu wese, cyane cyane ko ibindi biyivugwamo ari ibijyanye n'icyemezo n°501/99.

[41] Urukiko rurasanga kandi kuba icyemezo n° 501/99 ntacyo Nshimyumuremi akinenga nk'uko abamuburanira babivuga, nta mpamvu yatuma cyamunara yagishingiyeho iseswa.

[42] Ku byerekeye izindi nenge Nshimyumuremyi avuga ko zakozwe na Notaire wateje cyamunara, urukiko rurasanga nazo zigamije kugaragaza ko cyamunara itashingiye ku cyemezo n° 501/99, ahubwo yashingiye ku cyemezo kitabayeho, ariko ibyo bikaba nta shingiro bifite kuko harebwe uruhererekane rw'ibyakozwe muri iyo cyamunara, bigaragara ko byose byari bishingiye ku cyemezo n° 501/99 cyafashwe n'urukiko harangizwa urubanza RC 30039/99 rwavuzwe haruguru.

## **2. Kubyerekeranye n'uko FINA BANK yaba yaragurishije mu buryo bw'uburiganya inzu itari iyayo.**

[43] Ababuranira Nshimyumuremyi bavuga ko mu rubanza rwajuririwe bagaragaje ko igurisha ry'ikintu cy'undi nta gaciro rigira hakurikijwe ibiteganywa n'ingingo ya 276 y'Itegeko ryo kuwa 30/07/1888 rishyiraho urwunge rw'amategeko y'imbenezamubano, ibyerekeye imirimo nshinganwa cyangwa amasezerano, ariko urukiko ntirwasobanura niba hari isano iri hagati ya FINA BANK n'inzu iri mu kibanza n° 345 i Nyarugenge ya Nshimyumuremyi. Asobanura ko tariki ya 07/01/1994 hasinywa amasezerano y'inguzanyo n'ingwate FINA BANK yemeye gusa inzu zatanzweho ingwate, bivuze rero ko inzu iburanwa yayigurishije nta burenganzira iyifiteho mu buryo bw'uburiganya (mauvaise foi) kuko ariyo yajijishije urukiko isaba cyamunara cyayo izi neza ko atari ingwate yayo. Igitangaje rero ngo ni uko urukiko ntacyo rwabivuzeho, urubanza rukaba rugaragaza ko habayeho kwitiranya “la caution réelle” et “la caution personnelle”.

[44] Me Karangwa uburanira FINA BANK avuga ko ababuranira Nshimyumuremyi birengagiza ko amasezerano y'inguzanyo yasheshwe, hagacibwa urubanza RC 30039/99 hatsinzwemo abantu batatu mu buryo bungana, aribo Ndagijimana, Nshimyumuremyi na Murekatete, iyo nyandikompesha rero akaba ariyo sano ihari kuko urubanza

rwagombaga kurangizwa, FINA BANK yatsinze ikishyurwa n'abatsinzwe, ubwishyu bukava mu mitungo yabo.

## UKO URUKIKO RUBIBONA

[45] Urukiko rurasanga inzu iri mu kibanza n° 345 i Nyarugenge ya Nshimyumuremyi yagurishijwe iburanwa muri uru rubanza yaratejwe cyamunara hashingiwe ku cyemezo cy'urukiko nk'uko byasobanuwe haruguru, bisabwe na FINA BANK igira ngo harangizwe urubanza RC 30039/99 ibone ubwishyu, kandi icyo cyemezo ntacyo akinenga. Ntabwo rero ari FINA BANK yibwirije ngo igurishe iyo nzu, ku buryo yaregwa ko yagurishije ikintu cy'undi muntu, kandi yaragurishijwe bitangiwe uruhushya n'urukiko, bityo rero ibyo abamuburanira bavuga ko inzu yagurishijwe itari ingwate yayo, bagombye kuba barabiregeye urukiko rwafashe icyemezo n° 501/99 cyategetse ko itezwa cyamunara nk'uko biteganywa n'ingingo ya 363 y'Itegeko ryo kuwa 15/07/1964 ryerekeye imiburanishirize y'imanza z'amahugu n' z'amahugu n'ubucuruzi ryakurikizwaga icyo cyemezo gifatwa<sup>1</sup>, basaba ko ivanwa mu nzu zigomba kugurishwa. Kuba rero batarabikoze, ntibabisabira muri uru rubanza kuko icyo cyemezo atari cyo cyaregewe.

### **3. Ku byerekeran ye n'imihango y' ifatira ry'inzu Nshimyumuremyi avuga ko itubahirije amategeko**

[46] Ababuranira Nshimyumuremyi bavuga ko urukiko rubanza rwasobanuriwe ko ingingo za 321, 322 na 345 na 346 z'Itegeko ryo kuwa 15/07/1964 ryerekeye imiburanishirize y'imanza z'amahugu n'ubucuruzi ryakurikizwaga cyamunara iba zitubahirijwe kuko muri dosiye ya cyamunara nta nyandiko n'imwe ijyanye nacyo igaragaramo, maze mu gusubiza kuri icyo kibazo urukiko ruvuga ko mbere y'uko

<sup>1</sup> Iyo ngingo igira iti: 'ibiruhaniye byose byerekeya amategeko y'igwatira bibaye mu gihe cy'igwatira bikemurwa n'ibwirizwa rya juji iyo bitagombye gukimurwa n'urubanza.'"

icyemezo n° 501/99 gifatwa, Urukiko rwa Mbere rw'Iremezo rwabanje gusuzuma ibigize dosiye byose, kandi atari byo kuko Notaire wagurishije inzu yivugira mu nyandiko ya cyamunara ko yayigurishije ashingiye ku cyemezo n° 478/99 kitabayeho (imaginaire), ko kandi iyo urukiko ruza gusuzuma dosiye koko rwari kubona ko mu rubanza RC 30039/99 FINA BANK yasabaga ko rurangizwa, inzu n° 345 i Nyarugenge itarimo, kuko itari ingwate yayo.

[47] Bavuga na none ko urukiko rwavuze ko Nshimyumuremyi ariwe wagombaga gutanga ikimenyetso cy'uko nta nyandiko zishyuzababayeho (commandements), mu gihe yari abyukije icyo kibazo, ngo kandi yaramenyeshye ko inzu ye yagurishijwe abibwiwe na BCR igihe yabazaga iby'umwenda we. Basanga ibimenyetso bikwiye gusabwa FINA Bank yasabye guteza inzu cyamunara.

[48] Me Karangwa uburanira FINA BANK avuga ko abona imihango yose isabwa n'itegeko yarubahirijwe mu guteza cyamunara inzu ya Nshimyumuremyi.

[49] Me Baragondoza uburanira Mutabazi avuga ko ingingo z'amategeko ababuranira Nshimyumuremyi baburanisha muri uru rubanza bazitabaje impitagihe kuko bagombye kuba barazifashishije mu gihe imihango ya cyamunara yakorwaga nk'uko byateganywaga n'ingingo za 363 na 369 z'Itegeko ryo kuwa 15/07/1964 ryerekeye imiburanishirize y'imanza z'amahugu n'ubucuruzi ryakurikizwaga icyo gihe, maze bakaregera urukiko cyangwa umutegetsi watanze uruhushya rwo gufatira inzu.

[50] Me Sebazungu uburanira Leta avuga ko Urukiko rwa Mbere rw'Iremezo rwa Kigali rwafashe icyemezo cyo guteza cyamunara ari uko rumaze gusuzuma ko dosiye yuzuye, ko kandi icyasabiwe guteshwa agaciro atari icyo cyemezo, ko ndetse kuba nyiri umutungo utezwa cyamunara atari ahari ubwabyo bitatesha cyamunara agaciro.

## UKO URUKIKO RUBIBONA

[51] Urukiko rurasanga ingingo za 321 na 322 z'Itegeko ryo kuwa 15/07/1964 ryerekeye imiburanishirize y'imanza z'amahugu n'ubucuruzi ryakurikizwaga ababuranira Nshimyumuremyi bashingiraho zirebana n'ifatira ry'ibintu byimukanwa, zikaba zitashingiraho muri uru rubanza.

[52] Ku byerekeranye n'itegeko ryishyuzwa Nshimyumuremyi cyangwa rishyizwe aho atuye cyangwa yahisemo ko hitwa iwe (commandement à personne) kimwe n'ibyangombaga kuba birikubiyemo, nk'uko biteganywa mu ngingo za 345 na 346 z'Itegeko ryo kuwa 15/07/1964 rimaze kuvugwa, abamuburanira bavuga ko ritagaragara muri dosiye ya cyamunara, ngo FINA BANK ikaba ariyo yangombaga kurigaragaza, urukiko rurasanga bene iyi nyandiko ikorwa n'umuhesha w'inkiko mbere y'uko urukiko rufata icyemezo gitegeka ko habaho cyamunara. Mu gihe rero ababuranira Nshimyumuremyi bavuga ko icyemezo n° 501/99 cyategetse ko inzu igurishwa cyamunara ntacyo akinenga kandi ari cyo cyashingiweho inzu ye igurishwa mu cyamunara, akaba atararegeye urukiko rwagifashe ko kivaho kubera ko hari imihango itarubahirijwe nk'uko ingingo zavuzwe haruguru zabiteganyaga, ntaho muri uru rubanza yahera asaba ko cyamunara yashingiye kuri icyo cyemezo iseswa.

### **4. Ku kibazo cyo kumenya niba Nshimyumuremyi yasubizwa inzu cyangwa agaciro kayo n' amafaranga y' ubukode bwayo.**

[53] Ababuranira Nshimyumuremyi bavuga ko agomba gusubizwa inzu ye yagurishijwe mu cyamunara ikava mu maboko y'Abazungura ba Rubangura wayiguze, kubera ko Notaire wa Leta yayigurishije mu buryo budakurikije amategeko, itari ifite aho ihuriye n'urubanza RC 30039/99 rwarangizwaga kuko itari mu ngwate za FINA BANK, bitashoboka agahabwa 600.000.000 Frw y'agaciro kayo cyangwa se akagenwa n'umuhanga bibaye ngombwa.

[54] Me Rwagatare uburanira abazungura ba Rubangura avuga ko batagomba gusubiza inzu yaguzwe na Rubangura mu cyamunara kumugaragararo mu buryo bukurikije amategeko, ko kandi nta kosa yakoze ryatuma baryozwa indishyi.

[55] Urukiko rurasanga nk'uko byagaragajwe haruguru, cyamunara yabaye y'inzu ya Nshimyumuremyi, ikagurwa na Rubangura nta mpamvu igomba guseswa, bityo iyo nzu ikaba igomba kuguma mu maboko y'abazungura be.

## **5. Ishingiro ry' indishyi zisabwa na Nshimyumuremyi**

### **Indishyi zisabwa FINA BANK**

[56] Ababuranira Nshimyumuremyi basaba ko FINA BANK imusubiza amafaranga y'ubukode bw'inzu ye yateje cyamunara abazwe guhera tariki ya 06/02/2000 umunsi wa cyamunara kugeza umunsi w'isomwa ry'urubanza ahwanye na 234.680.000 Frw avugwa mu myanzuro hiyongereyeho ayishyujwe nyuma y'uko ikorwa, kuko ariyo yakoze ibishoboka byose mu buriganya kugirango inzu igurishwe kandi atari ingwate yahawe, aho kugurisha inzu yahawe ingwate, ikaba yarabikoreye kumwambura inzu ye.

[57] Me Karangwa uburanira FINA BANK avuga ko nta ndishyi na nkeya ikwiye gucibwa kuko nta kosa yakoze kuko yarangije urubanza yishyuzwa umwenda wayo, ko itanatanga amafaranga y'ubukode iyo nzu yinjije kugeza ubu kuko itayibyaza umusaruro.

[58] Urukiko rurasanga indishyi z'amafaranga y'ubukode bw'inzu zisabwa FINA BANK itagomba kuzitanga kuko yasabye urukiko icyemezo cyo kugurisha mu cyamuna inzu ya Nshimyumuremyi harangizwa urubanza yari yatsindiyemo umwenda wagombaga kwishyurwa ikagihabwa, nk'uko kandi byakomeje kuvugwa, icyo cyemezo akaba atari cyo cyaregowe.



### **Indishyi zisabwa Abazungura ba Rubangura**

[59] Ababuranira Nshimyumuremyi na none bavuga ko Abazungura ba Rubangura Védaste bagomba kumuha indishyi z'akababaro zingana na 25.000.000 Frw kuko Rubangura yaguze inzu yarangiza akishyura umwenda wa sosiyete ya Nshimyumuremyi yitwa SOCOFAG muri BCR, kugirango abone ibyangombwa byayo kandi atari ingwate ya FINA BANK, akaba rero ayitunze mu buryo bw'uburiganya.

[60] Me Rwagatare uburanira Abazungura ba Rubangura avuga ko Rubangura atariwe wishyuye BCR umwenda wa Nshimyumuremyi kugirango abone ibyangombwa by'inzu, ahubwo BCR ariyo yafatishije mu rukiko amafaranga 1.823.961 Frw Nshimyumuremyi yari ayibereyemo igasaba ko avanwa ku mafaranga ya cyamunara nk'uko bigaragazwa n'icyemezo n°292/ND.E./2000 cyo kuwa 28/07/2000 gifatira by'agateganyo cya Perezida w'Urukiko rwa Mbere rw'Iremezo rwa Kigali. Yongeraho ko kandi uwaguze mu cyamunara hari uburyo itegeko riteganywa abona ibyangombwa, akaba rero yarabihawe n'umwanditsi w'inyandiko mpamo z'ubutaka (conservateur des titres fonciers) mu ibaruwa yamwandikiye tariki ya 17/07/2003, akaba rero atarayikuye muri BCR nk'uko ababuranira Nshimyumuremyi babivuga.

[61] Urukiko rurasanga nta kimenyetso Nshimyumuremyi atanga kivuguruzwa icyatanzwe n'abazungura ba Rubangura cyavuzwe haruguru kigaragaza ko koko Rubangura ariwe wishyuye umwenda wa sosiyete SOCOFAG ya Nshimyumuremyi yari ifitiye BCR, agamije kubona ibyangombwa by'inzu mu buryo bw'uburiganya.

### **Indishyi zisabwa BCR**

[62] Ababuranira Nshimyumuremyi basaba ko kandi BCR itanga 25.000.000 Frw y'indishyi kuko yatanze ibyangombwa by'inzu yari ifite itabanje gushishoza kandi ariyo yari ifite ubugwate kuri iyo nzu.

[63] Me Batware uburanira BCR avuga ko yamenye iby'igurishwa ry'inzu cyamunara yarangiyeye, ko rero nta kosa yakoze, icyabaye akaba ari uko BCR ariyo yagombaga kwishyurwa mbere kuko

ariyo yari ifite ubugwate bwa mbere ku nzu, noneho Rubangura agaragaza ko ariwe watsindiye cyamunara asaba ko yahabwa ibyangombwa byayo. Avuga na none ko indishyi Nshimyumuremyi asaba BCR ari ikirego gishya itakwireguraho bwa mbere mu bujirire.

[64] Urukiko rusanga indishyi BCR isabwa atari ubwa mbere iziregwa kuko zikubiye mu kirego cyatanzwe mu rukiko rubanza, gusa zikaba zitari zaragenwe kuko ikirego cya Nshimyumuremyi nta shingiro cyagize. Urukiko rurasanga ariko nta mpamvu BCR yagombaga kwimana icyangombwa cy'inzu (certificat d'enregistrement) yatejwe cyamunara mu gihe yari yishyuwe umwenda wayo, bityo ikaba itagomba kubitangira indishyi.

### **Indishyi zisabwa Leta y'u Rwanda na Mutabazi Etienne.**

[65] Ababuranira Nshimyumuremyi basaba na none ko Leta y'u Rwanda umukoresha wa Notaire Mutabazi nawe, bombi bafatanyaga gutanga 25.000.000 Frw y'indishyi kubera ko yateshutse ku nshingano ze akagurisha inzu itari ingwate ya FINA BANK ashingiye ku cyemezo cyo guteza cyamunara yihimbiye, kitabayeho.

[66] Me Sezabungu uburanira Leta avuga ko nta ndishyi Leta igomba gutanga kuko cyamunara yubahirije amategeko kuko icyemezo cyo guteza cyamunara n° 501/99 cyatanzwe bisabwe na FINA BANK, Notaire agiheraho ateza inzu cyamunara, Leta ikaba itabazwa ikosa ryabaye mu kwandika inyandiko ya cyamunara (acte d'adjudication).

[67] Me Baragondoza avuga ko indishyi Mutabazi aburanira asabwa nta shingiro ryazo kuko cyamunara yakozwe mu buryo bukurikije amategeko.

[68] Urukiko rurasanga Notaire yarakoresheje cyamunara ashingiye ku cyemezo cy'urukiko kandi, nk'uko byasobanuwe n'urukiko rubanza, nta bubasha yari afite bwo kugihindura, icyo yasabwaga gukora cyo kurangiza urubanza Nshimyumuremyi yatsindiwemo na BACAR umwenda yishingiye akaba yaragikoze nk'uko icyemezo cy'urukiko

cyari cyabitegetse, akaba rero nta ndishyi agomba kumuha, kimwe na Leta yari umukoresha we.

## **6. Indishyi zisabwa n'abaregwa**

[69] Me Rwagatare uburanira Abazungra ba Rubangura asaba ko amafaranga 300.000 Frw yaciwe Nshimyumuremyi y'ikurikiranarubanza n'igihembo cya avoka yakwiyongeraho andi 2.000.000, agatanga na 15.000.000 Frw kubera ko yatanze ikirego abuza Rubangura uburenganzira bwo gukoresha inzu yabo uko babishaka na 15.000.000 yo kumusebya.

[70] Me Karangwa uburanira FINA BANK avuga ko Nshimyumuremyi agomba kuyiha 30.000.000 Frw kuko yayishoye mu manza ku maherere, hakubiyemo n'igihembo cya avoka.

[71] Me Batware uburanira BCR nawe asaba ko Nshimyumuremyi yayiha 500.000 Frw yo gukururwa mu bujirire nta mpamvu no gutegura urubanza no kuruburana, yiyongera kuri 300.000 yaciwe mu rukiko rubanza, yose hamwe akaba 8.000.000 Frw.

[72] Me Sebazungu we asanga indishyi za 300.000 Frw Nshimyumuremyi yari yaciwe mbere zo guha Leta y'u Rwanda ari zo zikwiye kugumaho.

[73] Me baragondoza avuga ko Nshimyumuremyi akwiye guha Mutabazi Etienne indishyi zingana na 500.000 Frw y'igihembo cya avoka n'ikurikiranarubanza kuko yashowe mu manza nta mpamvu.

[74] Mu gusubiza ku ndishyi zisabwa n'abaregwa, ababuranira Nshimyumuremyi bavuga ko nta ndishyi agomba kubaha kubera amakosa buri wese yamukoreye, bigatuma inzu ye itezwa cyamunara, agasaba ahubwo ko bakwiye gufatanya kumuha amafaranga y'ikurikiranarubanza n'igihembo cya avoka ahwanye na 10% y'indishyi zose zisabwa.

## UKO URUKIKO RUBIBONA

[75] Urukiko rurasanga indishyi za 30.000.000 Frw zisabwa n'abazungura ba Rubangura ari ubwa mbere bazisabye mu bujurire bakaba batazihabwa, kuko bibuzwa n'ingingo ya 168CPCCSA, ivuga ko nta birego bishya bitangirwa mu bujurire. Ku birebana n'amafaranga y'ikurikiranarubanza n'igihembo cya avoka, urukiko rurasanga bagenerwa mu bushishozi 300.000 Frw yiyongera kuri 300.000 bagenewe mu rukiko rubanza kuko ayo basaba ari menshi, yose hamwe akaba 600.000 Frw ku nzego zombi.

[76] Ku byerekeye indishyi FINA BANK isaba Nshimyumuremyi za 30.000.000 Frw kuko yayishoye mu manza ku maherere, ndetse n'igihembo cya avoka, urukiko rurasanga nta kirugaragariza ko yareze FINA BANK agamije kuyishora mu manza ku maherere, mu gihe yumvaga adasobanukiwe n'uburyo inzu ye yagurishijwe, bityo akaba nta ndishyi agomba kubitangira, ahubwo agomba kuyiha amafaranga yo kuba yarashatse avoka uyiburanira kuko ariyo afite ishingiro, mu bushishozi ikaba igenewe 300.000 Frw yiyongera kuri 300.000 Frw yari yagenewe n'urukiko rubanza, yose hamwe akaba 600.000 Frw.

[77] Urukiko rurasanga ku birebana n'indishyi BCR isaba Nshimyumuremyi zingana na 500.000 Frw zo gukururwa mu bujurire nta mpamvu, gutegura urubanza no kuruburana, bwari uburenganzira bwe bwo kujurira mu gihe atishimiye imikirize y'urubanza, ariko kandi kubera ko BCR nayo yashatse uyiburanira, yagenerwa mu bushishozi 300.000 Frw y'igihembo cya avoka yiyongera kuri 300.000 yagewe mu rukiko rubanza, yose hamwe akaba 600.000 Frw.

[78] Ku birebana n'ibyo Leta y'u Rwanda isaba ko hagamaho indishyi za 300.000 Frw y'ikurikiranarubanza yagenwe mu rukiko rubanza, urukiko rurasanga byakubahirizwa, naho izisabwa na Mutabazi Etienne akaba ntayo agomba guhabwa kuko atashowe mu rubanza na Nshimyumuremyi, ahubwo yagobokeshejwe mu rubanza na Leta y'u Rwanda.

[79] Ku byerekeranye n'amafaranga y'ikurikiranarubanza Nshimyumuremyi asaba abaregwa, Urukiko rurasanga atayahabwa kuko ubujurire bwe nta shingiro bufite.

### **III. ICYEMEZO CY' URUKIKO**

[80] Rwemeje ko ubujurire bwa Nshimyumuremyi Ephron nta shingiro bufite.

[81] Rumutegetse kwishyura FINA BANK, BCR n'Abazungura ba Rubangura Védaste 600.000 Frw y'ikurikiranarubanza n'igihembo cya avoka buri wese, no kwishyura Leta y'u Rwanda 300.000 Frw y'ikurikiranarubanza nk'uko yagenwe n'Urukiko Rukuru, yose hamwe akaba 2.100.000 Frw.

[82] Rutegetse Nshimyumuremyi Ephron kwishyura amafaranga 82.900 y'amagaram y'urubanza, atayatanga mu gihe cy'iminsi 8, ayo mafaranga agakurwa mu bye ku ngufu za Leta.

**IMANZA MBONEZAMUBANO**

## MWIZA v. KAYINAMURA

[Rwanda URUKIKO RW'IKIRENGA – 2010SC – RCAA 0001/13/CS  
(Mukanyundo, P.J., Hitiyaremye na Gakwaya, J.) 13 Ukuboza 2013]

*Amategeko agenga ububasha bw'Inkiko – Ububasha bw'Urukiko rw'Ikirenga – Urukiko rw'Ikirenga rufite ububasha bwo kuburanisha mu rwego rw'ubujurire imanza zaciwe mu rwego rwa kabiri n'Urukiko Rukuru rutabifitiye ububasha – Itegeko Ngenga N° 03/2012/OL ryo kuwa 13/06/2012 rigena imiterere, imikorere n'ububasha by'Urukiko rw'Ikirenga, ingingo ya 28.*

*Amategeko agenga ububasha bw'inkiko z'ubucuruzi – Amasezerano – Amasezerano y'ubukode bw'icyumba cyo gucururizamo akozwe hagati y'abacuruzi afatwa nk'amasezerano y'ubucuruzi – Impaka zivutse muri bene aya masezerano ziburanishwa n'inkiko z'ubucuruzi – Itegeko Ngenga n° 59/2007 ryo kuwa 16/12/2007 rigena imiterere, imikorere n'ububasha by'Inkiko z'ubucuruzi, ingingo ya 3.*

**Incamake y'ikibazo:** Kayinamura yareze Mwiza Mutagoma mu Rukiko Rwisumbuye rwa Gasabo, agamije kumwishyura ubukode bw'inzu ye yakoreragamo ubucuruzi, Urukiko rwemeza ko ikirego cye nta shingiro gifite kuko nta bimenyetso yatanze bigaragaza umwenda. Urwo rubanza Kayinamura yarujuririye mu Rukiko Rukuru, Mwiza arutangamo inzitizi y'iburabubasha avuga ko inkiko zisanzwe zidafite ububasha bwo kuruburanisha kuko amasezerano umwenda ukomokaho ari ay'ubucuruzi kandi ikibazo kiburanwa kikaba cyari cyarafashweho icyemezo mbere hose n'inkiko z'ubucuruzi.

Urukiko Rukuru mu rubanza rubanziriza urundi rwemeje ko iyo nzitizi nta shingiro ifite kuko amasezerano y'ubukode bw'inzu n'ubwo yaba agamije gukorerwamo ubucuruzi agengwa n'amategeko mbonezamubano, naho ku bijyanye n'iremezo ry'urubanza rumutegeka kwishyura ubukode bw'inzu baburana.

Icyo cyemezo Mwiza Mutagoma yakijuririye mu Rukiko rw'Ikirenga ashingiye ku nzitizi y'iburabubasha bw'inkiko zisanzwe mu kuburanisha uru rubanza nk'uko yari yayitanze mu Rukiko Rukuru; Kayinamura nawe atanga inzitizi avuga ko Urukiko rw'Ikirenga nta bubasha rufite bwo gusuzuma ubujurire bwa Mwiza kuko ikiburanwa kitagejeje ku gaciro kagenwe n'itegeko kugirango Urukiko rw'Ikirenga ruburanishe urubanza rwaciwe mu rwego rwa kabiri n'Urukiko Rukuru, kandi ikibazo cy'iburabubasha bw'inkiko zisanzwe kikaba kitarigeze kiburanwaho mu nkiko zibanza.

**Incamake y'icyemezo:** 1. Urukiko rw'Ikirenga rufite ububasha bwo gusuzuma ubujurire bwa Mwiza Mutagoma kuko bushingiye ku mpamvu y'uko urubanza yajuririye rwaciwe n'Urukiko Rukuru rutabifitiye ububasha, kandi iyo nzitizi y'iburabubasha akaba yarayishyikirije urwo Rukiko Rukuru rukayifataho umwanzuro.

2. Kutishyura ubukode bw'icyumba bukomoka ku masezerano yabaye hagati y'abacuruzi kandi n'icyo cyumba kikaba gikorwamo ibikorwa by'ubucuruzi, ni igikorwa cy'ubucuruzi kubera isano gifitanye n'ibikorwa by'ubucuruzi abagiranye amasezerano basanzwe bakora.

3. Amasezerano y'ubukode bw'icyo cyumba agomba kwitwa ay'ubucuruzi, impaka ziyakomokaho zikaba zigomba kuburanishwa n'inkiko z'ubucuruzi.

**Ubururire bufite ishingiro.  
Urubanza rwajuririwe ruteshejwe agaciro.  
Amagarama aherera ku regwa.**

**Amategeko yashingiweho:**

*Itegeko Ngenga n° 03/2012/OL ryo kuwa 13/06/2012 rigena imiterere, imikorere n'ububasha by'Urukiko rw'Ikirenga, ingingo ya 28.*

*Itegeko Ngenga n° 59/2007 ryo kuwa 16/12/2007 rigena imiterere, imikorere n'ububasha by'Inkiko z'ubucuruzi, ingingo ya 3.*

**Imanza zifashishijwe:**



*Kayinamura v. Mwiza, RCOMA 0028/10/CS rwaciwe kuwa 27/04/2012.  
Mwiza v. Kayinamura, RCOM 0333/10/HCC rwaciwe kuwa  
22/03/2011. Inyandiko z'abahanga  
François Collart Dutilleul et Philippe Delebecque, Contrats civils et  
commerciaux, 8e édition, p.334.*

## Urubanza

### I. IMITERERE Y'URUBANZA

[1] Kayinamura Fidèle avuga ko yaguze inzu iherereye mu Murenge wa Kimironko ikunze kwitwa “Medi Motel” n’uwitwa Mbabajimana Jean Bosco mu mwaka wa 2007, ariko akaba yari asanzwe afitanye amasezerano y’ubukode n’abantu bayicururizagamo barimo umwe witwa Mwiza Mutagoma. Bivugwa ko amasezerano yakomeje na nyuma y’aho Kayinamura aguriye inzu ariko we na Mwiza bakaba batarashoboye kumvikana ku ishyirwa mu bikorwa ryayo ku buryo bagiranye imanza nyinshi ziyakomokaho, zimwe Mwiza arega Kayinamura kutubahiriza amasezerano bikamutera igihombo, izindi Kayinamura ariwe umurega, uru rubanza rukaba rwaratangijwe na Kayinamura arega Mwiza Mutagoma ko yanze kumwishyura amafaranga y’ubukode y’amezi 39 ahwanye n’amafaranga 26.300.000 Frw kuko buri kwezi ngo yagombaga kwishyura 700.000 Frw.

[2] Urukiko Rwisumbuye rwa Gasabo rwaregewe rwaburanishije urubanza Mwiza Mutagoma adahari, ruca urubanza n° RC 0019/11/TGI/GSBO kuwa 14/10/2011, rwemeza ko ikirego cya Kayinamura nta shingiro gifite kuko nta kimenyetso yigeze agaragaza gihamya umwenda Mwiza Mutagoma yari amubereyemo.

[3] Kayinamura Fidèle yajuririye icyo cyemezo mu Rukiko Rukuru, muri urwo rubanza Mwiza Mutagoma arutangamo inzitizi zinyuranye zirimo iy’iburabubasha, indi yo kutakira ikirego hamwe n’iyo guhuza imanza. Ku nzitizi y’iburabubasha yavugaga ko Urukiko Rukuru nta bubasha rufite kuko ikibazo kiburanwa cyari cyarashyikirijwe mbere

hose inkiko z'ubucuruzi, Urukiko Rukuru mu rubanza rubanziriza urundi n° RCA 0388/11/KIG rwaciye kuwa 06/07/2012, rwemeza ko inzitizi ye nta shingiro ifite, ko amasezerano y'ubukode bw'inzu n'ubwo yaba agamije gukorerwamo ubucuruzi agengwa n'amategeko mbonezamubano, ko adashobora kwitwa ay'ubucuruzi.

[4] Ku birebana n'iremezo ry'urubanza, Urukiko Rukuru rwaciye urubanza n° RCA 0388/11/HC/KIG kuwa 9/8/2012, rwemeza ko ikirego rwashyikirijwe na Kayinamura gifite ishingiro kuri bimwe, rwemeza ko urubanza rwajuririwe ruhindutse kuri byose, rutegeka Mwiza Mutagoma kwishyura Kayinamura Fidèle amafaranga yose hamwe angana na 24.830.000 Frw no kuyatangira umusogongero wa Leta uhwanyeye na 993.200 Frw no kwishyura amagarama ahwanyeye na 10.050 Frw.

[5] Mwiza Mutagoma yajuririye mu Rukiko rw'Ikirenga avuga ko imikirize y'urubanza yaranzwe no kubogama kutihishira ko kandi Urukiko rwaburanishije ikirego kitari mu bubasha bw'urubanza, ko icyo umucamanza yashyinyeho akena agaciro k'ubukode kitigeze kigaragazwa, ko hari ibyo yirengagije mu guca urubanza. Ubujurire bwa Mwiza Mutagoma bwakorewe ibanzirizasuzuma, Umwanditsi Mukuru w'Urukiko rw'Ikirenga mu cyemezo N° 0011/12/civ/GCS cyo kuwa 02/11/2012, avuga ko ubu bujurire bwe butari mu bubasha bw'Urukiko rw'Ikirenga, ariko nyuma y'itakamba ryakozwe na Mwiza Mutagoma, ibanzirizasuzuma ry'iyi dosiye ryashinzwe umucamanza maze yemeza ko ubujurire bwa Mwiza Mutagoma bukwiye kwakirwa bugasuzumwa.

[6] Iburanisha ry'urubanza ryabereye mu ruhamwe kuwa 05/11/2013, Mwiza Mutagoma yunganiye na Me Mutabazi Innocent naho Kayinamura Fidèle ahagarariye na Me Ndagijimana Emmanuel, wasabye Urukiko ko mbere y'uko haburanishwa ubujurire bwa Mwiza, rwabanza gusuzuma inzitizi Kayinamura yatanze mu mwanzuro we usubiza irebana n'iburabubasha ry'Urukiko rw'Ikirenga bwo kuburanisha ubujurire bwa Mwiza Mutagoma, Urukiko rurabyemera

maze iburanisha rikomeza hagibwa impaka ku nzitizi yatanzwe na Kayinamura Fidèle.

## **II. IBIBAZO BIGIZE URUBANZA N'ISESENGURA RYABYO**

Inzitizi yatanzwe na Kayinamura muri uru rubanza igamije kwerekana ko ubujurire bwa Mwiza Mutagoma butari mu bubasha bw'Urukiko rw'Ikirenga harebwe ingingo y'itegeko yashingiyeho avuga ko Urukiko rw'Ikirenga rufite ububasha bwo kuburanisha ubujurire bwe kuko ngo uretse kuba agaciro ikiburanwa katageze ku mubare w'amafaranga ateganywa n'itegeko, Kayinamura avuga kandi ko n'ibyo Mwiza avuga ko ububasha bw'Urukiko rw'Ikirenga abushingira ku mpamvu ijyanye ni uko inkiko zabanje (Urukiko Rwisumbuye rwa Gasabo n'Urukiko Rukuru) Urubanza N° RCAA 0001/13/CS zacyiye urubanza rujurirwa zitabifitiye ububasha nabyo nta shingiro bifite bitewe nuko amasezerano agibwaho impaka ari imbonezamubano.

Mu mpamvu zatumye Mwiza Mutagoma ajurira, harimo imwe yerekeranye n'iburabubasha mu gusuzuma inzitizi ya Kayinamura, Urukiko rukaba rwinjira byanze bikunze kuri iyi ngingo y'ubujurire ya Mwiza. Kugira ngo uru Rukiko rwemeze ko ubujurire bwa Mwiza buri cyangwa butari mu bubasha bwarwo ni ngombwa ko hasuzumwa ingingo y'itegeko Mwiza Mutagoma yashingiyeho ububasha bw'Urukiko rw'Ikirenga atanga ubujurire bwe hamwe n'ikibazo cyo kumenya niba Urukiko Rukuru rwari rufite ububasha bwo kuburanisha uru rubanza.

**Kumenya niba ubujurire bwa Mwiza Mutagoma buri mu bubasha bw'Urukiko rw'Ikirenga.**

**1. Ku birebana n'ingingo y'itegeko Mwiza Mutagoma yashingiyeho ububasha bw'Urukiko rw'Ikirenga bwo kuburanisha ubujurire bwe.**

[7] Me Ndagijimana Emmanuel, uburanira Kayinamura Fidèle avuga ko ikirego cya Mwiza Mutagoma kitagomba kwakirwa mu Rukiko rw'Ikirenga kubera ko kinyuranije n'ibiteganywa n'ingingo ya 28, igika cya 2, agace kayo ka 7°, y'Itegeko Ngenga n° 03/2012/OL ryo kuwa 13/06/2012 rigena imiterere, imikorere n'ububasha by'Urukiko rw'Ikirenga, iyo ngingo ikaba iteganya ko "Urukiko rw'Ikirenga rufite kandi ububasha bwo kuburanisha mu rwego rw'ubujurire imanza zaciwe ku rwego rwa kabiri n'Urukiko Rukuru..., iyo izo manza zagenwemo n'Urukiko indishyi zingana nibura na miliyoni mirongo itanu z'amafaranga y'u Rwanda (50.000.000Frw) cyangwa se zifite agaciro kagenwe n'Umucamanza igihe habaye impaka, kangana nibura n'amafaranga y'u Rwanda 50.000.000Frw", kubera ko mu rubanza rujuririrwa Mwiza Mutagoma yategetswe kwishyura Kayinamura Fidèle indishyi zose hamwe zingana na 24.830.000 Frw, izo ndishyi zikaba ziri munsu y'iziteganywa n'iyi ngingo imaze kuvugwa.

[8] Avuga kandi ko Mwiza Mutagoma ashingira ububasha bw'Urukiko rw'Ikirenga bwo kuburanisha ubujurire bwe ku ngingo ya 28, igika cya 2, agace ka 2°, y'Itegeko Ngenga n° 03/2012/OL ryo kuwa 13/06/2012 ryavuzwe haruguru, iteganya ko Urukiko rw'Ikirenga rufite ububasha bwo kuburanisha mu rwego rw'ubujurire, imanza zaciwe mu rwego rw'ubujurire ku rwego rwa kabiri n'Urukiko Rukuru,....., "iyi izo manza zaciwe n'Urukiko rutabifitiye ububasha", nyamara mu rubanza rujuririrwa, Mwiza Mutagoma atarigeze atanga inzitizi y'iburabubasha ngo abyangirwe, bityo rero umucamanza w'ibanzirizasuzuma akaba ataragombaga kubishingiraho mu kugena ububasha bw'Urukiko mu gihe bitigeze biburanwa mu nkiko zibanza.

[9] Me Mutabazi Innocent wunganira Mwiza Mutagoma avuga ko inzitizi yatanze n'uburanira Kayinamura Fidèle ishingiye ku kuvuga ko ubujurire bw'uwo yunganira butari mu bubasha bw'Urukiko rw'Ikirenga kubera ko bunyuranije n'ibiteganywa n'ingingo ya 28, igika cya 2, agace ka 7°, y'Itegeko Ngenga n° 03/2012/OL ryo kuwa 13/06/2012 ryavuzwe haruguru, nta shingiro ifite, kubera ko ubujurire Mwiza Mutagoma yatanze bushingiye ku ngingo ya 28, igika cya kabiri, agace ka 2°, y'Itegeko Ngenga n° 03/2012/OL rimaze kuvugwa,

asobanura ko urubanza rujuririrwa rwaciwe n'Urukiko mbonezamubano aho gucibwa n'Urukiko rw'Ubucuruzi kuko imiterere y'ikiburanwa yari ikibazo cy'ubucuruzi cyagombaga gukemurwa n'Inkiko z'ubucuruzi.

[10] Asobanura kandi ko impamvu mu Rukiko Rwisumbuye rwa Gasabo Mwiza Mutagoma atatanze inzitizi y'iburabubasha byatewe nuko urubanza rwaburanishijwe adahari ariko ko aburana mu Rukiko Rukuru rwa Kigali, Mwiza Mutagoma yatanze inzitizi y'iburabubasha maze mu rubanza rubanziriza urundi n° RCA 0388/11/HC/KIG rwaciwe tariki ya 09/08/2011, umucamanza avuga ko nta shingiro ifite nta bisobanuro atanze, ko n'indi nzitizi yari yatanze irebana n'ingufu zihabwa icyaburanwe (autorité de la chose jugée) nayo yanze kuyakira.

## **UKO URUKIKO RUBIBONA**

[11] Urukiko rurasanga uwunganira Mwiza Mutagoma asobanura mu mwanzuro utanga ubujurire bwe mu Rukiko rw'Ikirenga, ko ashingira ububasha bw'uru Rukiko bwo kuburanisha ubujurire bwe ku ngingo ya 28, igika cya kabiri, agace ka 2°, y'Itegeko Ngenga n° 03/2012/OL ryo kuwa 13/06/2012, aka gace kakaba gateganya ko Urukiko rw'Ikirenga rufite ububasha bwo kuburanisha mu rwego rw'ubujurire imanza zaciwe mu rwego rwa kabiri n'Urukiko Rukuru, Urukiko Rukuru rwa Gisirikare cyangwa Urukiko Rukuru rw'Ubucuruzi, iyo izo manza zaciwe n'Urukiko rutabifitiye ububasha, bityo imvugo y'uhagarariye Kayinamura ikaba nta shingiro ifite.

[12] Urukiko rusanga kandi imvugo y'uhagarariye Kayinamura ko Mwiza Mutagoma atigeze abyutsa inzitizi y'iburabubasha mu Rukiko Rukuru nayo nta shingiro ifite, kuko muri kopi y'imikurizye y'urubanza rubanziriza urundi n° RCA 0388/11/KIG rwaciwe kuwa 09/08/2011, ibyanditse mu gika cya kabiri ku rupapuro rwa mbere, bigaragaza ko Mwiza yatanze inzitizi y'iburabubasha kuko umucamanza yagize ati : “Mwiza na Me Mutabazi umuburanira bavuga ko uru rubanza ruri mu bubasha bw'Inkiko z'ubucuruzi“, ndetse no ku rupapuro rwa 2 kugeza ku rwa 3, bigaragara ko kimwe mu bibazo byasesenguwe n'Urukiko

Rukuru, icya mbere cyerekeranye n'ububasha bw'Urukiko kandi ko ari Mwiza Mutagoma wazamuye icyo kibazo, ko Me Ndagijimana wari uhagarariye Kayinamura yayireguyeho, nyuma Urukiko rwemeza ko "amasezerano y'ubukode bw'inzu n'ubwo yaba agamije gukorerwamo ubucuruzi agengwa n'amategeko mbonezamubano, ko adashobora kwitwa ay'ubucuruzi", yemeza ko inzitizi yatanzwe na Mwiza Mutagoma nta shingiro ifite.

**2. Kumenya niba Urukiko Rukuru (ruburanisha imanza mbonezamubano) rwari rufite ububasha bwo kuburanisha impaka zikomoka ku masezerano y'ubukode bw'inzu ya Kayinamura Fidèle yacururizwagamo na Mwiza Mutagoma.**

[13] Me Mutabazi Innocent wunganira Mwiza Mutagoma avuga ko Inkiko zabanje zitari zifite ububasha bwo kuburanisha ikirego zashyikirijwe kubera ko kamere (nature) y'ikiburanwa ari ikibazo cy'ubucuruzi cyagombaga gukemurwa n'Inkiko z'ubucuruzi cyane ko n'ababuranyi ari abacuruzi kandi ko nk'uko yabisobanuye haruguru, yatanze inzitizi y'iburabubasha mu Rukiko Rukuru arusobanurira ko ikiburanwa kitari mu bubasha bw'Urukiko Rukuru kuko mbere hose ikibazo cy'amasezerano aburanwa cyari cyarashyikirijwe Inkiko z'ubucuruzi mu rubanza n° RCOM 0333/10/HCC rwaciwe kuwa 22/03/2011 n'Urukiko Rukuru rw'ubucuruzi, no mu rubanza n° RCOMA 0028/10/CS rwaciwe kuwa 27/04/2012 n'Urukiko rw'Ikirenga, ko muri izi nkiko zombi Kayinamura yatanze inzitizi y'iburabubasha, ariko izi nkiko zombi zikaba zaravuze ko arizo zifite ububasha bwo kuburanisha ikirego cya Mwiza Mutagoma, ko rero asanga Kayinamura yaragiye mu nkiko mbonezamubano amaze gutsindwa mu nkiko z'ubucuruzi agamije gusa kunaniza Mwiza.

[14] Ku byerekeye ububasha bw'Urukiko Rukuru rwaciye urubanza rujuririrwa, Me Ndagijimana Emmanuel uburanira Kayinamura Fidèle avuga ko Inkiko zabanje zari zifite ububasha bwo kuburanisha uru rubanza kubera ko amasezerano y'ubukode bw'inzu yabaye hagati ya Mwiza Mutagoma na Kayinamura ari amasezerano y'ubukode asanzwe agengwa n'amategeko mbonezamubano, ibibazo biyakomokaho bikaba

bigomba gukemurwa n'inkiko mbonezamubano. Asobanura ko ikindi cyemeza ko amasezerano yabaye hagati ya Mwiza Mutagoma na Kayinamura ari amasezerano mbonezamubano (contrat civil), ni uko Mwiza Mutagoma atari umucuruzi, akaba ngo atarashoboraga gukora amasezerano y'ubukode bw'ubucuruzi (bail commercial) bitewe nuko yari umusirikare adafite "registre de commerce", bityo rero ibibazo bivutse mu masezerano yagiranye na Kayinamura w'umucuruzi bikaba byaragombaga gukemurwa n'Inkiko z'imbonezamubano nk'uko byagenze.

## **UKO URUKIKO RUBIBONA**

[15] Urukiko rw'Ikirenga rusanga mu iburanisha ry'urubanza ryabereye mu Rukiko Rukuru kuwa 26/06/2012, Mwiza Mutagoma na Me Mutabazi Innocent umwunganira baratanze inzitizi eshatu harimo n'ijyanye n'iburabubasha bw'Urukiko Rukuru, basobanura ko rudafite ububasha bwo kuburanisha urubanza rwe kubera ko icyo baburana cyasuzumwe n'Urukiko Rukuru rw'Ubucuruzi mu rubanza RCOM 0333/10/HCC, Urukiko rw'Ikirenga narwo rugisuzuma mu rwego rw'ubujurire mu rubanza n° RCOMA 0028/10/CS.

[16] Urukiko rusanga ikiburanwa muri uru rubanza ari impaka zavutse mu masezerano y'ubukode bw'inzu ya Kayinamura Mwiza Mutagoma acururizamo, Kayinamura akaba avuga ko izi mpaka zigomba gukemurwa n'inkiko ziburanisha imanza mbonezamubano kuko ariya masezerano ari ay'imbonezamubano bitewe nuko Mwiza yayakoze ari umusirikare, adafite na "registre de commerce".

[17] Mu rubanza RCOMA 0028/10/CS rwaciwe kuwa 27/04/2012 n'Urukiko rw'Ikirenga, mu gika cya [7], uru Rukiko rwemeje ko Mwiza Mutagoma ari umucuruzi kuko yagaragaje ko afite "registre de commerce", bityo rero inzitizi y'iburabubasha bw'inkiko z'ubucuruzi bwo gukemura ikibazo cy'ubwishyu bukomoka ku masezerano y'ubukode Mwiza Mutagoma yagiranye na Kayinamura Fidèle, hashingiwe gusa ko Mwiza ngo yayakoze ari umusirikare udafite

“registre de commerce”, ikaba nta shingiro ifite kuko iki kibazo cyakemutse mu rubanza rumaze kuvugwa rwabaye itegeko, ko rero nta gushidikanya ko ikibazo cyo kutishyura ubukode bw’inzu bukomoka ku masezerano yabaye hagati ya Mwiza Mutagoma na Kayinamura Fidèle bombi b’abacuruzi ari igikorwa cy’ubucuruzi kubera isano gifitanye n’ibikorwa by’ubucuruzi basanzwe bakora hashingiwe ku byateganywaga n’ingingo ya 3, agace ka mbere y’Itegeko Ngenga n° 59/2007 ryo kuwa 16/12/2007.

[18] Ibi kandi bishimangirwa n’ibivugwa n’abahanga mu mategeko François Collart Dutilleul et Philippe Delebecque basobanura ko ubukode bw’ubucuruzi buvugwa ku mazu acurizwamo, bikorwa n’umucuruzi cyangwa umunyenganda wanditswe mu bitabo by’ubucuruzi cyangwa rwiyezamirimo wanditswe mu bitabo bibarurirwamo abanyabukorikori bakora cyangwa badakora ibikorwa by’ubucuruzi ( “le statut des baux commerciaux à vocation s’appliquer aux baux des immeubles ou locaux dans lesquels un fonds est exploité, que ce fonds appartienne soit à un commerçant ou à un industriel immatriculé au registre du commerce, soit à un chef d’entreprise immatriculée au répertoire des métiers accomplissant ou non des actes de commerce”)<sup>1</sup> Ku rubuga rwa interneti, abandi bahanga mu mategeko bavuga ko igikorwa cy’ubucuruzi kigomba kumvikana ko ari ikirebana n’umurimo w’ubucuruzi, umucuruzi akora ku buryo buhoraho mu mwuga we w’ubucuruzi, kandi ko hagomba gutandukanywa igikorwa umucuruzi akora mu mwuga we w’ubucuruzi n’icyo akora mu buzima bwe bwihariye, bakavuga ko nk’iyo umucuruzi aguze inzu y’umuryango aba akoze igikorwa mbonezamubano, ko ariko iyo aguze icyumba cyo gucururizamo, icyo gikorwa cyitwa icy’ubucuruzi, kandi ko n’inkiko zemeje ko amasezerano akozwe n’umucuruzi mu rwego rw’umwuga we aba ari ay’ubucuruzi, ko ndetse n’inshingano zikomoka

---

<sup>1</sup> François Collart Dutilleul et Philippe Delebecque, *Contrats civils et commerciaux*, 8e édition, p.334.



ku makosa mbonezamubano cyangwa ibisa nayo bikoze n'umucuruzi nabyo bifatwa nk'ibikorwa by'ubucuruzi.<sup>2</sup>

[19] Hashingiwe ku bimaze gusobanurwa, Urukiko rurasanga kuba Mwiza Mutagoma yari umucuruzi ufite “registre de commerce”, amasezerano y'icyumba yakodeshwaga na Kayinamura Fidèle akagikorera ibikorwa by'ubucuruzi bijyanye n'umwuga we, agomba kwitwa ay'ubucuruzi, impaka ziyakomokaho zikaba zigomba kuburanishwa n'Inkiko z'ubucuruzi, ko rero Inkiko mbonezamubano zaburanishije uru rubanza mu rwego rwa mbere n'urwa kabiri mu bujuriye zitabifitiye ububasha, bityo urubanza n° RCA 0388/11/KIG rwaciye kuwa 06/07/2012 n'Urukiko Rukuru rukaba ruteshejwe agaciro.

### III. ICYEMEZO CY'URUKIKO

[20] Rwemeye kwakira inzitizi yatanzwe na Kayinamura Fidèle kuko byakozwe mu buryo n'inzira bikurikije amategeko;

[21] Rwemeje ko nta shingiro ifite;

[22] Rwemeje ko urubanza rwajuririwe ruteshejwe agaciro.

---

<sup>2</sup> <https://www.google.com/search>, cours de droit commercial, Daphnée Principiano, *Sont commerçants ceux qui exercent les actes de commerce et en font leur profession habituelle. L'acte doit se rattacher à l'activité commerciale, cela implique une distinction entre la vie professionnelle du commerçant et sa vie privée qui ne sera soumise qu'au droit commercial. Si un commerçant achète une maison pour sa famille: c'est un acte civil, par contre si le même commerçant achète un local, c'est un acte commercial. Ne sont pas commerciaux les achats faits par un commerçant pour son usage particulier. La jurisprudence dit que tous les contrats passés par un commerçant pour les besoins de son commerce sont commerciaux, qu'également toutes les obligations qui peuvent résulter d'un délit ou quasi-délit peuvent être qualifiés d'actes de commerce.*

[23] Rutegetse Kayinamura Fidèle kwishyura amagarama y'ibyakozwe kuri uru rubanza angana na 25.750 Frw, atayishyura mu gihe cy'iminsi umunani (8 jours) uru rubanza rusomwe, ayo mafaranga agakurwa mu bye ku ngufu za Leta.

## NDIZIHIWE N'UNDI v. MUDAKEMWA N'ABANDI

[Rwanda URUKIKO RW'IKIRENGA– RCAA 0136/11/CS (Rugege, P.J., Mugenzi na Munyangeri N., J.) 14 Gashyantare 2014]

*Amategeko agenga imiburanishirize y'imanza z'imbonezamubano – Ubujurire – Kureka ikirego cy'ubujurire ku cyemezo cy'ibanzirizasuzuma – Uwajuriye afite uburenganzira bwo kureka ubujurire bwe n'iyo uwarezwe atabyemera – Itegeko n° 21/2012 ryo kuwa 14/06/2012 ryerekeye imiburanishirize y'imanza z'imbonezamubano, iz'ubucuruzi, iz'umurimo n'iz'ubutegets, ingingo ya 26.*

*Amategeko agenga amasezerano cyangwa imirimo nshinganwa – Indishyi ku gihombo gitewe n'ikirego cy'ubujurire kiretse n'umuburanyi – Uwarezwe mu bujurire afite uburenganzira ku ndishyi z'ibyo yatanze kubera ubujurire yari yarezwemo n'uwaje kubureka – Itegeko ryo kuwa 30/07/1888 rigenga amasezerano cyangwa imirimo nshinganwa, ingingo ya 258.*

**Incamake y'ikibazo:** Ndizihwe na Nyirabihogo bamaze kubona ko ubujurire bwabo butakiriwe kubera ko umucamanza w'ibanzirizasuzuma mu Rukiko rw'Ikirenga yasanze bwaratanze bukererewe, bajuririye icyo cyemezo ariko nyuma bandikira Urukiko bavuga ko baretse ubwo bujurire. Mudakemwa na bagenzi be baregwaye mu bujurire bemera ko kureka ubujurire ari uburenganzira bw'umuburanyi, ariko bakavuga ko bitababuza guhabwa indishyi zishingiye ku gihombo batewe no gukurikirana urwo rubanza no guhamba Avoka.

**Incamake y'icyemezo:** 1. Nta cyatuma uwatanze ikirego atemererwa kukireka, mu gihe abikoze mu nzira zemewe n'amategeko, kabone n'iyo uwo baburana atabyemera, kuko ari uburenganzira yemererwa n'itegeko.

2. Indishyi zisabwa n'abaregwa mu bujurire ntizishingiye ku kiburanwa ahubwo zishingiye ku gihombo batewe n'ibyo batanze kubera ubujurire bari barezwemo, uwari wajuriye akaza kubureka. Bakwiriye kuzihabwa bitabaye ngombwa ko bajya gutangiza urundi rubanza kuri izo ndishyi.

**Abajuriye bemerewe kureka ubujurire.  
Abaregwa bahawe indishyi z'igihembo cy'avoka  
n'ikurikiranarubanza.  
Amagarama y'urubanza aherereye ku bajuriye.**

**Amategeko yashingiweho:**

*Itegeko n° 21/2012 ryo kuwa 14/06/2012 ryerekeye imiburanishirize y'imanza z'imbonezamubano, iz'ubucuruzi, iz'umurimo n'iz'ubutegetsi, ingingo ya 26.*

*Itegeko ryo kuwa 30/07/1888 rigenga amasezerano cyangwa imirimo nshinganwa, ingingo ya 258.*

**Nta manza zashingiweho.**

## Urubanza

### I. IMITERERE Y'URUBANZA:

[1] Nyuma y'uko Ndizihwe na Nyirabihogo bajuririye mu Rukiko rw'Ikirenga urubanza RCA188/10/HC/MUS rwaciwe n'Urukiko Rukuru, haburanwa izungura ry'umutungo wasizwe na Rusigariye, umucamanza w'ibanzirizasuzuma yemeje, ku wa 11/11/2011, ko ubwo bujurire butakiriwe kuko bwatanzwe bukerewe.

[2] Ndizihwe na Nyirabihogo bajuririye icyo cyemezo cy'ibanzirizasuzuma, ariko nyuma, mu ibaruwa yabo yo kuwa 04/12/2013, bamenyesha Urukiko ko baretse ubujurire, bashingiye ku ngingo ya 26 y'itegeko n° 21/2012 ryo kuwa 14/06/2012 ryerekeye

imiburanishirize y'imanza z'imbonezamubano, iz'ubucuruzi, iz'umurimo n'iz'ubutegetsisi.

[3] Abaregwa mu bujurire, aribo Mudakemwa, Mukarutura na Nyiransekanabo bo bavuga ko batemera ko abajuriye bareka ikirego, mu gihe nabo bari baratanze ubujurire bwuririye ku bundi kuwa 10/10/2013 basaba indishyi z'igihembo cya avoka n'ikurikirana rubanza.

[4] Urubanza rwaburanishijwe mu ruhame ku wa 14/01/2014, abaregwa mu bujurire bahagarariwe na Me Habyarimana Christine naho abaregwa bahagarariwe na Me Uwimana Shani.

## **II. IBIBAZO BIGIZE URUBANZA N'ISESENGURWA RYABYO**

[5] Muri uru rubanza harasuzumwa ikibazo cyo kumenya niba ukureka ikirego kw'abajuriye kwakwemerwa, nyuma habe hanasuzumwa niba ubujurire bwuririye ku bundi bwatanzwe n'uregwa mbere y'uko uwajuriye areka ikirego, bwakwakirwa mu gihe ukureka ikirego kwakwemerwa.

### **Ku bijyanye n'iyemerwa ry'ukureka ikirego.**

[6] Uburanira abajuriye avuga ko bahisemo kureka ikirego bashingiye ku ngingo ya 26 y'Itegeko n° 21/2012 ryo kuwa 14/06/2012 ryerekeye imiburanishirize y'imanza z'imbonezamubano, iz'ubucuruzi, iz'umurimo n'iz'ubutegetsisi, akaba asanga bakwiye kubyemererwa nta kindi basabwe, kuko itegeko rivuga ko bitari ngombwa ko uwo baburana abyemera. Uburanira abaregwa nawe yemera ko ukwemererwa kureka ikirego ari uburenganzira bw'uwigitanze, ariko ko bitabuza abaregwaga kugira indishyi basaba.

[7] Ingingo ya 26 y'Itegeko n° 21/2012 ryo kuwa 14/06/2012 ryerekeye imiburanishirize y'imanza z'imbonezamubano, iz'ubucuruzi, iz'umurimo n'iz'ubutegetsisi, iteganya ko kureka ikirego ari

ukwiyambura ububasha n'uburenganzira umuntu yari afite bwo gukomeza gukurikirana ikirego cye, ukwemera kw'undi muburanyi kukaba atari ngombwa.

[8] Urukiko rurasanga, hashingiwe kuri iyo ngingo y'itegeko, nta cyatuma uwatanze ikirego atemererwa kukireka, mu gihe abikoze mu nzira zemewe n'amategeko, kabone n'iyo uwo baburana atabyemera, kuko ari uburenganzira yemererwa n'itegeko, bityo rero Ndizihwe na Nyirabihogo bakaba bemerewe kureka ubujurire bwabo.

**Ku bijyanye n'indishyi zisabwa n'abaregwaga.**

[9] Me Habyarimana uburanira Ndizihwe na Nyirabihogo avuga ko ukureka ikirego nk'uko biteganywa n'ingingo ya 26 y'Itegeko ryerekeye imiburanishirize y'imanza z'imbonezamubano, iz'ubucuruzi, iz'umurimo n'iz'ubutegetsi bitagomba ko undi muburanyi abyemera.

[10] Avuga ko n'ubujurire bwuririye ku bundi bwatanzwe n'abo baburana butabuza ko ukureka ikirego kwemerwa, kuko ubwo bujurire ari ubushamikiye ku kirego cy'ibanze, mu gihe rero ba nyiracyo bakiretse ubwo bujurire butaba bugisuzumwe, ndetse ingingo ya 167 y'itegeko rishya ryerekeye imiburanishirize y'imanza z'imbonezamubano, iz'ubucuruzi, iz'umurimo n'iz'ubutegetsi ikaba isobanura, mu gika cyayo cya gatatu, ko iyo ubujurire bw'ibanze butakiriwe, ubujurire bubwuririyeho nabwo budashobora kwakirwa.

[11] Asobanura ko niba abo baburana bashaka kwishyuzza indishyi bifuzaga kwaka, batanga ikirego cy'ibanze bashingiye ku ngingo ya 258 y'Igitabo cya gatatu cy'Urwunge rw'amategeko mbonezamubano bagaragaza ibyo baba barangirijwe ku makosa ya Ndizihwe na Nyirabihogo.

[12] Me Uwimana Shani uburanira Mudakemwa, Mukarutura na Nyiransekanabo baregwaga mu bujurire we avuga ko n'ubwo ingingo ya 26 ivuga ko ukwemera kw'undi muburanyi bitari ngombwa kugira ngo ushaka kureka ikirego abyemererwe n'Urukiko, hadakwiye kwirengagizwa igihombo uwaregwaga aba yaratejwe mu gukurikirana

urubanza no guhamba avoka, anavuga ko muri uru Rukiko hari imanza zaciwe zikagena indishyi z'igihombo nk'icyo.

[13] Asobanura ko abo aburanira bashyizeho avoka abakorera imyanzuro yo kwiregura, bamuhemba 1.000.000 frw, hatabariwemo ibyo batanze ku ikurikiranarubanza, kuko baje ku Rukiko rw'Ikirenga incuro zigera kuri eshatu baturuka ku Gisenyi, ari yo mpamvu basaba ko bakwishyurwa 2.500.000 frw, akubiyemo igihembo cya avoka n'ikurikiranarubanza, cyane ko abaretse ikirego babikoze nyuma y'uko abo baburana batanze imyanzuro yabo.

[14] Ku kibazo cyo kuba abaregwaga mu bujurire bashobora gutangiza ikirego kigamije kwaka indishyi z'ibyo batanze mu guhamba avoka no gukurikirana urubanza, Me Uwimana avuga ko byaba ari ukubarushya no kwirengagiza ko bamaze igihe kirekire basiragira.

[15] Urukiko rurasanga, hakurikijwe ibisobanuro by'abaregwaga mu bujurire nk'uko byagaragajwe haruguru, indishyi basaba atari izishingiye ku cyaburanwaga, ahubwo ari iziyanye gusa n'ibyo batanze bitewe n'ubujurire bari barezwemo (*costs*) bikaba byumvikana ko, hakurikijwe ibiteganywa n'ingingo ya 258 y'Igitabo cya gatatu cy'Urwunge rw'Amategeko Mbenezamubano, byabateje igihombo giturutse kuri icyo kirego cy'ubujurire, bakaba rero bakwiye kwishyurwa ibyo batanze muri urwo rwego, bitabaye ngombwa ko bajya gutangiza urubanza kuri izo ndishyi.

[16] Ku bijyanye n'urugero rw'indishyi basaba, Urukiko rurasanga, nta bimenyetso byakwiringirwa bagaragaje byerekana ko amafranga 2.500.000 ari yo batanze koko ku gihembo cya avoka n'ikurikirana rubanza, bakaba rero bagenerwa, mu bushishozi bw'Urukiko, 500.000 frw y'igihembo cya avoka bose, na 200.000 frw buri wese y'ikurikiranarubanza, yose hamwe akaba 1.100.000 frw.

### III. ICYEMEZO CY'URUKIKO

[17] Rwemeye ukureka ubujurire kwa Ndizihwe na Nyirabihogo;

[18] Rubategetse kwishyura Mudakemwa, Mukarutura na Nyiransekanabo indishyi z'ibyo batanze biturutse kuri ubwo bujire, zihwanye na 1.100.000 frw, akubiyemo 500.000 frw y'igihembo cya avoka, na 600.000 y'ikurikiranarubanza.

[19] Rubategetse kwishyura buri wese icya  $\frac{1}{2}$  cy'amagarama y'uru rubanza, ahwanye na 48.250 frw, ni ukuvuga 24.125 frw buri wese.



**IMANZA Z'UBUCURUZI**

**AMSAR v. IKIGO CY'IGIHUGU  
GISHINZWE KWINJIZA IMISORO  
N'AMAHORO (RRA)**

[Rwanda URUKIKO RW'IKIRENGA – RCOM A 0056/10/CS  
(Mukanyundo, P.J., Havugiyaremye na Kayitesi R, J.) 05 Kanama  
2011]

*Amategeko y'imisoro – Igenagaciro ry'Umusoro ku nyungu hashingiwe ku ihame ry'ubwigenge bw'isoreshwa – Buri mwaka usoreshwa ukwawo – Itegeko n° 16/2005 ryo ku wa 18/08/2005 rigena imisoro itaziguye ku musaruro, ingingo ya 2(7°).*

*Amategeko y'imisoro – Igenagaciro k'ubwicungure – Ubwicungure ku gikoresho cy'akazi bubarwa iyo cyakoreshejwe mu nyungu zitaziguye z'ibyo cyagenewe – Itegeko n° 8/97 ryo kuwa 26/06/1997 rigena Imisoro itaziguye ku nyungu zinyuranye no ku bihembo nk'uko ryahinduwe kandi ryujujwe kugeza ubu, ingingo ya 10 (2°) ;( 5°).*

**Incamake y'ikibazo:** Urega yakorewe igenzura ry'umusoro ku nyungu y'umwaka wa 2003, acibwa umusoro nta nteguza ungana na 25.703.169 Rwf, ajuririye komiseri Mukuru, asubizwa ko ubujurire bwe bufite ishingiho kuri bimwe, ku musoro yaciwe agabanyirizwaho 1.372.044 Rwf, hasigara 24.331.125 Frw.

Urega yajuririye Urukiko Rukuru rw'ubucuruzi asaba ko rwayikuriraho uwo musoro asanga yaraciwe kandi muri uwo mwaka yaragize igihombo kingana na 31.862.937 Frw.Urukiko Rukuru rw'Ubucuruzi rwemeje ko ikirego cye nta shingiro gifite, ko umusoro wemejwe na Komiseri Mukuru asubiza ku itakamba ry'urega ugumyeho.

Urega yajuririye Urukiko rw'Ikirenga anenga kuba Urukiko Rukuru rw'Ubucuruzi rutarahaye agaciro icyemezo kigaragaza igabanuka ry'umwenda wa 69.583.125 frw yerekeranye na pièces de rechange/spare parts n'imashini zinyuranye, rukanga ko akurwa mu

nyungu zisoreshwa mu mwaka wa 2003 kandi nyamara urega yararishye ayo mafaranga, rukaba rutaranitaye no kubwicingure (*depreciation*) bwa “*groupe électrogène*” yakoreshwaga aho Umuyobozi Mukuru wungirije wa sosiyete yari atuye mu nyungu zisoreshwa.

Naho Uregwa akavuga ko ingingo z'ubujurire bw'urega nta nshingiro zifite kubera ko nta mwaka w'umusoro uvangwa n'undi.

Ikindi ni uko kubirebana n'ubwicingure (*depreciation*) bwa “*groupe électrogène*” yakoreshwaga aho Umuyobozi Mukuru wungirije wa sosiyete yari atuye, avuga ko atavanwa mu nyungu z'isoreshwa kuko ibivanwamo ari ibyashowe mu birengera inyungu z'umurimo ku buryo butaziguye cyangwa mu birebana n'icungwa risanzwe ry'umurimo akaba atariko byagenze.

**Incamake y'icyemezo:** 1. Amafaranga angana na 69.583.838 agaragara mu cyemezo kigaragaza igabanuka ry'umwenda cyatanzwe n'urega ntabwo yakurwa mu nyungu z'isoreshwa ry'umwaka wa 2003, kubera yuko yishyuwe nyuma y'uwo mwaka. Bityo ihame ry'ubwigenge bw'igihe cy'isoresha rikaba rigomba kubahirizwa.

2. Kugira ngo ubwicingure (*depreciation*) bw'icyuma gitanga amashanyarazi “*groupe électrogène*” buvanwe mu nyungu ni uko kiba cyarakoreshejwe mu nyungu z'umurimo cyagenewe ku buryo butaziguye. Mu gihe ubwicingure butemejwe ntabwo byafatwa nka kimwe mu byasohotse bigendanye n'umurimo kugirango buvanwe mu nyungu zisoreshwa.

**Ubujurire nta shingiro bufite.  
Urubanza rwajuririwe ntiruhindutse.  
Amagarama aherereye ku wajuriye.**

**Amategeko yashingiweho:**

*Itegeko n° 16/2005 ryo kuwa 18/08/2005 rigena imisoro itaziguye ku musaruro, ingingo ya 2(7°).*

*Itegeko n° 15/2004 ryo kuwa 12/6/2004 ryerekeye ibimenyetso mu manza n'itangwa ryabyo, ingingo ya 35, igika cya gatatu.*

*Itegeko n° 8/97 ryo kuwa 26/06/1997 rigena Imisoro itaziguye ku nyungu zinyuranye no kubihembo nk'uko ryahinduwe kandi ryujujwe kugeza ubu, ingingo ya 10 (2°);(5°).*

**Nta manza zifashishijwe.**

## **Urubanza**

### **I. IMITERERE Y'URUBANZA MURI MAKE**

[20] Sosiyete AMSAR BURUNDI SA, succursale du Rwanda, yakorewe igenzura ry'umusoro ku nyungu (Impôt sur les Bénéfices des Sociétés) w'umwaka wa 2003, icibwa umusoro nta nteguza (imposition d'office) ungana na 25.703.169 Frw. AMSAR yajuririye Komiseri Mukuru, ayisubiza ko ubwo bujirire bufite ishingiro kuri bimwe, maze ku musoro yaciwe hagabanywaho 1.372.044 Frw, isigara yishyuzwa umusoro ungana na 24.331.125 Frw. AMSAR ntiyishimiye icyo cyemezo, iregera Urukiko Rukuru rw'Ubucuruzi isaba ko rwayikuraho uwo musoro isanga yaraciwe kandi muri uwo mwaka yaragize igihombo kingana na 31.862.937 Frw.

[21] Urukiko Rukuru rw'Ubucuruzi rwemeje ko ikirego cya AMSAR nta shingiro gifite, ko umusoro wemejwe na Komiseri Mukuru wa Rwanda Revenue Authority asubiza ku itakamba rya AMSAR ugumyeho.

[22] Mu mpamvu rwashingiyeho, Urukiko rwasanze ku byererekeranye n'uko AMSAR yasoreshejwe nta nteguza byarakurikije amategeko, by'umwihariko ingingo ya 19 igika cya mbere n'ya 24 z'itegeko n°08/97 ryo kuwa 26/06/1997 ryagengaga icyo gihe imisoro itaziguye ku nyungu zinyuranye no ku bihembo. Ku birebana n'uko Rwanda Revenue Authority yanze gukura “amortissement du groupe électrogène” mu nyungu zisoreshwa, rwasanze ayo mafaranga

adakwiye gukurwa muri izo nyungu hakurikijwe ibiteganywa n'ingingo ya 10, agace ka 1<sup>o</sup>, y'itegeko rivuzwe haruguru, naho ku birebana na 69.583.858 Frw avugwa muri note de débit AMSAR yasabaga ko yakurwa mu nyungu zisoreshwa mu mwaka yishyuriwemo, rusanga AMSAR itagaragaza ikimenyetso cy'uko yayasohoye mu mwaka wa 2003, uretse gusa kuba yaremeraga ko hari uwo igomba ayo mafaranga.

[23] AMSAR yajuririye urwo rubanza mu Rukiko rw'Ikirenga inenga kuba Urukiko Rukuru rw'Ubucuruzi rutarahaye agaciro note de débit ya 69.583.125 frw yerekeranye na pièces de rechange/spare parts n'imashini zinyuranye, rukanga ko akurwa mu nyungu zisoreshwa mu mwaka wa 2003 kandi nyamara AMSAR yararishye ayo mafaranga SOBIMAC, kandi ko rwanze gukura “amortissement ya groupe électrogène” yakoreshwaga aho Umuyobozi Mukuru wungirije wa sosiyete yari atuye mu nyungu zisoreshwa. Ku ruhande rwayo Rwanda Revenue Authority ivuga ko izo ngingo z'ubujurire nta shingiro zifite.

[24] Urubanza rwaburanishijwe kuwa 30/06/201, AMSAR ihagarariwe na Me Munderere Léopold hamwe na Me Mugemana J.M.V, naho Rwanda Revenue Authority ihagarariwe na Me GASANA Raoul A.

## II. IBIBAZO BIGIZE URUBANZA N'ISESENGURA RYABYO

**a. Kumenya niba 69.583.858 FRW ari kuri note de débit n° 004/2003/MAT yakurwa mu nyungu zisoreshwa mu mwaka wa 2003.**

[25] Me Munderere Léopold uhagarariye AMSAR avuga ko AMSAR yishyuye ayo mafaranga SOBIMAC, ko ariko kubera ko ariho yari igitangira bitewe n'ibyangombwa byinshi yabanje kuzuzwa kugira ngo itangire gukorera mu Rwanda, ibishyira mu mwaka wa 2004, kandi ko kubera ko yakoze ihomba ikishyura amafaranga menshi, asanga ayo mafaranga agaragara kuri note de débit yabarwa nk'ayakoreshejwe ( dépense) muri 2003.

[26] Me Gasana Raoul A. uhagarariye Rwanda Revenue Authority yibutsa ihame rijyanye na “indépendance des exercices fiscaux”, bishatse kuvuga ko nta mwaka w’umusoro uvangwa n’undi. Asobanura ko amafaranga agaragara kuri iyo note de débit yari atarishyurwa muri 2003, ko ahubwo bigaragara ko hari uwo AMSAR yagombaga kuzayishyura, akaba rero atakurwa mu nyungu zisoreshwa zijyanye n’uwo mwaka hashingiwe ku ngingo ya 10, igika cya kabiri, y’itegeko n° 08/97 ryo kuwa 26/06/1997 ryagengaga imisoro itaziguye ku nyungu zinyuranye no ku bihembo.

[27] Ku byerekeranye n’inyemezabuguzi zatanzwe na AMSAR isaba ko zafatwa nk’ikimenyetso ko ibikoresho bijyanye n’ayo mafaranga byaguzwe bikanishyurwa, asobanura ko zitujuje ibiteganywa n’ingingo ya 35, igika cya gatatu y’itegeko n° 15/2004 ryo kuwa 12/6/2004 ryerekeye ibimenyetso mu manza n’itangwa ryabyo, by’umwihariko ku birebana na kopi z’inyandiko zidateyeho icyemezo cy’uko zihuye n’inyandiko y’umwimerere, ko kandi zimwe muri zo zigaragaza ko amafaranga azigaragaraho yishyuwe muri 2005, andi muri 2006, ko rero nta kuntu zaza kugabanya umusoro wo muri 2003.

[28] Me Mugemana nawe asobanura ko ayo mafaranga yishyuwe ibikoresho SOBIMAC yari yaraguze na sosiyete ASTALDI nyuma nayo ibigurisha AMSAR iyigurije amafaranga kugira ngo iyorohereze mu rwego rw’imikoranire hagati yabo nka sosiyete zifitanye isano.

[29] Ingingo ya 10 y’itegeko n°8/97 ryo kuwa 26/06/1997 rishyiraho amategeko agenga imisoro itaziguye ku nyungu zinyuranye no ku bihembo ryakurikizwaga mu mwaka wa 2003 iteganya ko urwunguko rugenwa havanyweho ibyasohotse byose. Isobanura ariko ko kugira ngo amafaranga ajyanye n’ibyo byasohotse, kimwe n’ibindi bitubya umutungo avanwe mu nyungu zisoreshwa hagomba kuba hujijwe ibikurikira :

1° Kuba amafaranga yarashowe mu birengera inyungu z’umurimo ku buryo butaziguye, cyangwa mu birebana n’icungwa risanzwe ry’umurimo;

2° Kuba amafaranga yasohotse ajyana n'imirimo idashidikanywa y'akazi kandi ifite gihamyahagije igaragaza ukuri kw'ibyanditse mu ibaruramari;

3° Kuba byarabaruwe, hakurikijwe amategeko abigenga, mu byatunze umurimo mu mwaka bifatwaho nk'umwenda udashidikanywa mu nyito no mu ngano.

[30] Hashingiwe kuri iyi ngingo, cyane cyane mu duce twayo, aka (2) n'aka (5), Urukiko rurasanga dépenses zingana na 69.583.858 frw zigaragara muri note de débit yatanzwe na AMSAR zitakurwa mu nyungu zisoreshwa mu mwaka wa 2003, kuko nk'uko bigaragazwa n'iyo note de débit, ayo mafaranga atishyuye koko muri 2003, ko ahubwo yishyuye nyuma.

[31] Urukiko rurasanga kandi ibimenyetso bindi AMSAR itanga bigizwe n'inyemezabuguzi, uretse n'uko bitubahiriza ibiteganywa n'ingingo ya 35 igika cya gatatu y'itegeko n° 15/2004 ryo kuwa 12/6/2004 ryerekeye ibimenyetso mu manza n'itangwa ryabyo, bigaragaza nabyo ahubwo ko amafaranga amwe yishyuye muri 2005, andi yishyurwa muri 2006, ndetse n'impamvu yishyuye ikaba ahubwo ari indi, kuko basobanura ko ari "remboursement des frais" aho kuba kwishyura ibyo bikoresho bivugwa, bityo ingingo y'ubujurire ya AMSAR ko amafaranga ari kuri note de débit yakurwa mu nyungu zisoreshwa mu mwaka wa 2003 ikaba nta shingiro.

**b) Kumenya niba amortissement du groupe électrogène yakoreshwaga mu icumbi ry'akazi ry'umuyobozi wungirije wa sosiyete yakurwa mu nyungu zisoreshwa.**

[32] Kuri iyi ngingo Me Munderere Léopold avuga ko basanga nta mpamvu Rwanda Revenue Authority yari kwemera amortissement ku bintu bimwe ngo iyange ku birebana na groupe électrogène ku mpamvu z'uko ngo atari "dépense professionnelle". Asobanura ko kubera ikibazo cy'umurimo cyariho mu mwaka wa 2003, uwo muyobozi rimwe yakoreraga akazi mu biro, ubundi agakorera mu rugo, ko hakurikijwe inshingano z'umuyobozi w'urwo rwego amafaranga yatanzwe kuri iyo

“groupe électrogène” yagombye gushyirwa mu rwego rw’amafaranga yakoreshejwe mu bijyanye n’akazi akavanwa mu nyungu zisoreshwa.

[33] Me Gasana Raoul avuga ko ibintu bisobanutse mu ngingo ya 10 y’itegeko n° 8/97 ryo kuwa 26/06/1997 rishyiraho amategeko agenga imisoro itaziguye ku nyungu zinyuranye no ku bihembo mu gace kayo ka mbere aho ivuga ibyerekeranye n’ibivanwa mu nyungu zisoreshwa (charges déductibles/ deductible expenses from company tax), ikaba igaragaza by’umwihariko ko ibyo bivanwamo ari ibyashowe mu birengera inyungu z’umurimo ku buryo butaziguye (dans l’intérêt direct de l’exploitation). Akomeza avuga ko ikigomba kurebwa ari nacyo Rwanda Revenue Authority yashingiyeho ari ibiba amortis, akaba ariyo mpamvu yemeye amortissement y’ibikoresho bimwe igakuramo “groupe électrogène” yakoreshwaga ku muyobozi mukuru wungirije wa sosiyete kuko ingingo y’itegeko ivuga ibifite “lien direct/direct interest” n’akazi, ko atari ibifite lien “indirect” nk’uko bimeze ku bijyanye na “groupe électrogène” yakoreshwaga mu rugo rw’umuyobozi mukuru wungirije, gutandukanya ibifitanye lien direct n’ibitayifite bikaba byagorana.

[34] Ingingo ya 10 y’itegeko n° 8/97 ryo kuwa 26/06/1997 rivuzwe haruguru ryakurikizwaga mu mwaka wa 2003 mu gace kayo ka mbere iteganya ko urwunguko rugenwa havanyweho ibyasohotse byose, ko kugirango amafaranga yerekeranye n’ibyo byasohotse avanwe mu nyungu, agomba kuba yarashowe mu birengera inyungu z’umurimo ku buryo butaziguye, cyangwa mu birebana n’icungwa risanzwe ry’umurimo.

[35] Hashingiwe kuri iyi ngingo, Urukiko rurasanga “groupe électrogène” ivugwa, n’ubwo muri rusange yakoreshwaga mu rwego rwo koroherezwa uwo muyobozi ngo ashobobore gutunganya inshingano ze neza z’akazi, kuba yarakoreshwaga no mu yindi mirimo yo mu rugo ishobora kuba idafite aho ihuriye n’inshingano ze z’akazi bituma isano itaziguye (*lien direct*) iteganywa n’itegeko ishidikanywaho, bityo amortissement ijyanye nayo ikaba itagomba kuvanwa mu nyungu zisoreshwa.



[36] Urukiko rurasanga kandi ku ruhande rwa AMSAR abayihagarariye batarashoboye kurugaragariza ibyagenerwaga uwo muyobozi bijyanye no kumworohereza akazi birimo by'umwihariko ibyerekeranye n'imikoreshereze ya "groupe électrogène" ivugwa.

[37] Hashingiwe ku bimaze kuvugwa, urukiko rurasanga amortissement y'iyi groupe électrogène itafatwa nka dépense professionnelle kugira ngo ivanwe mu nyungu zisoreshwa, bityo ubujurire bwa AMSAR no kuri iyi ngingo bukaba nta shingiro bufite.

### **III ICYEMEZO CY'URUKIKO**

[38] Rwemeye kwakira ubujurire rwashyikirijwe na AMSAR BURUNDI SA,, succursale du Rwanda kuko bwatanzwe mu buryo bukurikije amategeko, ko ariko nta shingiro bufite;

[39] Rwemeje ko urubanza RCOM 0115/09/HCC rwaciwe n'Urukiko Rukuru rw'Ubucuruzi kuwa 29/04/2010 rudahindutse;

[40] Rutegetse AMSAR BURUNDI SA, succursale du Rwanda, gutanga amagarama y'urubanza angana na 23.300Frw, itayatanga mu gihe cy'iminsi umunani akavanwa mu byayo ku ngufu za Leta.

## AQUILLA & PRISCILLA v. ENGEN N'UNDI

[Rwanda – URUKIKO RW'IKIRENGA - RCOMA 0165/12/CS  
(Mugenzi P.J, Hatangimbabazi na Munyangeri J.) 13 Ukuboza 2013]

*Amategeko agenga Abahesha b'Inkiko b'Umwuga – Ububasha bw'umuhesha w'inkiko – Iyo yiyambajwe n'ubutabera cyangwa uwo ari we wese ubifitemo inyungu, yemerewe gukorera inyandiko mvugo ibintu bigaragara – Ntiyakwirukana uwo ari we wese nta cyemezo cy'Urukiko kibimuhera uburenganzira – Umuhesha w'Inkiko n'uwamutumye bacibwa indishyi nk'ingaruka zo kwirukana umuntu mu buryo budakurikije amategeko – Itegeko N° 31/2001 ryo kuwa 12/06/2001 rishyiraho urugaga rw'Abahesha b' Inkiko b'Umwuga , ingingo ya 18.*

*Amategeko agenga ibimenyetso – Ikimenyetso cy'amasezerano – Inyandiko ya fotokopi ifite inenge ntiyafatwa nk'ikimenyetso cy'amasezerano mu gihe hatagaragazwa umwimerere wayo.*

**Incamake y'ikibazo:** AQUILLA & PRISCILLA yareze ENGEN n'umuhesha w'inkiko w'umwuga Kanyana Bibiane mu Rukiko Rukuru rw'Ubucuruzi kuba ENGEN yarishe amasezerano bagiranye y'ubukode bwa station ya lisansi ikayirukana ikanafatira imitungo yayo igizwe n'amafaranga hamwe n'ibikoresho mu buryo budakurikije amategeko, ibifashijwemo n'Umuhesha w'Inkiko Kanyana.

Urukiko rwemeje ko nta kimenyetso gifatika kandi kidashidikanywaho cy'amasezerano cyashingirwaho mu kwemeza ko ENGEN yishe amasezerano koko, rwemeza ko umuhesha w'inkiko atubahirije inshingano ze afatanyaga na ENGEN gukura ku ngufu AQUILLA & PRISCILLA muri station, rubategeka kumuha indishyi. AQUILLA & PRISCILLA yajuririye Urukiko rw'Ikirenga irusaba kwemeza ko uregwa yishe amasezerano bagiranye no kumutegeka kwishyura indishyi z'akababaro zikomoka ku kuyirukana aho yakoreraga atabihereye ububasha. Ku birebana n'amasezerano ENGEN na Kanyana bavugaga ko ibyo umuhesha w'inkiko yakoze byari byubahirije

amategeko, ENGEN ivuga ko ntayo yishe kuko ayo bari bafitanye yari yararangiye.

**Incamake y'icyemezo:** 1. Umuhesha w'inkiko w'umwuga afite uburenganzira bwo gukora inyandiko mvugo z'imitungo igaragara (constat) iyo yiyambajwe, ariko ntiyakwirukana umuntu ahantu adafite icyemezo cy'urukiko kibimwemerera. Ku bw'iyi mpamvu, ibyo yakoze afatanyije n'uregwa bikaba binyuranije n'amategeko, bityo bakaba bagomba kubitangira indishyi.

2. Fotokopi y'amasezerano yanditse ntiyafatwa nk'ikimenyetso cy'amasezerano iyo ifite inenge mu myandikire y'ibiyikubiyemo kandi hatari umwimerere wayo.

**Uburire bufite ishingiro kuri bimwe.**

**Abaregwa bategetswe guha uwajuriye indishyi zo kumwirukana binyuranyije n'amategeko, igihembo cy'Avoka n'amafaranga y'ikurikiranarubanza.**

**ENGEN itegetswe kwishyura uwajuriye indishyi z'imitungo n'ibikoresho bye itamusubije.**

**Ababuranyi bombi bazafatanyira kwishyura amagarama y'urubanza.**

**Amategeko yashingiweho:**

*Itegeko N° 31/2001 ryo kuwa 12/06/2001, rishyira ho urugaga rw' abahesha b'inkiko b'umwuga, ingingo ya 18.*

**Nta manza zifashishijwe.**

## Urubanza

### IMITERERE Y'URUBANZA

[1] Kuwa 18/2/2011, *Société* AQUILLA AND PRISCILLA (mu magambo magufi turakoresha AQUILLA), ivuga ko yagiranye na ENGEN RWANDA Ltd amasezerano y'ubukode bwa Station Engen ahitwa ku Giporoso mu buryo bwo gucuruza “produits petroliers” za ENGEN RWANDA Ltd mu gihe cy'umwaka umwe, nyuma iza kurega ENGEN RWANDA Ltd n'Umuhesha w'inkiko Kanyana Bibiane, mu Rukiko Rukuru rw'Ubucuruza, kuba kuwa 23/07/2011 yarisubije iyo “station” hatabayeho gusesa amasezerano, ko yabifashijwemo n'Umuhesha w'Inkiko Kanyana Bibiane kandi nta burenganzira bahawe n'Urukiko. Yayireze kandi kuba yarafatiriye umutungo wayo ugizwe n'amafaranga hamwe n'ibikoresho, inasaba ko yahatirwa kuyisubiza amafaranga yishyuye y'ikirenga, ay'amazi, ay'umuriro, ay'isuku, aya “patente” n'indi misoro y'Akarere.

[2] Urukiko Rukuru rw'Ubucuruza rwemeje ko nta kimenyetso gifatika kandi kidashidikanywaho cy'amasezerano cyashingirwaho mu gusuzuma niba ENGEN RWANDA Ltd yarishe amasezerano yagiranye na AQUILLA, rwemeza ko Umuhesha w'Inkiko w'Umwuga Kanyana Bibiane atubahirije inshingano ze, afatanya na ENGEN RWANDA Ltd gukura ku ngufu AQUILLA muri “station” ENGEN RWANDA Ltd, rutegeka Kanyana guha AQUILLA indishyi za 500.000 Frw na ENGEN RWANDA Ltd igaha Société AQUILLA AND PRISCILLA 500.000 Frw.

[3] Société AQUILLA yajuririye Urukiko rw'Ikirenga, ivuga ko Urukiko Rukuru rw'Ubucuruza rwavuze ko nta mpamvu yo gusuzuma izindi mpamvu zishamikiye ku masezerano ataratangiwe umwimerere, rwirengagije ko ikimenyetso cy'amasezerano y'umwimerere kitabashije kuboneka, kuko cyari kiri mu bintu byasigaranywe na ENGEN RWANDA; ko Urukiko rwirengagije ibindi bimenyetso bigaragaza ko AQUILLA yari ifitanye amasezerano na ENGEN RWANDA Ltd; ko

Urukiko mu bushishozi bwarwo rwategetse ko ENGEN RWANDA Ltd yishyura AQUILLA 500.000 Frw gusa kandi ikosa bayikoreye rikomeye, no kuba Urukiko Rukuru rw'Ubucuruzi rutarategetse ENGEN RWANDA Ltd n'Umuhesha w'inkiko kwishyura AQUILLA amafaranga y'ikurikiranarubanza n'igihembo cya avoka kandi yarayasabye.

[4] Mu mwanzuro wayo w'ubujurire, AQUILLA isaba Urukiko kwemeza ko ENGEN RWANDA Ltd yishe amasezerano bagiranye; kuyitegeka kwishyura indishyi z'akababaro zingana na 5.000.000 zikomoka ku kuyirukana aho yakoreraga itabihereye ububasha; kwishyura indishyi z'akababaro za miliyoni mirongo itatu (30.000.000 Frw) zishingiye ku iseswa ry'amasezerano ritubahirije amategeko n'amafaranga y'ikurikiranarubanza n'igihembo cy'Avoka angana na miliyoni eshanu (5.000.000 Frw); kuyitegeka gusubiza imitungo ifite agaciro ka 32.636.066 Frw hamwe n'ibikoresho yakomeje gufatira no kwishyura 26.058.200 Frw yishyuwe nk'ikirenga hiyongereyeho inyungu ya 18% (intérêt bancaire) mu mezi 18 akaba angana na 115.177.244 Frw; no kuyisubiza 5.920.724 Frw y'amazi, umuriro n'isuku igihe yari muri "station" ENGEN Remera; ndetse na "patente" na taxe y'Akarere, no kwishyura amafaranga y'ikurikiranarubanza n'igihembo cy'Avoka angana na 5.000.000 Frw. Ibyo byifuzo AQUILLA yagiye ibihindura mu maburanisha anyuranye muri uru Rukiko ivuga ko imibare igenda izamukana n'igihe.

[5] Urubanza rwaburanishijwe ku matariki anyuranye, kuwa 25/06/2013, kuwa 24/09/2013 no kuwa 19/11/2013, Société AQUILLA AND PRISCILLA igihe kimwe ihagarariwe na Me Mutungirehe Anastasie, ikindi gihe Me Karega Blaise Pascal agahagararira Société AQUILLA AND PRISCILLA, akamunganira Umuyobozi w'iyo Société Nkwaya Alfred Nkwaya Alfred wari uhibereye, naho Me Buzayire Angèle agahagararira ENGEN RWANDA Ltd akanunganira na Kanyana Bibiane wari uhibereye, ENGEN RWANDA Ltd kandi ikongera guhagarariwa na Me Rutembesa Phocas.

## II. IBIBAZO BIGIZE URUBANZA N'ISESENGURWA RYABYO.

**Kumenya niba ENGEN n'Umuhesha w'inkiko Kanyana barirukanye AQUILLA kuri “station” mu buryo bunyuranije n'amategeko.**

[6] Uburanira AQUILLA avuga ko kuri iki kibazo, zimwe mu ndishyi basaba zishingiye ku kuba kuwa 26/07/2011 Umuhesha w'inkiko Kanyana yakoze inyandikomvugo y'uko ibintu byose abifatiriye, ikaba yarasabaga indishyi ko yahohotewe n'imikorere y'uwo muhesha w'Urukiko kuko ibyo yakoze, yabikoze nta cyemezo cy'urukiko yarangizaga, ikaba yarifuzaga ko Kanyana yakwishyura indishyi zingana na 5.000.000 Frw kuko yamwirukanye kuri “station” atabyemerewe, Urukiko rubanza rukaba rutaragize icyo rubivugaho, rukaba rwaramutegetse gutanga indishyi za 500.000 Frw mu buryo budasobanutse.

[7] Uburanira ENGEN RWANDA Ltd akanunganira Kanyana, na Kanyana ubwe bavuga ko indishyi za 500.000 ENGEN RWANDA Ltd na Kanyana baciwe nta shingiro zifite kuko ibyo Kanyana yakoze bifite amategeko abigenga, ko nta tegeko yishe, kuko nta muntu yirukanye, ahubwo ko yaje kuri “station”, akahasanga abantu banyuranye, n'ibiro bifunguye, agasaba comptable gufungura umutamebwa (coffre fort), ibintu byarimo akabishyira mu maboko ya ENGEN, akabikorera “PV de constat” Nkwaya Jules yanze gusinyira, ibyo bintu kandi ENGEN ikaba yarakomeje kubicungira kuri iyo “station”, Nkwaya akaza kubisubizwa n'Umuhesha w'inkiko Kagame waje gukora “PV de remise” yabyo.

[8] Bakomeza bavuga ko ariya mafranga 500.000Frw yayaciriwe ubusa kuko nta kosa Umuhesha w'inkiko Kanyana yakoze, mu gihe icyabaye ari “*constat de l'abandon de la station*” yakozwe n'umuyobozi w'AQUILLA, akaba rero atarigeze amwirukana nk'uko AQUILLA ibiburanisha, ko kandi muri icyo gihe nta “*titre exécutoire*”

iba ikenewe, ku bw'iyu mpamvu, bakaba basanga n'ariya 500.000 Frw AQUILLA yagenewe akwiye kuvaho.

## UKO URUKIKO RUBIBONA

[9] Itegeko ryo kuwa 12/06/2001 rishyiraho urugaga rw'abahesha b'inkiko b'umwuga riteganywa inshingano zabo mu ngingo ya 18, agace kayo ka nyuma kakavuga ko abahesha b'inkiko bemerewe gukorera inyandiko mvugo ibintu bigaragara (*constatations purement matérielles*) iyo babisabwe n'ubutabera, cyangwa babisabwe n'uwarawe wese ubifitemo inyungu.

[10] Hasesenguwe ibiteganywa n'ingingo imaze kuvugwa, Urukiko rurasanga Kanyana, nk'umuhesha w'urukiko w'umwuga, abisabwe na ENGEN RWANDA Ltd, yari afite uburenganzira bwo kujya gukora "constat" yasabwe n'icyo kigo nk'uko abivugaga.

[11] Urukiko rurasanga ariko mu nyandiko yise "*reprise de la gestion de la station Engen Remera*", Kanyana yerekana ko AQUILLA ivanywe muri iyo Station kubera kutubahiriza amasezerano yagiranye na ENGEN RWANDA Ltd, iyi sosiyete ikaba ifashe icyemezo cyo gusubirana burundu "station" yayo. Ibi rero bigaragaza neza ko AQUILLA yirukanywe mu by'ukuri muri iyo "station", bikaba byarabayeho nta cyemezo cy'urukiko bishingiyeho, kandi mu gika cya gatatu cy'ingingo ya 18 yavuzwe haruguru, hateganywamo ko abahesha b'inkiko b'umwuga bemerewe kwirukana abantu ahantu bitegetswe n'Urukiko (*expulsions ordonnées par un tribunal*).

[12] Urukiko rurasanga rero mu gihe ibyabayeho kuri AQUILLA ari ukwirukanwa, umuhesha w'urukiko w'umwuga atarashoboraga kubikora nta cyemezo cy'urukiko kibimuhera uburenganzira, ku bw'iyu mpamvu, ibyo yakoze afatanije na ENGEN, bikaba binyuranije n'amategeko, bakaba bagomba kubitangira indishyi.

[13] AQUILLA mu bujirire bwayo, ivugaga ko ku rwego rwa mbere yasabaga Kanyana kuyiha 5.000.000 Frw y'indishyi kubera ibyo yakoze

atabiherewe uruhusa n'Urukiko, ariko Urukiko rubanza rukaba rutaragize icyo ruyavugaho.

[14] Urukiko rurasanga nk'uko byavuzwe haruguru, ENGEN RWANDA Ltd na Kanyana bagomba guha AQUILLA indishyi isaba kubera urugomo yagiriwe yirukanwa kuri Station nta cyemezo cy'Urukiko, ariko ikaba ikwiye kugenerwa izo ndishyi mu bushishozi bw'Urukiko ku rugero rwa 2.000.000 Frw zatangwa na Kanyana na ENGEN RWANDA Ltd bafatanije, kuko 5.000.000 Frw isaba akabije kuba menshi.

**Kumenya niba hari amasezerano yaba yarabaye hagati ya AQUILLA na ENGEN atangira kuwa 18/02/2011 akarangira kuwa 18/02/2012, n'indishyi zijyanye no kutayubahiriza.**

[15] Uburanira AQUILLA avuga ko impamvu yabateye kujurira ari uko Urukiko rubanza rwavuze ko nta masezerano yari ahari hagati yayo na ENGEN RWANDA Ltd, ahera kuwa 18/02/2011 yagombaga kurangira kuwa 18/02/2012, ngo kubera ko nta mwimerere wayo wagaragajwe, nyamara wari ufitwe na ENGEN RWANDA Ltd kuko yawufashe igihe yazaga kuyirukana kuri Station yayo ifatanije n'Umuhesha w'inkiko Kanyana Bibiane.

[16] Akomeza avuga ko mu gihe uwo mwimerere wari ubuze, rutari kuvuga ko nta masezerano ahari, ahubwo rwashoboraga no gushingira ku bindi bimenyetso bigaragaza amasezerano yari afitanye na ENGEN RWANDA Ltd, muri ibyo hakaba hari:

Inyandiko mvugo y'umuhesha w'inkiko Kanyana aho avuga ko ENGEN RWANDA Ltd yisubije Station yayo bitewe n'uko AQUILLA itubahiriza inshingano ziteganywa n'amasezerano;

Impapuro zigaragaza ko habayeho kwandikirana ku mpande zombi;

Bons de commandes ziriho cachet ya ENGEN;

Factures chèques zishyuriweho produits ENGEN yahaye AQUILLA.



[17] Uburanira AQUILLA avuga ko ayo masezerano rwose yari ahari ku buryo n'Umuhesha w'inkiko Kagame Alexis yabikoreye “PV de constat”, avuga ko Kanyana atagaragaje umwimerere w'ayo masezerano mu byo yakoreye “constat”.

[18] Uburanira AQUILLA avuga ko ashingiyeye ko habaye amasezerano, AQUILLA yasabaga mu Rukiko Rukuru amafaranga 30.000.000 y'indishyi zishingiyeye ku iseswa ry'amasezerano ritubahirije amategekako ariko urwo Rukiko ntirwagira icyo ruyavugaho, maze rwirengagiza uburemere bw'ikosa ENGEN RWANDA Ltd n'Umuhesha w'Inkiko Kanyana bakoreye AQUILLA, rubategekako kwishyura indishyi nkeya, akaba yifuza ko izo ndishyi AQUILLA yazigenerwa, ndetse ikanagenerwa n'indishyi za 47.412.000 Frw y'igihombo yatejwe nyuma y'amezi 12, kibazwe kuri 3.951.000 Frw yagombaga kunguka buri kwezi.

[19] Uburanira ENGEN RWANDA Ltd avuga ko ubujurire bwa AQUILLA nta shingiro bufite kuri icyo ngingo, kuko icyo ENGEN RWANDA Ltd yakozeye ari ugusubirana “station” yayo AQUILLA yari yaranze kuvamo, kandi amasezerano bari baragiranye yo kuwa 18/02/2010 yari yararangiye, iby'ayo masezerano yandi AQUILLA ivugako akaba ari amahimbano nk'uko Urukiko rubanza rwabisobanuye rumaze kubona ko ari na “photocopie” bagiye bahinduramo amatariki y'igihe yakorewe, ku buryo batanze n'ikirego kiregera ko ayo masezerano ari amahimbano.

[20] Akomeza avugako ubwo indishyi basabaga ari izishingiyeye kuri ayo masezerano, nta zikwiye gutangwa mu gihe nyine nta masezerano ahari kuko ntacyo zishingiyeho, n'imibare yavuzwe haruguru ikaba ishingiyeye ku masezerano y'impimbano. Arangiza avugako nta kuntu Urukiko rubanza rwari kujya gucukumbura ibindi bimenyetso bishingiyeye ku kuntu kitari ukuri.

## UKO URUKIKO RUBIBONA

[21] Urukiko rurasanga nk'uko byavuzwe n'Urukiko Rukuru rw'Ubucuruzi, photocopie y'inyandiko y'amasezerano AQUILLA yerekana, ENGEN ikaba itayemera, igaragaza inenge zinyuranye, zirimo:

- kuba ku rupapuro rwa nyuma, bigaragara ko itariki ayo masezerano yasinyweho yarahinduwe, aho hejuru bigaragara ko umukono wanditse “18è fevrier 2011” atari umwe n'uwanditse “18ème fevrier 2011” wanditse hasi;
- kuba “fevrier” yo muri photocopie y'inyandiko y'amasezerano AQUILLA yerekana yanditse mu cyapa, bikaba bitandukanye n'umukono wakoreshejwe muri “18è fevrier 2011” yanditse hejuru;
- kuba bigaragara ko iyo “fevrier” yanditse mu cyapa hari ikindi cyasibwe cyayisimbuye;
- kuba bigaragara ko rimwe (1) ya nyuma yo muri “2011”, hari ikintu cyasibwe kikayisimbura;

[22] Urukiko rurasanga izo nenge, ziyongereye ku kuba inyandiko AQUILLA yerekana ari “photocopie”, zituma rutakwemeza ko hari amasezerano yasinywe hagati ya AQUILLA na ENGEN RWANDA Ltd atangira kuwa 18/02/2011 akarangira kuwa 18/02/2012, cyane cyane ko kugeza ubu itarashobora kugaragaza umwimerere (original) wayo.

[23] Urukiko rurasanga iby'uko uwo mwimerere waba warasigaranywe na ENGEN mu bintu yafatiriye nk'uko bivugwa na AQUILLA nta shingiro bifite, kuko haba mu nyandiko mvugo yakozwe n'umuhesha w'inkiko Kanyana, haba mu nyandiko mvugo yakozwe n'umuhesha w'inkiko Kagame, haba mu ibaruwa AQUILLA yandikiye “CID” isaba ibikoresho byayo, nta na hamwe AQUILLA igaragaza ikibazo cy'umwimerere w'ayo masezerano.

[24] Hashingiwe kuri ibyo bisobanuro, Urukiko rurasanga ntaho rwahera rwemeza ko amasezerano amaze kuvugwa yabayeho, bityo n'indishyi ziyashingiyeho zingana na 30.000.000 Frw AQUILLA isaba cyangwa iz'igihombo yatejwe mu mezi 12 zingana na 47.412.000 Frw zikaba nta shingiro zifite.

[25] Urukiko rurasanga ahubwo nk'uko byasobanuwe na ENGEN mu miburanire yayo mu Rukiko Rukuru rw'Ubucuruzi, n'ubwo kuwa 18/03/2011 yandikiye AQUILLA iyimenyeshya ko amasezerano bari bafitanye yari yararangiye, hakaba nta masezerano yanditse byari bishingiyeho, bigaragara ko yakomeje gukorana nayo, kuko ENGEN yakomeje kuyiha "produits" zayo zo gucuruza, itegereje imishyikirano yo kuzavugurura amasezerano bari bafitanye yari yararangiye kuwa 18/02/2011. Kuba ENGEN yaraje rero nyuma kuvana AQUILLA kuri Station yayo mu buryo bunyuranije n'amategeko, ni byo byatumye uru Rukiko ruyibihera indishyi zavuzwe haruguru zijyanye n'urugomo yagiriwe zingana na 2.000.000 Frw zatangwa na Kanyana na ENGEN RWANDA Ltd, bafatanyije, rukaba rusanga izo ndishyi zihagije.

**Ku bijyanye n'indishyi za 32.870.517 Frw ahwanye n'imitungo n'ibikoresho bya AQUILLA byakomeje gufatirwa na ENGEN RWANDA Ltd.**

[26] Uburanira AQUILLA avuga ko mu kwirukanwa kuri Station yakoreragaho, hari imitungo n'ibikoresho bihwanye na 32.870.517 Frw ENGEN RWANDA Ltd yakomeje gufatira nk'uko bigaragazwa na PV yakozwe n'Umuhesha w'inkiko Kagame Alexis igaragaza ibyabuze n'ibyabonetse, icyo bashaka kugaragaza kikaba ari uko mu Rukiko Rukuru rw' Ubucuruzi, iki kibazo k'ibintu byabuze cyavuzwe, ENGEN ntiyagira icyo ibivugaho, nyamara urubanza rumaze gucibwa yanga kubisubiza.

[27] Akomeza avuga ko muri ibyo bintu ENGEN RWANDA Ltd yakomeje gufatira harimo ibikoresho byaguzwe na AQUILLA nk'uko bivugwa mu ngingo ya 8 y'amasezerano, ko uretse inyubako na "pompes", ibindi byose byari ibya AQUILA.

[28] Uburanira ENGEN RWANDA Ltd avuga ko ubujurire bwa AQUILLA nta shingiro bufite kuri iyo ngingo, kuko icyo ENGEN RWANDA Ltd yakoze ari ugusubirana “station” yayo AQUILLA yari yaranze kuvamo, ko n’ibikoresho byafatiriwe bimwe byari ibya ENGEN birimo za “Equipements” za “classeurs”, ndetse na “Stock” ya “Produits petroliers” AQUILLA ikaba yaragombaga kuyikoraho ari uko yishyuye kuko yari umukozi ufite uko akorana na ENGEN, ko rero ibyo AQUILLA yashubijwe n’umuhesha w’inkiko KAGAME ari byo byari ibyayo, naho ibyo itashubijwe bikaba byari ibya ENGEN.

[29] Ku bijyanye na “Produits petroliers” zimaze kuvugwa, uburanira ENGEN RWANDA Ltd avuga ko mu masezerano bari baragiranye na AQUILLA mu ngingo yayo ya cumi, agace ka kane, hateganijwemo ko AQUILLA iramutse itishyuye, ENGEN yahita yiyishyura; ko rero kubera ko AQUILLA yari irimo ENGEN amafaranga agera 12.550. 515 Frw, ikaza gutanga sheki itariho amafaranga (*cheque non certifié*), byatumye biyishyura bahereye kuri “essence” yahasanze ifite agaciro ka 903 000 Frw, bahereye no kuri “bons” bahasanze bakazigurisha, ko ariko ibyo bitashoboye kugabanya umwenda AQUILLA ikibabereyemo.

[30] Kubijyanye n’amafaranga yatwawe mu mutamenwa (coffre fort) agaragazwa na za “*chequiers, nombre de billets, bordereaux, bons de commande*” zivugwa na AQUILLA, uburanira ENGEN RWANDA Ltd avuga ko AQUILLA itigeze igaragaza umubare w’amafaranga yari muri uwo mutamenwa, akaba asanga hakwiye gukurikizwa ibyo umuhesha w’inkiko Kagame yabonye.

## **UKO URUKIKO RUBIBONA**

[31] Urukiko rurasanga uburanira ENGEN RWANDA Ltd yarabanje kuvuga mu iburanisha ry’uru rubanza ko ibintu yafatiriye byari ibyayo, kuko byari biri kuri Station AQUILLA yakoreragaho nk’umukozi wa ENGEN, nyuma aza guhindura imvugo avuga ko itabakorera, ibyo bikumvikanisha rero ko ubwo AQUILLA

itakoreraga ENGEN, hari ibintu byayo byafatiriwe na ENGEN yakagombye gusubizwa.

[32] Urukiko rurasanga muri ibyo bintu bya AQUILLA, ENGEN yafatiriye, nk'uko bigaragara mu nyandikomvugo (proces verbal de constat) yakozwe n'umuhesha w'inkiko Kagame, hagararamo ibintu bitahawe AQUILLA, birimo: Essence ingana na 264 l iri muri cuve ya 1 AQUILLA ivuga ko ifite agaciro ka 270.000 Frw; Gasoil ingana na 900 l AQUILLA ivuga ko ifite agaciro ka 922.500 Frw; Kerosene iri muri cuve ya 3 ingana na 34.600 l AQUILLA ivuga ko ifite agaciro ka 24.739.100 Frw; amafaranga 1.885.450 yari muri coffre fort, n'andi 277.650 Frw; amafaranga 159.000 yishyuwe na Millenium kuwa 21/07/2011; bons zakoreshejwe zingana na 970.000 Frw; AQUILLA ikaba ivuga mu mwanzuro wayo yashyirikije Urukiko ko ibintu byose byafatiriwe bifite agaciro ka 32.870.517 Frw.

[33] Urukiko rurasanga mu gihe bigaragara ko hari ibintu bimaze kuvugwa AQUILLA itashubijwe, kandi ENGEN RWANDA Ltd ikaba itagaragaza ko ibyo bintu yafatiriye ari ibyayo, nta mpamvu yo kutabisubiza nyirabyo ari we AQUILLA, bityo rero ubwo ENGEN RWANDA Ltd itigeze ivuguruzwa agaciro k'ibyo bintu kangana na 32.870.517 Frw kavugwa na AQUILLA, uru Rukiko rugomba kwemeza ko ako gaciro ari ko gahwanye n'imitungo n'ibikoresho bya AQUILLA kagomba kwishyurwa na ENGEN.

**Ku bijyanye n'amafaranga ENGEN yishyuwe nk'ikirenga (26.058.200 Frw hiyongereyeho inyungu ya banki ya 18% buri kwezi, angana na 115.177.244); ay'amazi, umuriro n'isuku, ipatanti n'imisoro y'Akarere.**

[34] Uburanira AQUILLA avuga ko igomba guhabwa na ENGEN RWANDA Ltd 26.058.200 Frw yishyuwe nk'ikirenga kuri "carburant" yahawe, ngo icyo kirenga kikaba cyaragaragajwe n'abagenzuzi, hiyongereyeho inyungu ya banki ya 18% buri kwezi, mu mezi 18 akaba angana na 115.177.244 Frw, ikanahabwa amafaranga y'amazi, ay'umuriro, ay'isuku na 233.333 Frw ahwanye n'ipatanti n'imisoro y'Akarere yishyuye.

[35] Uburanira ENGEN RWANDA Ltd avuga ko ibyo AQUILLA ivuga nta shingiro bifite kuko itabitangira ibimenyetso.

[36] Urukiko rurasanga amafaranga yishyuwe nk'ikirenga 26.058.200 Frw AQUILLA isaba ivuga ko yagaragajwe n'abagenzuzi, iterekana isano ryaba riri hagati y'icyo kirenga no kuba yarirukanwe kuri Station mu buryo bunyuranije n'amategeko, bityo rukaba ntaho rwahera ruyayigenera.

[37] Urukiko rurasanga n'andi mafaranga AQUILLA isaba y'amazi, ay'umuriro, ay'isuku, ipatanti n'imisoro bigaragara ko ajyanye na "charges d'exploitation", bikaba bitumvikana ukuntu ENGEN RWANDA Ltd igomba kuyishyurira izo "charges d'exploitation", by'umwihariko izijyanye n'amasharanyarazi, amazi na "gaz" ku nyubako ikoreramo, mu gihe ingingo ya 11.2<sup>1</sup>. y'amasezerano AQUILLA ishingiraho muri uru rubanza igaragaza ko ari yo igomba kuzishyura, byongeye kandi nk'uko byari bimaze kuvugwa haruguru, ikaba iterekana isano ryaba riri hagati y'ayo mafaranga no kuba yarirukanwe kuri Station mu buryo bunyuranije n'amategeko, bityo rukaba ntaho rwahera ruyayigenera.

### **Ku bijyanye n'amafaranga y'ikurikiranarubanza n'igihembo cy'Avoka asabwa muri uru rubanza**

[38] AQUILLA mu bujurire bwayo, ivuga ko ku rwego rwa mbere yasabaga 5.000.000 Frw y'ikurikiranarubanza n'igihembo cy'avoka asabwa Kanyana afatanije na ENGEN, ariko Urukiko rubanza rukaba rutaragize icyo ruyavugaho, ikaba yifuza rero ko yayagenerwa nk'uko yari yayasabye, naho uburanira ENGEN RWANDA Ltd akanunganira Kanyana, ndetse na Kanyana ubwe, bakavuga ko ahubwo indishyi za 500.000 ENGEN RWANDA Ltd na Kanyana baciwe n'Urukiko Rukuru nta shingiro zifite, ko bayaciriwe ubusa kuko nta kosa

---

<sup>1</sup> Iyo ngingo ya ya 11.2 ivuga itya: "Le concessionnaire doit....payer sans délai.....toutes les factures de consommation d'électricité, eau et gaz dans ou sur les Locaux".

Umuhesha w'inkiko Kanyana yakoze, bakaba basanga akwiye kuvaho, ahubwo AQUILLA ikaba ariyo ikwiye guha ENGEN RWANDA Ltd na Kanyana 5.000.000 Frw buri wese yo kubashora mu manza.

[39] Urukiko rurasanga mu gihe bigaragara nk'uko byavuzwe hejuru, ko AQUILLA yirukanwe kuri Station ya Engen bitewe n'urugomo yakorewe, ikagomba gufata Avoka wo kuyikurikiranira urubanza kugeza muri uru Rukiko, nta mpamvu ENGEN na Kanyana Bibiane bayikoreye urwo rugomo batakwishyura amafaranga y'igihembo cy'avoka, ndetse n'ay'ikurikirana rubanza, ariko ikayagenerwa mu bushishozi bw'Urukiko kuko 5.000.000 Frw isaba akabije kuba menshi, ikaba rero yagenerwa 800.000 Frw y'ikurikiranarubanza n'igihembo cy'avoka ku nzego zombi yaburaniyemo, agomba gutangwa na ENGEN RWANDA Ltd ifatanyije na Kanyana Bibiane.

### **III. ICYEMEZO CY'URUKIKO**

[40] Rwemeje ko ubujurire bwa Société AQUILLA AND PRISCILLA bufite ishingiro kuri bimwe;

[41] Rwemeje ko nta masezerano Société AQUILLA AND PRISCILLA yari ifitanye na ENGEN RWANDA Ltd ahera kuwa 18/02/2011 kugeza kuwa 18/02/2012 kuko nta bimenyetso AQUILLA iyatangira;

[42] Rutegetse Kanyana na ENGEN RWANDA Ltd guha Société AQUILLA AND PRISCILLA 2.000.000 Frw y'indishyi zijyanye n'urugomo yagiriwe yirukanwa kuri Station nta cyemezo cy'Urukiko;

[43] Rutegetse ENGEN RWANDA Ltd guha Société AQUILLA AND PRISCILLA 32.870.517 Frw ahwanye n'imitungo n'ibikoresho ENGEN RWANDA Ltd itashubije Société AQUILLA AND PRISCILLA;

[44] Rutegetse ENGEN na Kanyana gufatanya guha Société AQUILLA AND PRISCILLA 800.000 Frw y'igihembo cy'avoka n'ikurikirana rubanza ku nzego zombi yaburaniyemo;

[45] Rutegetse ENGEN na Kanyana gufatanya gutanga  $\frac{1}{2}$  cy'amagarama y'uru rubanza angana na 31.450 Frw, ni ukuvuga 15.725 Frw, Société AQUILLA AND PRISCILLA nayo igatanga  $\frac{1}{2}$  cy'amagarama kingana na 15.725 Frw.



## ECOBANK v. KAJANGWE

[Rwanda URUKIKO RW'IKIRENGA – RCOMA 0152/11/CS  
(Kayitesi, P.J., Mukandamage na Kanyange, J.) 10 Mutarama 2014]

*Amategeko y'ubucuruzi – Iyishyurwa ry'imyenda itanzwe na banki – Ibarwa ry'umwenda remezo n'inyungu ku myenda yatanzwe mu bihe bitandukanye nyuma igahuzwa – Itangwa ry'ibimenyetso mu manza z'ubucuruzi – Ugomba gutanga ibimenyetso – Urega agomba kugaragaza ibimenyetso by'ibyo aregera, iyo abibuze uwarezwe aratsinda – Itegeko n° 21/2012 ryo kuwa 14/06/2012 ryerekeye imiburanishirize y'imanza z'imbonezamubano, iz'ubucuruzi, iz'umurimo n'iz'ubutegetsi, ingingo ya 9.*

*Amategeko agenga imiburanishirize y'imanza z'ubucuruzi – Ikirego kigamije kwiregura – Ikirego kitakiriwe mu rwego rwa mbere, iyo kijuririwe ntigifatwa nk'aho gitanzwe bwa mbere mu rwego rw'ubujurire – Ikirego kigamije kwiregura nticyakirwa iyo gitanzwe nyuma y'iburanisha ry'ibanze – Itegeko n° 45/2007 ryo kuwa 11/09/2007 rihindura kandi ryuzuzwa itegeko n°18/2004 ryo kuwa 20/06/2004 ryerekeye imiburanishirize y'imanza z'imbonezamubano, iz'ubucuruzi, iz'umurimo n'iz'ubutegetsi, ingingo ya 351 nonies.*

**Incamake y'ikibazo:** ECOBANK yareze Kajangwe mu Rukiko Rukuru rw'Ubucuruzi imwishyura inguzanyo yamuhaye ingana na 78.500.000 Frw biza kugera ku mwenda ECOBANK ivuga ko akomoka kuguhuza imyenda ungana na 136.898.167 F ubariwemo umwenda remezo n'inyungu zawo, nyuma kandi ECOBANK yaje kumumenyesha ko ayibereyemo umwenda ungana 234.442.167 Frw. Kajangwe yasobanuye ko yamaze kwishyura umwenda ungana na 150.000.000 frw yagurishijwe Hotel Burundi Palace anasaba gusonerwa 88.000.000 Frw ko rero hasigaye kwishyura inyungu, akaba atumva ukuntu Ecobank yakongera kumurega umwenda remezo n'inyungu zawo. Ecobank nk'umunyamwuga ntiyabashije kugaragaza uburyo yahuje imyenda ya

Kajangwe ayibereyemo, kugira ngo hanamenyekane inkomoko, ingano n'uburyo imyenda yahujwe yagombaga kwishyurwa.

Mu iburanisha kandi Kajangwe yatanze ikirego kigamije kwiregura gisaba indishyi z'igihombo yatewe no kwishyura umwenda utari ngombwa, indishyi z'akababaro, iz'imbenezamuseruro, iz'impozamarira n'izo kudahabwa inguzanyo zose zingana na 2.000.000.000 frw, Urukiko Rukuru rw'Ubucuruzi rwemeje ko habayeho amasezerano hagati ya ECOBANK na Kajangwe yo guhuza imyenda yari ayibereyemo kandi ko hari amabarurwa bank yamwandikiye agaragaza ko yari yamaze kwishyura umwenda remezo hasigaye inyungu maze ruvuga ko ECOBANK itabashije kugaragaza umwenda iregera. Ku kijyanye n'ikirego cya Kajangwe, Urukiko Rukuru rwanze kucyakira kuko cyatanzwe gikerewe nyuma y'iburanisha ry'ibanze.

ECOBANK yajuririye Urukiko rw'Ikirenga ivuga ko Urukiko Rukuru rw'ubucuruzi rwemeje ko itsinzwe no kutagaragaza ibimenyetso by'umwenda nyakuri kandi yaragaragaje amasezerano yashyizweho umukono n'impane zombi. Kajangwe yakomeje gushimangira ko ECOBANK itazi neza umwenda ayibereyemo nk'uko bigaragara mu kwivuguruza yagiye igaragaza mu kubara amafaranga ayirimo. Kajangwe nawe yatanze ubujurire bwuririye kubundi avuga ko Urukiko Rukuru rw'Ubucuruzi rwanze kwakira ikirego cye cyo kwiregura kigamije gusaba indishyi ku mpamvu zidafite ishingiro, agasaba ko Urukiko rw'Ikirenga ko rwacyakira. Kuri iki kibazo ECOBANK yo ikavuga ko ari ikirego gishya atangiye mu rwego rw'ubujurire kuko iby'indishyi asaba bitigeze biburanwaho mu rwego rwa mbere, bityo ko budakwiye kwakirwa.

**Incamake y'icyemezo:** 1. Urega agomba kugaragaza ibimenyetso by'iby'aregera. Iyo abibuze uwarezwe aratsinda. ECOBANK, n'ubwo ishingira ku masezerano yo kuwa 05/07/2005 yerekeranye no guhuza imyenda, ntigaragaza neza imyenda yahujwe iyo ariyo n'ingano ya buri mwenda kugira ngo haboneke umwenda remezo uwajuriye yaregeye n'uburyo wari kuzishyurwa. Ibivugwa ahubwo muri ayo masezerano

byumvikanisha ko yari ay'umwenda mushya uwarezwe yagombaga guhabwa amaze gutanga “étude de faisabilité” n'ingwate yasabwaga, akaba rero adakwiye gufatwa nk'ikimenyetso cy'umwenda ukomoka ku myenda ibiri uwajuriye avuga ko yahujwe.

2. Ikirego kigamije kwiregura gitanzwe nyuma y'iburanisha ry'ibanze nticyakirwe, iyo kijuririrwe mu bujurire bwuririye ku bundi, ntigifatwa nk'igitanzwe bwa mbere mu rwego rw'ubujurire, kikaba kigomba kwakirwa kigasuzumwa. Ikirego kigamije kwiregura gitanzwe nyuma y'iburanisha ry'ibanze nticyakirwa, bityo ubujurire bwuririye ku bundi bwatanzwe na Kajangwe bukaba nta shingiro bufite kuko Urukiko Rukuru rw'Ubucuruzi nta kosa rwakoze mu kwanga kwakira ikirego cye.

**Ubujurire nta shingiro bufite.  
Ubujurire bwuririye ku bundi nta shingiro bufite.  
Amagarama aherereye ku wajuriye.**

**Amategeko yashingiweho:**

*Itegeko n° 21/2012 ryo kuwa 14/06/2012 ryerekeye imiburanishirize y'imanza z'imbonezamubano, iz'ubucuruzi, iz'umurimo n'iz'ubutegets, ingingo ya 9*

*Itegeko n° 45/2007 ryo kuwa 11/09/2007 rihindura kandi ryuzuzategeko n°18/2004 ryo kuwa 20/06/2004 ryerekeye imiburanishirize y'imanza z'imbonezamubano, iz'ubucuruzi, iz'umurimo n'iz'ubutegets, ingingo ya 351 nonies.*

**Nta manza zifashishijwe.**

## Urubanza

### I.IMITERERE Y'URUBANZA

[1] ECOBANK yareze Kajangwe Callixte mu Rukiko Rukuru rw'Ubucuruzi imwishyura umwenda remezo wa 136.898.167 Frw n'inyungu zawo, ukubiye mu maseserano yo guhuza imyenda ivuga ko bagiranye tariki ya 05/07/2005, bakumvikana ko uzishyurwamu mezi 96 ku nyungu ya 15%, ariko Kajangwe we akavuga ko atari amasezerano ahuriza hamwe imyenda, ahubwo wari umushinga w'amasezerano yo kugura imodoka zikora ubwikorezi mpuzamahanga, iyo nguzanyo ikaba itarigeze itangwa kuko habuze ingwate.

[2] Urukiko rwemeje ko habayeho amasezerano hagati ya ECOBANK na Kajangwe, ko ariko atari ay'inguzanyo nshya, ahubwo umwenda uyavugwamo wa 136.898.167 Frw wari igiteranyo cy'imyenda itandukanye Kajangwe yari abereyemo iyo Banki, kugirango ahabwe ingengabihe imwe yo kwishyura, awishyurire no kuri konti imwe nk'uko yari yabisabye.

[3] Ku kibazo cyo kumenya niba Kajangwe yarishyuye uwo mwenda, urukiko rwasanze hari amabaruwa Banki yamwandikiye agaragaza ko yari yaramaze kwishyura umwenda remezo hasigaye inyungu, bikaba bitumvikana ukuntu iregera umwenda remezo n'inyungu zawo, maze ruvuga ko itabashije kugaragaza ibimenyetso by'umwenda iregera. Urukiko na none rwanze kwakira ikirego cyo kwiregura cya Kajangwe kigamije gusaba indishyi kuko cyatanzwe gikerewe nyuma y'iburanisha ry'ibanze.

[4] ECOBANK yujuriye mu Rukiko rw'Ikirenga ivuga ko urukiko rwemeje ko itsinzwe no kubura ibimenyetso by'umwenda kandi yagaragaje amasezerano yashyizweho umukono n'impande zombi, ayo masezerano akaba ari itegeko ku bayagiranye, igasaba rero ko Kajangwe yayishyura 136.898.167 Frw yemeye ko ayibereyemo kubera

ko itakimukurikiranyeho inyungu zayo kuko yashyizwe muri cyiciro cya 5 (classe 5) na Banki Nkuru y'Igihugu kuko yananiwe kwishyura.

[5] Mu bujuriye bwuririye ku bundi, Kajangwe avuga ko Urukiko Rukuru rw'Ubucuruzi rwanze kwakira ikirego cye cyo kwiregura kigamije gusaba indishyi ku mpamvu zidafite ishingiro, agasaba ko uru rukiko rwacyakira, maze ECOBANK ikamuha indishyi zose hamwe zingana na 2.000.000.000 Frw zikubiyemo iz'imbonezamusaruro ku gihombo yatewe no kugurisha hoteli ye "Burundi Palace", igihombo yatewe no kudahabwa inguzanyo yo kugura "bus" 2 nk'uko byari biteganyijwe mu mushinga, igihombo yatewe no kwishyura umwenda utari ngombwa kubera ko umwenda we wavanzwe n'uwa sosiyete CBS, indishyi z'akababaro n'amafaranga y'ikurikiranarubanza n'igihembo cya avoka.

[6] Iburanisha ry'urubanza ryabereye mu ruhamwe tariki ya 23/07/2013, kuwa 24/09/2013 no kuwa 17/12/2013, ECOBANK iburanirwa na Me Kayitare Serge, naho Kajangwe Callixte yunganiwe na Me Shumbusho Philbert, Me Niyondora Nsengiyumva na Me Musore Gakunzi Valery.

## **II. IBIBAZO BIGIZE URUBANZA N'ISESENGURA RYABYO**

**a. Kumenya niba hari ibimenyetso by'umwenda Kajangwe abereyemo ECOBANK byirengagijwe n'urukiko.**

[7] Me Kayitare uburanira ECOBANK avuga ko urukiko rwemeje ko itsinzwe kubera ko itagaragaje ikimenyetso nyakuri cy'umwenda Kajangwe ayibereyemo, nyamara itanga ikirego yarasabaga kwishyurwa 136.898.167 Frw hiyongereyeho n'inyungu, ayo mafaranga akaba agaragazwa n'amasezerano y'umwenda yasinnye n'impande zombi kuwa 05/07/2005 yashyikirijwe urukiko. Kuba rero ngo ayo masezerano yarasinywe mu buryo bwemewe n'amategeko, agomba gubabwira agaciro.

[8] Me Kayitare asobanura ko tariki ya 24/01/1997, Kajangwe yasabye inguzanyo ya 78.500.000 Frw yo kumufasha kwishyura umwenda yari abereyemo “Banque Commerciale du Burundi” na “Société Burundaise de Financement”, akayihabwa, ko na none tariki ya 09/10/1997 yagiranye imishyikirano na BCDI ayisaba ko ihuriza hamwe imyenda “société” ye CBS (Compagnie de bons Services) yari ibereyemo BCDI akaba ariwe uzayishyura binyuze kuri konti ye yari asanganywe muri iyo banki, arabyemererwa nk’uko bigaragara muri “notification de reprise des engagements CBS” yo kuwa 10/10/1997 aho yabonye kandi akemera (lu et approuvé) ko iyo myenda yahujwe yanganaga na 94.672.680 Frw.

[9] Me Kayitare avuga kandi ko muri “note” yandikiwe Umuyobozi Mukuru wa BCDI kuwa 06/07/2001, mu bitabo bya banki byagaragaraga ko Kajangwe ayibereyemo umwenda remezo wa 234.442.167 Frw n’inyungu zingana na 88.638.580 Frw bibazwe kuva kuwa 17/06/1999 kugeza uwo munsu.

[10] Me Kayitare akomeza asobanura ko tariki ya 06/08/2001 Kajangwe yandikiye BCDI ayemerera kugurisha Hôtel Burundi Palace yari afite i Burundi kugirango agabanye uwo mwenda, akaba muri iyo baruwa atarigeze ahakana ingano yawo kandi yari yarawumenyeshejwe nk’uko abiyemerera mu gika cya mbere cyayo, ahubwo akaba yarashimiye banki ko yemeye kumukuriraho inyungu za 88.000.000 Frw.

[11] Nyuma y’aho iyo Hôtel igurishirijwe tariki ya 30/07/2003, Kajangwe na none ngo yagiranye amasezerano y’ubwumvikane na BCDI (acte transactionnel), impande zombi zumvikana ko asigayemo umwenda wa 91.318.226 Frw, uzishyurwa mu myaka 10 ku nyungu za 15%, akajya yishyura 1.473.281 Frw buri kwezi, ko kandi ayo masezerano asimbuye andi mamenyekanisha yose (diverses notifications) ndetse n’ubundi bwumvikane bwose bwaba bwarabaye mbere.

[12] Me Kayitare avuga na none ko tariki ya 21/07/2003, Kajangwe yongeye gusaba “découvert” ya 20.000.000 Frw ayihabwa kuwa 14/08/2003 nk’uko bigaragara kuri “contrat d’octroi du découvert temporaire de 20.000.000 Frw” yabonye kandi yemeye akayishyiraho umukono.

[13] Tariki ya 24/06/2005, Kajangwe ngo yongeye kwandikira BCDI ayigezaho uburyo yumva bwamufasha kwishyura umwenda ayifitiye, yongera gusaba guhuza imyenda yavuzwe haruguru kugira ngo azayishyure mu myaka 8, mu ngwate yatanze hakaba harimo n’imigabane yari afite muri BCDI igeri kuri 3.655. BCDI ngo yarabimwemereye mu ibaruwa yamwandikiye tariki ya 29/06/2005, imumenyesha ko nyuma yo guhuza imyenda, isanze umwenda remezo ugeze kuri 136.898.167 Frw, uwo mwenda Kajangwe ngo ntiyawuhakanye, ahubwo ku itariki ya 05/07/2005 yashyize umukono ku masezerano awemeza, hakaba hari hakubiyemo n’uburyo azagenda awishyura. Kuri iyo tariki na none Kajangwe ngo yahaye BCDI uburenganzira bwo kumugurishiriza imigabane ye kugirango yishyure umwenda ayibereyemo wa 136.898.167 Frw.

[14] Me Kayitare avuga rero ko bitumvikana ukuntu Kajangwe yahakana izo nguzanyo zahujwe abyisabiye, ko ndetse nta n’impamvu atanga yatumye ashya umukono we ku masezerano atagaragarije Banki ko uwo mwenda atariwo.

[15] Avuga ko kuba ECOBANK yarigeze kumubwira kera ko ayibereyemo umwenda wa 594.317.302 Frw yasanze ari amakosa irabikosora imusaba n’imbabazi imubwira ko ari ukwibeshya ko ahubwo umwenda ari 153.483.397 Frw, ko ariko ECOBANK yasanze KAJANGWE ari muri “classe 5”, atakomeza kubarirwa inyungu nk’uko Urukiko Rukuru rw’Ubucuruzi rwabyemeje mu rundi rubanza aho rwavuze ko umuntu uri mu rwego nk’urwo, iyo watinze kumurega, utamusaba n’inyungu.

[16] Mu kwiregura kwe, Kajangwe avuga ko yatangiye gukorana na BCDI kuwa 22/01/1997 imuha inguzanyo ya 78.500.000 Frw

ayatangira ingwate zari zisanzwe zifitwe na Banque Commerciale du Burundi kuko yari imaze kumwishyurira umwenda yari afite muri iyo banki, igitangaje akaba ari uko BCDI yandikishije izo ngwate kugira ngo zishyure umwenda wa 185.000.000 Frw kandi atari ukuri.

[17] Ku byerekeranye no kuba yaremeye kwishyura imyenda ya sosiyete CBS, Kajangwe avuga ko atari ukuri kubera ko byari gushoboka ari uko impande zose zibyemera, ni ukuvuga Banki iberewemo umwenda, CBS ihawe umwenda na Kajangwe wemeye kwishyura. Asanga rero ibyo uhagarariye banki avuga nta gaciro byahabwa mu rwego rw'amategeko, akavuga ko atanemera imishyikirano ivugwa ko yagiranye na banki mbere yo gushyira umukono ku nyandiko yemera kwishyurira CBS iyo myenda ingana na 94.672.680 Frw. Byongeye kandi ngo ntabwo ECOBANK yigeze igaragaza ko CBS yananiwe kwishyura ngo ibihereho isaba Kajangwe kuyishyurira.

[18] Kajangwe avuga ko bitumvikana ukuntu tariki ya 10/10/1997 yari kwemera kwishyura imyenda ya CBS mu gihe nawe yari yananiwe kwishyura umwenda we ECOBANK yamwihanangirizaga imusaba kwishyura, kubera ko kuwa 30/07/1997 yamubwiye ko ayibereyemo 8.599.805 Frw, kuwa 23/09/1997 ikamumenyesha ko ayirimo 185.249.177 Frw n'ibirarane bya 11.052.101 Frw atazi inkomoko zayo.

[19] Asanga rero ari uburiganya ECOBANK yamukoreye ifata 94.672.680 Frw + 78.500.000 Frw + 11.052.101 Frw = 184.224.781 “arrondi à 185.000.000 Frw”, akaba atekereza ko yabikoze kugira ngo ibone uburyo ihamana ingwate ze kubera ko zarutaga kure umwenda yahawe wa 78.500.000 Frw.

[20] Kajangwe avuga kandi ko ECOBANK yagize ukwivuguruza gukomeye kuko mu bihe bitandukanye yagiye imumenyesha umwenda ivuga ko yishyura umwenda remezo cyangwa inyungu zawo cyangwa byombi icyarimwe mu buryo bukurikira:

- Tariki ya 05/07/2005 ECOBANK yavugaga 136.898.167 ariyo yaregeye;



- Kuwa 18/01/2007 ECOBANK yavuze umwenda wa 594.317.302 agizwe n'umwenda remezo n'inyungu;
- Kuwa ya 26/01/2007, mu gusaba imbabazi, ECOBANK yavuze ko umwenda ari 153.483.397 agizwe n'inyungu gusa, nyamara ku mugereka w'ibaruwa hagaragazwa ko umwenda wa CBS ungana na 165.000.000 Frw utareba Kajangwe uhuzwa na 78.500.000 Frw ye, yose hamwe akaba 243.500.000 Frw yarangije kuwishyura kimwe n'inyungu za miliyoni 45.9, bikaba bitagaragara kuri konti ye n° 01093-01-92 aho yaherewe inguzanyo ya 243.500.000 ivugwa ko yarangije kwishyura n'aho asigaye 153.483.397 (solde) imwishyuzwa akomoka.
- Tariki ya 27/04/2007 ECOBANK yavuze ko ayifitiye umwenda ungana na 192.017.960 Frw agizwe n'umwenda remezo n'inyungu.
- Kuwa 15/09/2010 ivuga ko umwenda ungana na 425.923.843 Frw harimo uw'iremezo n'inyungu, itagaragaza inkomoko yawo.

[21] Ku bijyanye n'inyandiko yandikiwe umuyobozi wa BCDI kuwa 06/07/2001 ECOBANK ishingiraho ivuga ko ayibereyemo umwenda wa 234.442.167 Frw n'inyungu za 88.638.580 zibazwe kuwa kuwa 17/06/1999 kugeza kuwa 06/07/2001, Kajangwe avuga ko atayizi kuko ari “correspondance interne” ya Banki. Avuga ko ahubwo yamenyeshejwe mu magambo ko umwenda wose kugeza kuwa 31/12/2001 ari 233.379.354 Frw nk'uko anagaragara kuri “historique de compte”, uretse ko nayo yaje kugaragara ko nta kuri kurimo, akaba ari nawo washingiweho hagarishwa “Hôtel Burundi Palace”.

[22] Ku byerekeranye n'uko yamenyeshejwe uwo mwenda wa 234.442.167 Frw ngo ntawuhakane, avuga ko ECOBANK idashaka kubwiza ukuri urukiko, kuko ariyo yabanje kugaragaza impungenge ku myishyurire ye, imuha iminsi 30 ngo abe yarangije kwishyura, imubwira ko yamaze kubona umuguzi ugura “Hôtel Burundi Palace” witwa BARCO TRADING SA ku giciro cya 150.000.000 Frw. Mu gusubiza ku ibaruwa ya ECOBANK, Kajangwe avuga ko yemeye ko igurishwa kuri icyo giciro n'ubwo “expertise” yayo yari 299.361.000 Frw, maze agasonerwa 88.000.000 Frw, ariko ntibyakorwa. Asanga

rero ntacyo ECOBANK yagombye kuba imwishyuzwa uhereye tariki ya 30/04/2002, ahubwo yari kumusubiza 4.620.646 Frw.

[23] Ku byerekeranye n'amasezerano yo kuwa 05/07/2005 ECOBANK ivuga ko ari ikimenyetso Urukiko Rukuru rw'Ubucuruzi rwirengagije, Kajangwe avuga ko atari arebana n'imyenda yahujwe, ko ahubwo yari amasezerano yerekeye inguzanyo ku mushinga wo kugura "Bus" zitwara abantu ku muhanda mpuzamahanga Kigali-Kampala, akaba yari yasabye inguzanyo ya 143.000.000 Frw agaragara muri "étude de faisabilité financière" yahaye ECOBANK, yo kwishyurwa mu myaka 8 ku nyungu za 15% ku mwaka. Avuga ko kubera ko Banki yamusabye uruhare rwe kandi nta mafaranga yari afite, yayisabye kuyamutangira yose, maze bagirana amasezerano yo kumugurishiriza imigabane 4.000 ye muri iyo Banki ku mafaranga 150.000.000 Frw, ECOBANK ikiyishyura 80.000.000 Frw nk'uruhare rwe atanze, nayo ikamuha 70.000.000 Frw kugira ngo azashobore kugura ubwishingizi bwa "Bus" no kuzirihira imisoro n'ibindi kugira ngo uwo mushinga ushyirwe mu bikorwa.

[24] Akomeza avuga ko ECOBANK itubahirije ayo masezerano ku mpamvu y'uko yabuze ugura imigabane 4.000, hagarwa gusa 1.334 ku mafaranga 53.360.000 Frw imwemerera ko imuha 50.000.000 Frw nka "crédit de caisse" ibindi akimenya. Avuga ko birangiye ECOBANK yamwandikishije ibaruwa yo kuwa 24/06/2005 imutegeka ibyo agomba kuyiha nk'ingwate, ko kandi agomba kwemera ko iyo "crédit de caisse" imwemerereye ifatanywa na "crédit amortissable" yari asanganywe kugira ngo BNR itazabona ko ahawe indi nguzanyo kandi yari muri "classe 5" kubera kutishyura, bigatuma ECOBANK ibihanirwa.

[25] Kajangwe avuga na none ko ECOBANK yamusubije tariki ya 29/06/2005 ku byo yari yasabye, umwihariko akaba ari uko yavugaga ko yarangiye guteranya izo nguzanyo n'ubwo idasobanura izo arizo cyangwa uko byakozwe, igiteranyo kikaba 136.898.167 Frw. Ikindi ngo cyerekana nta shiti ko harimo inguzanyo nshya ngo nuko muri iyo baruwa Banki yivugira ko mbere y'uko ubwo bwumvikane bushyirwa mu bikorwa bizabanzirizwa n'uko ariha ibirarane by'ukwezi kwa 3, 4, 5

n'ukwa 6/2005 bingana na 5.893.124 Frw, byerekana ko rero bitari uguhuza inguzanyo za kera, akibaza n'impamvu ECOBANK yahereye ku birarane byo mu kwezi kwa 3 batangira umushinga wa "Bus", ibindi ikabyihorera, akaba atumva n'icyatumaga bamuha "délai de grâce" y'amezi 2 niba harahuzwaga imyenda y'inguzanyo za kera.

[26] Ikindi ngo kigaragaza ko ayo masezerano yari ay'inguzanyo nshya, igamije kumufasha gushyira mu bikorwa umushinga wo kugura "Bus" 2 zitwara abagenzi ECOBANK yari yashyikirijwe ikanawemera, zagombaga kuba imwe mu ngwate y'uwo mwenda, ni uko :

- ECOBANK itabasha kugaragaza imyenda yahujwe ikangana na 136.898.167 Frw, ndetse n'amasezerano ubwayo ntavivugaga.
- Amasezerano ubwayo yitwa ay'inguzanyo, azatangira gushyirwa mu bikorwa tariki ya 30/07/2005, ingingo yayo ya 2 ikavugaga ko inyungu zizatangira kubarwa nyuma y'ukwezi kumwe amafaranga amaze gushyirwa kuri konti ya Kajangwe.
- Ingingo ya 4 y'amasezerano ikavugaga ko Banki igomba kwandika mu bitabo byayo umunsi amafaranga yatanzwe (décaissement ou déblocage de fonds), ingingo ya 8 ikavugaga ko mu gihe inguzanyo itanzwe Kajangwe nawe azatanga ingwate zivugwa muri iyo ingingo.

[27] Kajangwe asanga rero ECOBANK idashobora kwishyuzwa umwenda itigeze imuha kuko kuwa 16/12/2005 yaje gusesa ayo masezerano, ahinduka 153.483.397 Frw, akibaza impamvu atariwo mubare aregwa ahubwo akaregwa 136.898.167 Frw.

## **UKO URUKIKO RUBIBONA**

[28] Ingingo ya 9 y'Itegeko n° 21/2012 ryo kuwa 14/06/2012 ryerekeye imibururishirize y'imanza z'imbonezamubano, iz'ubucuruzi, iz'umurimo n'iz'ubutegetsi, iteganya ko "urega agomba kugaragaza ibimenyetso by'ibyo aregera. Iyo abibuze, uwarezwe aratsinda".

[29] Isesengura ry'amasezerano yabaye tariki ya 05/07/2005 hagati ya ECOBANK na Kajangwe, rigaragaza ko ayo masezerano yari ay'umwenda ungana na 136.868.167 Frw ahawe nka "découvert amortissable" azishyura mu gihe cy'amezi 96 n'inyungu zawo za 15 %, kuva tariki ya 30/07/2005 (ingingo ya 1 n'iya 2), hakanavugwamo ko impamvu yayo ari "consolidation", ko inyungu zizatangira kubarwa haherewe ku itariki amafaranga azaba yayahawe, ko Kajangwe azahabwa ingengabihe y'uburyo bwo kwishyura (plan de remboursement) nayo igize igice cy'amasezerano (ingingo ya 3), ko mu ngwate zitanzwe harimo "nantissement des bus, procuration de la vente des bus" na "procuration de la vente des actions restant après la vente de 1334 titres", ko kandi mu nyandiko agomba gushyikiriza banki harimo na "étude de faisabilité du projet d'exploitation des bus".

[30] Urukiko rurasanga aya masezerano, n'ubwo yanditsemo ko impamvu yayo ari uguhuza imyenda (consolidation), atagaragaza mu buryo busobanutse bw'imibare, imyenda ya Kajangwe yahujwe iyo ariyo n'uko yanganaga, kugirango haboneke umwenda remezo (capital) wa 136.868.167 Frw, n'uburyo wari kuzishyurwa, mu gihe Kajangwe yemera ko yari afite umwenda yishyuraga wa 91.318.226 Frw. ECOBANK na none ntigaragaza "plan de remboursement" yamukoreye ivugwa muri ayo masezerano, uretse ko nta n'ikigaragaza ko ayo mafaranga Kajangwe yayahawe (décaissement) nk'uko bivugwa muri ayo masezerano.

[31] Urukiko rurasanga ahubwo, ibivugwa muri ayo masezerano byumvikanisha ko yari ay'umwenda mushya Kajangwe yagombaga guhabwa y'umushinga wo kugura bus 2, amaze gutanga "étude de faisabilité" n'ingwate yasabwaga harimo n'izo modoka, akaba rero adakwiye gufatwa nk'ikimenyetso cy'umwenda ukomoka ku myenda ibiri ECOBANK ivuga ko yahuje.

[32] Ku byerekeranye n'uko ECOBANK ivuga ko Kajangwe ari we wasabye ko imyenda ye ihuzwa, bigakorwa akabimenyeshwa akanabyemera, ubu akaba abihakana, urukiko rurasanga icyari kumara impaka ari uko ECOBANK, nk'umunyamwuga, yari gushyikiriza uru

rukiko, nk'uko rwanabisabye ariko ntibikorwe, uburyo yabaze imyenda ya Kajangwe, maze ikayihuriza hamwe mbere yo gusinya amasezerano yavuzwe, kugira ngo hamenyekane inkomoko, n'ingano y'imyenda yahujwe igize umwenda aregwa, n'uburyo wagombaga kwishyurwa (plan de remboursement).

[33] Byongeye kandi bigaragara ko nyuma yo gusinya ayo masezerano, ECOBANK yagiye imenyeshya Kajangwe umwenda mu buryo butandukanye kugeza ubwo tariki ya 26/01/2007, yamwandikiye ibaruwa RMU/GUD/002/01-07 imumenyeshya ko, imaze gusuzuma neza imibare, isanga umwenda ayifitiye ari 153.483.397 Frw nk'uko biri ku mugereka w'ibaruwa, bamusaba imbabazi ko mbere bari bakoze amakosa yo kumubarira nabi, banamubwira ko agomba kurangiza kuwishyura bitarenze tariki ya 30/01/2007.

[34] Harebwe umugereka w'iyo baruwa, banki yemezaga ko Kajangwe yamaze kwishyura 243.500.000 Frw y'umwenda remezo n'inyungu zingana na 45,9 millions, asigaye 153.483.397 Frw akaba agizwe 100% n'inyungu. Na none tariki ya 27/04/2007 yabwiwe ko umwenda ari 192.017.960 Frw, kuwa 15/09/2010 yishyuzwa 425.923.843 Frw, bikaba bitumvikana uburyo nyuma yaje kuregwa gusa umwenda remezo ungana na 136.868.167 Frw, mu gihe nayo yemeraga ko igisigaye yishyuzwa ari inyungu gusa.

[35] Urukiko rurasanga rero nk'uko n'Urukiko Rukuru rw'Ubucuruzi rwabibonye, nta bimenyetso ECOBANK itanga by'umwenda wahujwe iregera, bityo ubujurire bwayo nta shingiro bufite.

**b. Kumenya niba ikirego kigamije kwiregura cyatanzwe na Kajangwe mu Rukiko Rukuru rw'Ubucuruzi cyaragombaga kwakirwa, niba kandi ubujurire bwe bwuririye ku bundi bwakwagirwa.**

[36] Me Kayitare uhagarariye ECOBANK avuga ko ubujurire bwa Kajangwe bwuririye ku bundi budakwiye kwakirwa ngo busuzumwe kubera ko ari ikirego gishya atangiye mu rwego rw'ubujurire kuko iby'indishyi asaba bitigeze biburanwaho mu rwego rwa mbere, bikaba

kandi ntaho bihuriye n'ikirego ECOBANK yatanze kigamije kwishyura umwenda ukomoka ku masezerano yo kuwa 05/07/2005, nta n'aho bihuriye no kuba Kajangwe mbere y'ayo masezerano yari yaratse inguzanyo ntayihabwe, bikaba rero byaratanzwe mu buryo bunyuranije n'ingingo za 167 na 168 y'Itegeko ryerekeye imiburanishirize y'ianza z'imbonezamusubano, iz'ubucuruzi, iz'umurimo n'iz'ubutegets. Asanga niba Kajangwe ashaka kubiregera yabitangira ikirego ukwabyo.

[37] Kajangwe n'abamwunganira bavuga ko ikirego kigamije kwiregura yatanze mu Rukiko Rukuru rw'Ubucuruzi rwanze kucyakira ku mpamvu zidafite ishingiro, akaba rero atari gishya.

[38] Ku byerekeranye n'isano icyo kirego gifitanye n'icyo ECOBANK yareze Kajangwe, bavuga ko kigamije kugaragaza ko umwenda aregwa bivugwa ko ari uwasigaye nyuma yo kumugurishiriza Hôtel ari uburiganya yakorewe kuko yishyujwe umwenda urenze uwo yahawe, bakabisabira indishyi zingana na 2.000.000.000 Frw zikubiyemo indishyi mbonezamusaruro, indishyi z'akababaro, amafaranga y'ikurikiranarubanza n'igihombo cya avoka mu buryo bukurikira :

- Indishyi mbonezamusaruro za 949.922.632 Frw y'igihombo yatewe n'igurishwa rya "Hôtel Burundi Palace";
- Indishyi za 508.278.816 Frw z'igihombo yatewe no kuba ECOBANK itaramuhaye inguzanyo yamwemereye yo kugura "Bus 2" nk'uko byari biteganyijwe mu mushinga yayihaye hakabamo 143.464.457 Frw y'inguzanyo yagombaga kubona;
- 88.136.699 Frw ya "acompte versé + intérêts" za 15 %;
- Amafaranga 157.319.287 Frw y'igihombo yatewe no kwishyura umwenda utari ngombwa wa 91.318.226 Frw;
- Indishyi mpozamarira ku muryango we zingana na 420.000.000 Frw kubera ko ECOBANK yamushyize mu kato k'abadashobora gukorana na Banki zose zo mu Rwanda (classe 5) kuva mu 1998 byatumye adashobora kugira icyo yimarira n'umuryango we, ikanamurega imubeshyera ko ayifitiye umwenda wa 594.317.302 imbere

y'Umukuru w'Igihugu n'abashoramari bagenzi be bikamutera igisebo n'ipfunwe.

- Amafaranga 20.000.000 Frw y'igihembo cya Avoka.

## **UKO URUKIKO RUBIBONA**

[39] Ku byerekeranye n'uko ikirego kigamije kwiregura cya Kajangwe cyaba ari gishya gitangiwe bwa mbere mu bujirire, Urukiko rurasanga atari ukuri kuko urukiko rubanza rwagisuzumye rugasanga kidakwiriye kwakirwa kuko cyatanzwe gikerewe, bityo ubujirire bwuririye ku bundi yatanze bukaba bugomba kwakirwa bugasuzumwa.

[40] Ku birebana no gutanga ikirego kiregera kwiregura, ingingo ya 351 *nonies*, igika cya mbere y'Itegeko n° 45/2007 ryo kuwa 11/09/2007 rihindura kandi ryuzuza itegeko n° 18/2004 ryo kuwa 20/06/2004 ryerekeye imiburanishirize y'imanza z'imbonezamubano, iz'ubucuruzi, iz'umurimo n'iz'ubutegetsu, iteganya ko "ikirego kiregera kwiregura no kurega uwishingiye bikorwa mu buryo bwanditse mbere yo kurangiza iburanisha ry'ibanze".

[41] Ku byerekeranye no kumenya niba urukiko rubanza rwaragombaga kwakira ikirego cyo kwiregura cya Kajangwe, inyandiko ziri mu dosiye zigaragaza ko iburanisha ry'ibanze mu Rukiko Rukuru rw'Ubucuruzi ryatangiye tariki ya 14/04/2010, ababuranyi baritaba ariko nta myanzuro uregwa ari we Kajangwe yatanzwe, iburanishwa ryimurirwa tariki ya 23/06/2010, uwo munsu Me Muhozi Paulin wamuburaniraga asaba itariki yo kuburanisha urubanza mu mizi akazaba yatanze n'imyanzuro izubiza iya ECOBANK. Iburanisha ry'ibanze ryarashojwe, hemezwa ko urubanza ruzaburanishwa mu mizi tariki ya 1/9/2010.

[42] Bigaragara ko mu mwanzuro wakiriwe mu iburanisha ryabaye tariki ya 9/3/2011 aribwo hagaragaye bwa mbere ikirego kiregera

kwiregura cya Kajangwe, bityo kuba kitarakiriwe bikaba bifite ishingiro kuko cyatanzwe mu buryo bunyuranyije n'ingingo yavuzwe haruguru.

[43] Hashingiwe ku byasobanuwe byose, Urukiko rurasanga, usibye impamvu zashingiweho zitandikanye n'izo mu rubanza rwajuririwe ku birebana n'ubujurire bwa ECOBANK, nta gihindutse ku cyemezo cyafashwe n'Urukiko Rukuru rw'Ubucuruzi.

### **III. ICYEMEZO CY'URUKIKO**

[44] Rwemeje ko ubujurire bwa ECOBANK nta shingiro bufite.

[45] Rwemeje kwakira ubujurire bwa Kajangwe Callixte bubwuririyeho.

[46] Rwemeje ko ubwo bujurire bwuririye ku bundi nta shingiro bufite.

[47] Rutegetse ECOBANK kwishyura amafaranga 40.800 Frw y'amagarama y'urubanza mu gihe cy'iminsi umunani (8), itayatanga, ayo mafaranga agakurwa mu byayo ku ngufu za Leta.



## FINA BANK v. MUTEMBO

[Rwanda URUKIKO RW'IKIRENGA – 2014 SC – RCOMA  
0147/11/CS (Kayitesi, P.J., Mukandamage na Rugabirwa, J.) 24  
Mutarama 2014]

*Amategeko agenga imitungo – Guhererekanya umutungo utimukanwa – Indishyi zituruka kugutanga impapuro z'inzu yaguzwe mu gihe habayeho ubukererwe mu kuzitanga – Kudahabwa ibyangombwa by'umutungo utimukanwa nyuma y'ubugure ubwabyo ni impamvu yo kuryozwa indishyi ku wabitandanye kabone n'ubwo yaba yarashyikirije uwo mutungo uwawuguze – Itegeko ryo kuwa 30/07/1888 ryerekeye amasezerano cyangwa imirimo nshinganwa, ingingo ya 258.*

*Amategeko agenga amasezerano cyangwa imirimo nshinganwa – Inyungu zituruka ku kutabasha gukoresha mu buryo busesuye icyaguzwe – Uwaguze inzu akayihabwa ariko ntahabwe ibyangombwa byayo ntiyagenerwa inyungu zibariwe ku gaciro k'inzu yitwaje ko atahawe ibyangombwa byayo kandi nyamara ayituyemo.*

**Incamake y'ikibazo:** Kuwa 27/09/2007, FINA BANK yagurishije mu cyamunara Mutembo inzu iri mu kibanza n° 91 iherereye i Musanze mu Ntara y'Amajyaruguru. Mukumuha ibyemezo by'inzu, yamuhaye "Certificat d'enregistrement" y'inzu iri mu kibanza n° 25; Mutembo aza kumenya ko yahawe ibyangombwa bitari iby'inzu yaguze mu cyamunara ari uko asabye "mutation" kugira ngo ahabwe "certificat d'enregistrement" nshya yanditse mu mazina ye. Mutembo yabimenyesheje FINA BANK yemera ikosa imwizeza ko izabikosora ariko kuyibona bikomeza gutinda.

Mutembo nyuma yo kwandikira no kwihanangiriza FINA BANK yatanze ikirego mu Rukiko Rukuru rw'Ubucuruzi avuga ko yahabwa indishyi z'igihe kinini FINA BANK yamaze itamuha ibyangombwa by'inzu yamugurishije, naho FINA BANK yo ikavuga ko nta ruhare yagize mu kuba Mutembo yaramaze igihe kinini adahawe ibyangombwa by'inzu yaguze. Urukiko Rukuru rw'Ubucuruzi rwemeza

ko ikirego cya Mutembo gifite ishingiro kuko FINA BANK yabaye nyirabayazana mu kumutinza kubona “certificat d’enregistrement” y’inzu yaguze ruyitegeka no kubitangira indishyi.

FINA BANK yajuririye Urukiko rw’Ikirenga ivuga ko Urukiko Rukuru rw’Ubucuruzi rwayiciye indishyi rwirengagije ibisobanuro yaruhaye bigaragaza ko nta ruhare yagize mu gutuma Mutembo atinda guhabwa icyangombwa cy’inzu yaguze; naho Mutembo we akavuga ko ubujurire bwa FINA BANK ntashingiro bwahabwa kuko banki yakomeje kumutinza kubona ibyangombwa kandi ibizi neza ko ibyo yamuhaye ataribyoye.

Muri urwo rubanza kandi Mutembo yasabye inyungu z’uko atabashije kubyaza umusaruro inzu yaguze akazibara ashingira ku gaciro kayo nyamara kandi yarahise ayijyamo akimara kuyigura; naho FINA BANK ikavuga ko itayatanga kuko ikirego cy’inyungu yatanze kitashyikirijwe ubwanditsi bw’Urukiko ndetse ko n’inzu yahise ayihabwa, ko rero ibyo asaba byaba ari icyo bita “enrichissement sans cause”.

**Incamake y’icyemezo:** 1. Kuba uregwa yaramaze imyaka hafi itanu atarahabwa impapuro z’inzu yaguze yavukijwe uburenganzira bwo kuyikoresha mu buryo bwisanzuye nko kuyitangaho ingwate cyangwa kuyigurisha n’ibindi..., akaba rero agomba kubiharerwa indishyi zingana na 5.000.000frw kubera ko uwajuriye yatinze kumuha icyangombwa cy’inzu bituma atayikoresha mu buryo bwuzuye.

2. Kubyerekeye inyungu zasabwe n’uwarezwe mu bujurire ashingiye kuba atarahawe ibyangombwa by’inzu nk’utarayihawe, urukiko rwasanze atazihabwa kuko iyo nzu yayishyikirijwe akayituramo.

**Ubujurire nta shingiro bufite.  
Ubujurire bwuririye ku bundi nta shingiro bufite.  
Amagarama aherereye ku wajuriye.**

**Amategeko yashingiweho:**

*Itegeko ryo kuwa 30/07/1888 ryerekeye imirimo nshinganwa cyangwa amasezerano, ingingo ya 258.*

**Nta manza zifashishijwe.****Urubanza****I. IMITERERE Y'URUBANZA**

[1] Kuwa 27/09/2006 Mutembo Senyana Kavos yaguze na FINA BANK muri cyamunara inzu iri mu kibanza n° 91 i Musanze mu Ntara y'Amajyaruguru y'uwitwa Zigiranyirazo Protais wari uyibereyemo umwenda. Igiye kumuha ibyemezo by'inzu yamuhaye “certificat d'enregistrement” y'inzu iri mu kibanza no 25 [nayo ya Zigiranyirazo Protais] aho kumuha iy'inzu yaguze iri mu kibanza no 91, bimenyekana ari uko Mutembo asabye “mutation” kugira ngo ahabwe “certificat d'enregistrement” nshya yanditse ku mazina ye. Mutembo yaje kumenya ko ibyangombwa by'inzu ye byari bifitwe na BRD yari yarabihawe ingwate na Zigiranyirazo Protais igihe yishingiraga umwenda wafashwe na SOBOLIRWA, abimenyesha FINA BNK yemera ikosa imwizeza ko izarikosora, agashobora kubona “certificat d'enregistrement” y'inzu ye imwanditseho, ariko kuyibona bikomeza gutinda.

[2] Nyuma yo kwandikira FINA BANK no kuyihanangiriza, Mutembo Senyana Kavos yaregeye Urukiko Rukuru rw'Ubucuruzi asaba ibikubiye mu kirego nk'uko byasobanuwe hejuru, FINA BANK yo ikavuga ko ntacyo yari gukurikiranwaho kuko nta ruhare yagize mu kuba Mutembo yaramaze igihe kinini adahawe ibyangombwa by'inzu yaguze. Urukiko rwemeje ko ikirego cye gifite ishingiho kuri bimwe, rutegeka FINA BANK kumwishyura 5.000.000 Frw y'indishyi z'uko yabaye nyirabayazana wo kumutanza kubona “certificat d'enregistrement” y'inzu yaguze, kumuha indishyi zingana na 1.000.000 Frw y'ikurikiranarubanza n'igihembo cya avoka, yose

hamwe akaba 6.000.000 Frw no kwishyura 9.700 Frw y’ amagarama y’urubanza.

[3] FINA BANK yajuririye Urukiko rw’Ikirenga ivuga ko Urukiko Rukuru rwayemeje ikosa ryo kuba yarahaye Mutembo Senyana Kavos “certificat d’enregistrement”<sup>1</sup> itari iy’inzu yaguze yo mu kibanza n° 91 i Musanze aribyo byabaye intandaro yo kuba “mutation de propriété” yarafashe igihe kinini, no kuyitegeka kubitangira indishyi zigeze kuri 6.000.000 Frw, rwirengagije ibisobanuro yaruhaye bigaragaza ko nta ruhare yagize mu gutuma Mutembo atinda guhabwa icyangombwa cy’inzu yaguze. Dosiye yakorewe ibanzirizasuzuma, umucamanza wabishinze yemeza ko ubujurire bwakiriwe, urubanza ruburanishwa kuwa 24/12/2013, FINA BANK iburanirwa na Me Rusanganwa Jean Bosco, naho Mutembo Senyana aburanirwa na Me Toy Nzamwita.

## II. ISESENGURA RY’IBIBAZO BIGIZE URU RUBANZA

### 1. Kumenya niba hari uruhare FINA BANK yagize mu gutinda gutanga ibyangombwa by’inzu yaguzwe muri cyamunara na Mutembo Senyana Kavos.

[4] Uburanira FINA BANK avuga ko Urukiko rubanza rwarenze ku bisobanuro batanze bagaragaza ko nta kosa cyangwa uburangare FINA BANK yagize cyangwa kwica amasezerano mu gutuma Mutembo adahabwa impapuro mpamo z’inzu baguze iri mu kibanza n° 91. Asobanura ko icyo FINA BANK yemera ari uko yabanje guha Mutembo Senyana Kavos “certificat d’enregistrement” itari iy’inzu yaguze no kuba iyo nzu yari yaratanzweho ingwate muri BRD na Zigiranyirazo igihe yishingiraga umwenda wa SOBOLIRWA, ariko ko ibyo byombi FINA BANK yabimenye nyuma ya cyamunara ubwo Mutembo yayigaragarizaga ko yibeshye ikamuha “certificat

---

<sup>1</sup>“Certificat d’enregistrement” y’inzu iri mu kibanza n° 25 i Musanze mu Ntara y’Amajyaruguru.

d'enregistrement" y'indi nzu iri mu kibanza n° 25, akayisaba iy'inzu ye iri mu kibanza n° 91. Uburanira FINA BANK avugako rero asanga nta kosa ryayibarwaho.

[5] Avuga ko ahubwo ikosa ryabaye ryatewe n'imyitwarire ya Mutembo Senyana Kavos wamaze kubona inzu (transfert matériel de propriété) akicecekerana, muri 2010 nyuma y'imyaka itatu akaba aribwo yatangiye gusaba ibyangombwa byayo, ko iyo yihutira kubisaba cyamunara ikimara kuba muri 2006, ikibazo kiba cyaramenyekanye kigakemurwa hakiri kare, ariko ko aho FINA BANK ibimenyeye yihutiye gukemura ikibazo kugira ngo "mutation" ishobore gukorwa.

[6] Akomeza avuga ko ndetse iryo kosa rikomoka no ku myitwarire y'izindi nzego zabigizemo uruhare, ko Umubitsi w'impapuro mpamo z'ubutaka yavuze ko ryari ryarabaye igihe hatangwaga ibyangombwa by'icyo kibanza cyagiye gihabwa numero zitandukanye, 25, 92, na 91 kandi ibyo nta ruhare FINA BANK yabigizemo, ko atariyo yaryozwa amakosa yabaye kuko inzu yatejwe cyamunara ari iyo yahawe mu bugwate kandi ikaba ariyo yagurishijwe, ko na none icyo gihe "Notaire" ariwe wakoze "acte d'adjudication publique" kuwa 27/09/2006 yagaragayemo amakosa, iyo nzu iri mu kibanza no 91 igurishwa, yitwa ko iri mu kibanza n° 25.

[7] Uburanira Mutembo avuga ko ubujurire bwa FINA BANK nta shingiro ryabwo, kuko no mu Rukiko rubanza yemeye ikosa ryo kuba yatanze "certificat d'enregistrement" idahuye n'inzu yagurishije, ko yajyaga ibandikira yisegura, bigaragara ko hari amakosa yemeraga, ariko inzira zo kubikosora ziza kuruhanya, ko kuba yikuraho iryo kosa ikarishyira ku zindi nzego zishinzwe gutanga ibyangombwa by'amazu atari byo, kuko icyabaye ari ubushishozi buke bwatumye haba kudahuza amazu n'ibyemezo biyaranga, FINA BANK ikaba yaragombaga kugira imikorere myiza yo kugenzura inzu yarigiye guteza cyamunara n'ibyemezo by'ubutaka biyaranga.

[8] Avuga kandi ko kuvuga ko ikosa ryatewe na Mutembo watinze gusaba icyemezo cy'inzu ye, nyuma y'imyaka itatu muri 2010 atari

ukuri, kuko yagisabye cyamunara ikimara kuba kuwa 27/9/2006 agahabwa ikitaricyo, aribwo umugore wa Mutembo yatangiye kwandikirana na FINA BANK muri 2008 ayisaba icyemezo nyakuri cy'inzu baguze, ko kuva n'icyo gihe bitewe n'imikorere mibi yayo, byafashe imyaka 6 imwizeza buri gihe ko igiye gukemura ikibazo, Mutembo Senyana Kavos aza kugihabwa muri 2012 urubanza rwaratangiye, ko ibyo byose bigaragazwa n'inyandiko zisanzwe n'iz'ubutumwa bugufi (Emails) yashyikirije Urukiko. Uburanira Mutembo Senyana Kavos yanzura avuga ko ubujurire bwa FINA BANK nta shingiro ifite kuko ikibazo yateje ari ugatanga ibyangombwa by'inzu bitari byo, ko ubusanzwe ntawe uteza cyamunara inzu adafitiye ibyangombwa biyiranga.

## **UKO URUKIKO RUBIBONA**

[9] Ingingo ya 258 CC LIII ivuga ko “igikorwa cyose cy'umuntu cyangirije undi gisaba nyiri ukugikora kubitangira indishyi”.

[10] Inyandiko ziri muri dosiye zigaragaza ko inzu FINA BANK yarifiteho ingwate yari iy'uwitwa Zigiranyirazo Protais iri mu kibanza n° 91, ko kandi yari yaranatanzweho ingwate muri BRD, ari nayo yari ifite ibyangombwa byayo igihe yatezwaga cyamunara kuwa 27/09/2006, ikagurwa na Mutembo Senyana Kavos, ariko aza guhabwa “certificat d'enregistrement” itariyo, kuko yahawe iy'inzu iri mu kibanza n° 25 i Musanze nayo ya Zigiranyirazo Protais. Bigaragara kandi kuri 13, ko iyi nzu<sup>2</sup> nayo yatejwe cyamunara, igurwa n'uwitwa Mbanda Laurent na Madamu we Chantal Mbanda kuwa 04/08/2009 mu kurangiza urubanza n° 81 rwaciwe n'Urukiko Gacaca rwa Rwiri kuwa 14/02/2008. Bigaragara na none muri dosiye ko Umubitsi w'inyandiko mpamo z'ubutaka yamenye iki kibazo igihe Mutembo Senyana Kavos yamusabaga ko hakorwa “mutation” kugira ngo ahabwe “certificat d'enregistrement” nshya.

---

<sup>2</sup> Ibaruwa N° 1882 16.03/NLC/0214Umubitsi Wungirije w'Impapuro mpamo z'ubutaka yandikiye Umuyobozi Mukuru wa FINA BANK yerekeye gusaba icyemezo cya Cyamunara, ivugwamo ikibanza n° 25 cyaguzwe na Bwana Mbanda Laurent.

[11] Urukiko rusanga rero FINA BANK yaragize uburangare n'imirungirembi y'ingwate z'amazu yahawe bituma yitiranya ibyemezo byayo igihyabihaga abayaguze, hashingiwe kubigaragara mu ibaruwa y'Umubitsi Wungirije w'Impapuro mpamo z'Ubutaka yandikiye Umuyobozi Mukuru wa FINA BANK S.A amusaba gukosoza icyemezo cya cyamunara (acte d'adjudication) yakozwe kuwa 27/05/2009 na Noteri wa Leta, amusaba kandi ko nibirangira, azamugezaho umwimerere w'Impapuro mpamo z'ubutaka numero R.XII Folio 182 zose zanditse kuri Zigiranyirazo Protain'icyemezo cya RDB gihanagura imyenda kuri ibyo bibanza kugirango bashyire mu bikorwa icyifuzo cya buri muntu.

[12] Urukiko rusanga na none nkuko amabaruwa asanzwe n'ubutumwa bugufi biri muri dosiye abigaragaza Mutembo Senyana Kavos ataratinze gusaba icyangombwa cy'inzu kuko yatangiye kwandikirana na FINA BANK mu kwezi kwa mbere kwa 2008, cyamunara yarabaye kuwa 27/09/2006, ni ukuvuga nyuma y'imyaka 2. Kuba rero FINA BANK ivuga ko ikosa ryo kuba Mutembo Senyana Kavos yaratinze gukorerwa "mutation" ariwe ryaryozwa bikaba atari byo, kuko icyabaye ikosa ari uko FINA BANK yamuhaye icyangombwa cy'inzu kitari cyo kubera ubushishozi buke bwayo, kuko mu busanzwe yagombye kuba yaragenzuye inzu igurishwa muri cyamunara, aho iherereye n'ibyangombwa byayo.

[13] Urukiko rusanga na none, naho ikibazo cy'inyardiko n'ibyemezo by'amazu kigaragariye, ntabwo FINA BANK yakoranye ubuhanga n'umwete kugira ngo ibyagombaga gukosorwa bikorwe mu gihe gito gishoboka kubera ko nkuko inzandiko ziri muri dosiye (correspondance) yandikiranye na Mutembo Senyana Kavos ndetse n'Umubitsi w'Impapuru mpamo z'Ubutaka zibigaragaza, imishyikirano ku mugaragaro yatangiye mu kwa mbere 2008, guhera icyo gihe byafashe imyaka ine (4) kugira ngo Mutembo Senyana Kavos abone "Certificat d'enregistrement" ku mazinaye muri 2012, urubanza rwaratangiye nyuma yo kwihanangirizwa (mise endemeure) birenze inshuro imwe.

[14] Hashingiwe ku bimaze kuvugwa, Urukiko rurasanga FINA BANK yaragize uruhare mu gutuma Mutembo Senyana Kavos atinda guhabwa ibyangombwa by'inzu yaguze bituma atayikoresha mu buryo bwisanzuye, bityo ikaba rero igomba kubiryoza hakurikijwe ibiteganywa n'ingingo ya 258 CC LIII yavuzwe haruguru.

## **2. Ku byerekeye n'indishyi zisabwa**

[15] Uburanira Mutembo Senyana Kavos avuga ko kuba yarimwe uburenganzira ku nzu ye mu gihe kirenga imyaka itanu (5) ngo abe yarayitanzeho ingwate kugira ngo ahabwe inguzanyo, byamuteje akababaro, akaba asanga uru Rukiko rukwiye kwemeza indishyi zose hamwe yagenewe n'urukiko rubanza zingana na 6.000.000 Frw yahawe. Avuga kandi ko FINA BANK yategekwa kwishyura Mutembo Senyana Kavos amafaranga y'igihembo angana na 10% y'amafaranga yose igomba kumwishyura.

[16] Avuga kandi ko yuririye ku bujirire bwatanzwe na FINA BANK, asaba na none inyungu za 18% ku kiguzi cy'inzu cya 31.410.000 Frw kubera inyungu we n'umugore we bavukijwe kuko bashoye imari yabo mu kugura inzu itigeze ibungukira mu gihe cy'imyaka itanu, ko izo nyungu zabarwa ku kiguzi cy'inzu guhera kuwa 13/11/2006, umunsi FINA BANK yemeje ko yakiriye ayo mafaranga kugeza ku munsi w'icibwa ry'urubanza zibazwe mu buryo bukurikira:  $31.410.000 \text{ Frw} \times 18\% \times 65 \text{ (mois)} = 30.624.750 \text{ Frw}$ .

[17] Uburanira FINA BANK avuga ko ikirego cya Mutembo Senyana Kavos cyuririye ku bujirire bwatanzwe na FINA BANK kigamije gusaba inyungu kubera igihombo yatejwe no kutabyaza inzu ye inyungu kitashyikirijwe Ubwanditsi bw'Urukiko, ko ariko kandi nta gihombo Mutembo Senyana Kavos yagize kuko inzu yahise ayihabwa, ko rero ibyo asaba byaba ari icyo bita "enrichissement sans cause". Asanga ko nta ndishyi FINA BANK yari gucibwa, ko ahubwo igomba guhabwa indishyi zingana na 1.000.000 Frw y'ikurikiranarubanza n'igihembo cya avoka.



[18] Ku byerekeye indishyi zingana na 1.000.000 Frw y'ikurikiranarubanzan'igihembo cya avoka zisabwa na FINA BANK, uburanira MutemboSenyana Kavos avuga ko ntaho zashingira mu gihe bigaragara ko ariyo iri mu makosa.

## **UKO URUKIKO RUBIBONA**

[19] Ku byerekeye indishyi zisabwa, Urukiko rusanga nkuko byasobanuwe haruguru, kuba Mutembo Senyana Kavos yaramaze igihe kinini atarahabwa ibyangombwa by'inzu, byaratewe n'amakosa ya FINA BANK yagize imikorere mibi, ibura ubushishozi bituma itanga icyemezo cy'inzu kitaricyo, n'igihe ibimenyeye, ntiyagaragaza ubushake n'umwete wo kubikosora mu buryo bwihuse ngo Mutembo Senyana Kavos ahabwe icyemezo cy'inzu ye.

[20] Urukiko rusanga rero Mutembo Senyana Kavos yarahise ahabwa inzuye akimara kwishyura kuwa 13/11/2006, kuba yaramaze imyaka hafi itanu atarahabwa Impapuro mpamo zayo, yabujijwe uburenganzira bwokuyikoresha mu buryo bwisanzuye nko kuyitangaho ingwate cyangwa kuyigurisha n'ibindi..., akaba rero agombaga kubiharerwa indishyi nkuko Urukiko rubanza rwabyemeje.

[21] Ku birebana n'ingano y'indishyi Mutembo Senyana Kavos akwiye guhabwa, Urukiko rurasanga 5.000.000 Frw yahawe kubera ko FINA BANK yatinze kumuha icyangombwa cy'inzu bituma atayikoresha mu buryo bwuzuye, ari mu kigero gikwiye akaba ariyo agomba kugumaho.

[22] Ku byerekeranye n'inyungu zingana 30.624.750 Frw Mutembo Senyana Kavos asaba kubera ko atashoboye kubyaza inyungu inzu ye, rusanga atazihabwa kuko inzu yaguze yayihawe, akaba rero atagomba kubarira inyungu ku giciro yishyuye.

[23] Ku byerekeye amafaranga y'igihembo cya avoka, Urukiko rusanga Mutembo Senyana Kavos adakwiye gushingira ayo mafaranga

ku gaciro k'ikiburanwa kuko binyuranyije n'ibiteganywa n'ingingo<sup>11</sup> ya 62 n'ya 63 z'Itegeko N° 83/2013 ryo kuwa 11/09/2013 rishyiraho Urugaga rw'Abavoka mu Rwanda, rikanagena imitungany<sup>3</sup>ize n'imikorere byarwo, ariko kandi indishyi za 1.000.000 Frw y'ikirikiranarubanza n'igihembo cya avoka yagenwe n'Urukiko rubanza ziri mu rugero rukwiye ku nzego zombi yaburanyiyemo.

[24] Ku birebana n'indishyi z'ikirikiranarubanza n'igihembo cy'avoka FINA BANK isaba, Urukiko rurasanga itazihabwa kubera ko ntacyo itsindiye muri uru rubanza.

### III. ICYEMEZO CY'URUKIKO

[25] Rwemeje ko ubujurire bwatanzwe na FINA BANK nta shingiro bufite;

[26] Rwemeje ko ubujurire bwatanzwe na Mutembo Senyana Kavos bwuririye ku bwa FINA BANK nta shingiro bufite;

[27] Rwemeje ko imikirize y'urubanza N° R.COM 0109/11/HCC rwaciwe n'Urukiko Rukuru rw'Ubucuruzi kuwa 02/02/2012 idahindutse;

---

<sup>3</sup> Ingingo ya 62 : Igena n'itangazwa ry'ibihembo mbonera by'Abavoka Inama y'Urugaga igena ibihembo mbonera by'Abavoka mu bushishozi bukwiye uwo mwuga.

Birabujijwe gushyiraho ibihembo ushingiye ku buryo urubanza ruzakizwa kuko Umwavoka ashinzwe gukoresha ubushishozi bwe. Umwavoka ntashobora kubirengaho nta ruhushya rw'Umukuru w'Urugaga. Ibihembo mbonera by'Abavoka bitangazwa mu Igazeti ya Leta ya Repubulika y'u Rwanda n'Umukuru w'Urugaga.

Ingingo ya 63: Kwishyura igihembo cy'Umwavoka cyishyurwa hakurikijwe igihembo cyumvikanyweho n'Avoka n'uwo aburanira hitawe ku biteganywa n'ibihembo mbonera by'Abavoka.

Impaka zijyanye n'ubwishyu zimenyeshwa Umukuru w'Urugaga kugira ngo yumvikanishe impande zombi.

[28] Rutegetse FINA BANK gutanga amagarama y'urubanza angana na 24.300 Frw, itayatanga mu gihe cy'iminsi 8, akazakurwa mu byayo ku ngufu za Leta.

## NDIGELA v. ATA

[Rwanda URUKIKO RW'IKIRENGA – RCOMA 0054/10/CS  
(Mugenzi, P.J., Mukamulisa na Rugabirwa, J.) 18 Werurwe 2011]

*Amategeko agenga imiburanishirize y'Imanza z'imbonezamubano – Ingwate itangwa n'umunyamahanga urega – Nta Sosiyeti yo mu bihugu bigize umuryango wa Afurika y'Iburasirazuba yasabwa ingwate itangwa n'abanyamahanga kuko amategeko ayifata nk'isosiyeti yo mu Rwanda – Itegeko n° 14/2010 ryo kuwa 07/05/2010 rihindura kandi ryuzuza itegeko n° 07/2009 ryo kuwa 27/04/2009 ryerekeye amasosiyete y'ubucuruzi, ingingo ya 12 – Itegeko n° 18/2004 ryo ku wa 20/06/2004 ryerekeye imiburanishirize y'imanza z'imbonezamubano, iz'ubucuruzi, iz'umurimo n'iz'ubutegetsi nk'uko ryahinduwe kugeza ubu, ingingo ya 81.*

*Amategeko y'ubwikorezi – Amasezerano – Itandukaniro hagati y'amasezerano y'ubwikorezi n'ay'ubukode bw'imodoka – Iyo rwiyemezamirimo atariwe ugenzura imodoka yatanzeho ubukode, amasezerano yitwa ay'ubukode bw'imodoka – Iyo imodoka yakodeshejwe itanganywe n'umushoferi agakomeza kugengwa na nyiri modoka, amasezerano yitwa ay'ubwikorezi.*

*Amategeko agenga amasezerano cyangwa imirimo nshinganwa – Indishyi – Ikurikirana ry'indishyi zikomoka ku byangijwe – Uregera indishyi ashobora guhitamo kuryoza abakoresha ibikorwa byangijwe n'abakozi babo mu gihe bakoraga imirimo babashinze aho kuzishingira ku ikurikiranacyaha – Itegeko ryo kuwa 30/07/1888 ryerekeye amasezerano cyangwa imirimo nshinganwa, ingingo ya 260.*

**Incamake y'ikibazo:** ATA yagiranye na NDIGELA&CO amasezerano yo kuyitwarira mu modoka ibiribwa ibivana Isaka ibijyana i Goma (RDC). ATA yareze NDIGELA &CO mu Rukiko Rukuru rw'Ubucuruzi ivuga ko itubahirije ayo masezerano y'ubwikorezi bagiranye, kuko imodoka zatwaye ibyo biribwa zigeze i Gisenyi, abashoferi bazo bagurisha ibigori bari batwaye. Urukiko Rukuru

rw'Ubucuruzi rwemeje ko ikirego cya ATA gifite ishingiro, rutegeka NDIGELA &CO kuyishyura amafaranga ahwanye n'ibigori byagurishijwe hiyongereyeho avansi yari yahawe ndetse n'amafaranga y'igihembo cya Avoka.

NDIGELA&CO yajuririye urwo rubanza mu Rukiko rw'Ikirenga ivuga ko ikirego cya ATA kitagombaga kwakirwa idatanze ingwate y'amagarama isabwa umunyamahanga urega, ikanavuga ko itari ikwiriye kuryozwa amakosa y'abashoferi bagurishije ibyo bari batwaye, ko ahubwo aribo bakwiye kwishyura kuko bahamwe n'icyaha mu rubanza nshinjabyaha ndetse bakaba banemera kwishyura.

Kuri izi ngingo, ATA yo ivuga ko amasosiyete yo mu bihugu bigize umuryango wa Afurika y'Iburasirazuba afatwa nk'amasosiyete yo mu Rwanda bityo ko nta ngwate isabwa abanyamahanga yagombaga gutanga. Ivuga kandi ko NDIGELA &CO ariyo igomba gutanga indishyi kuko abashoferi bayo aribo barigishije ibyo bari bikoreye kandi ko ariyo yari ifite inshingano zo kubigeza aho bumvikanye.

**Incamake y'icyemezo:** 1. Kuba ATA ari sosiyeti yo mu gihugu kigize umuryango wa Afurika y'Iburasirazuba kandi amategeko y'u Rwanda akaba ayifata nk'isosiyeti nyarwanda, ntigomba kubanza gutanga ingwate y'amagarama isabwa umunyamahanga mbere yo kurega.

2. Iyo nyiri modoka yakodeshejwe atariwe uyigenzura, ayo masezerano yitwa ay'ubukode bw'imodoka naho iyo rwiyemezamirimo atanzeho imodoka ubukode akaba arinawe utanga umushoferi kandi agakomeza kumugenzura, ayo masezerano yitwa ay'ubwikorezi. Bityo amasezerano NDIGELA &CO yagiranye na ATA ni ay'ubwikorezi kuko itagaragaza mu masezerano bagiranye ahateganyijwe ko ATA izishakira abashoferi kandi ikaba itagaragaza ko abashoferi banyereje ibiribwa bari batwaye batari abayo. Kubera iyo mpamvu NDIGELA agomba kuryozwa kuba atarabashije gushyitsa ibyo yikoreye aho byagombaga kugera, kuko byari inshingano ze.

3. Abakoresha baryozwa ibyangijwe n'abakozi babo, iyo bakora imirimo babashinze. Nta cyabuza ATA amahitamo yo kuryoza indishyi

NDIGELA &CO nk’umukoresha w’abashoferi bamwangirije aho kuzishingira ku ikurikiranacyaha.

**Ubujurire nta shingiro bufite.  
Ubujurire bwuririye ku bundi bufite ishingiro.  
NDIGELA&CO itegetswe kwishyura ATA amafaranga yindishyi,  
indishyi zo gusiragizwa mu manza n’igihembo cy’Avoka.  
Amagarama aherereye ku wajuriye.**

**Amategeko yashingiweho:**

*Itegeko n° 14/2010 ryo kuwa 07/05/2010 rihindura kandi ryuzuzwa itegeko n° 07/2009 ryo kuwa 27/04/2009 ryerekeye amasosiyete y’ubucuruzi, ingingo ya 12.*

*Itegeko n° 18/2004 ryo ku wa 20/06/2004 ryerekeye imiburanishirize y’imanza z’imbonezamubano, iz’ubucuruzi, iz’umurimo n’iz’ubutegetsu nk’uko ryahinduwe kugeza ubu, ingingo ya 81.*

*Itegeko ryo kuwa 30/07/1888 ryerekeye amasezerano cyangwa imirimo nshinganwa, ingingo ya 260.*

**Inyandiko z’abahanga zifashishijwe:**

*François COLLART DUTILLEUL et Philippe DELEBECQUE, Contrats civils et commerciaux, 7<sup>e</sup> édition, Paris, Dalloz, 2004, p. 698.*

## Urubanza

### I. IMITERERE Y’URUBANZA

[1] Sosiyete ALLIED TRANSPORT AGENT (ATA) yatsindiye isoko rya “WORLD Food Programme” (WFP) rihwanye na \$ US 65.000.00 ryerekeranye no gutwara ibiribwa ibivana muri Tanzania ibijyana kuri Goma (RDC). Bitewe nuko ATA nta modoka yari ifite, yagiranye amasezerano y’ubwikorezi na Sosiyete NDIGELA & Co yo kuvana ibigori Isaka ibijyana i Goma, ikodesha amakamyi 2 ya NDIGELA kuri \$ US 11.000.00, iyiha avance ya \$ US 5.000.00.

[2] ATA ivuga ko izo modoka zigeze i Gisenyi abashoferi bazo bagurishije ibigori bari batwaye, bituma irega NDIGELA kuba itarubahirije amasezerano bagiranye y'ubwikorezi maze bikayitera igihombo.

[3] Urukiko Rukuru rw'Ubucuruzi rumaze kwemeza ko ikirego cya ATA gifite ishingiro, rwategetse NDIGELA kwiyishyura \$US 32,214.10 yakaswe na WFP ahwanye na toni 61 z'ibigori abashoferi bayo bagurishije, hakiyongeraho \$US 5.000.00 ahwanye na avance NDIGELA yari yahawe ndetse na \$US 1000.00 y'igihembo cya Avoka.

[4] Mu bujurire mu Rukiko rw'Ikirenga, uburanira NDIGELA avuga ko Ikirego cya ATA kitagombaga kwakirwa idatanze ingwate y'amagarama isabwa abanyamahanga barega, akanavuga ko NDIGELA itari ikwiye kuryozwa amakosa y'abashoferi bagurishije ibyo bari batwaye kandi ari ATA yabihereye akazi hakurikijwe amasezerano y'ubwikorezi ATA yagiranye na NDIGELA, ikindi kandi abagize uruhare mu irigiswa ry'ibigori byabuze banabyiyemerera abakaba ari bo bakwiye kwishyura kuko bahamwe n'icyaha mu rubanza nshinjabyaha rwabaciriwe, ndetse hakaba hari n'inyandiko basinye bemera kwishyura.

[5] Urubanza rwaburanishijwe mu ruhame ku wa 17/02/2011, NDIGELA & Co ihagarariwe na Me GUMISIRIZA Hilary, naho ALLIED TRANSPORT AGENT ihagarariwe na Me NDUTIYE Yussuf.

## **II. ISESENGURA RY'IBIBAZO BIGIZE URUBANZA**

**Ku byerekeye ingwate NDIGELA ivuga ko ATA yagombaga gutanga nk'umunyamahanga urega.**

[6] NDIGELA ivuga ko Urukiko Rukuru rutagombaga kwakira ikirego cya ATA idatanze ingwate isabwa abanyamahanga kuko ari sosiyete y'inyamahanga.

[7] Nk'uko uburanira ATA abivuga kandi bikaba byaranasobanuwe n'Urukiko Rukuru rw'Ubucuruzi, ingingo ya 81 y'Itegeko n° 18/2004 ryo ku wa 20/06/2004 ryerekeye imiburanishirize y'ianza z'imbonezamubano, iz'ubucuruzi, iz'umurimo n'iz'ubutegetsi nk'uko ryahinduwe kugeza ubu, iteganya ko, iyo bisabwe n'uregwa, umunyamahanga wese urega agomba gutanga amafaranga y'ingwate, uretse igihe haba hariho amasezerano ibihugu by'amahanga byaba byaragiranye n'u Rwanda asonera abaturage babyo ingwate.

[8] NDIGELA yasobanuriwe ko, usibye n'amasezerano nk'ayo avugwa muri icyo ngingo y'itegeko, hari itegeko nyirizina, n° 14/2010 ryo kuwa 07/05/2010 rihindura kandi ryuzuza itegeko n° 07/2009 ryo kuwa 27/04/2009 ryerekeye amasosiyete y'ubucuruzi riteganywa, mu ngingo yaryo ya 12 ko amasosiyete yo mu bihugu bigize umuryango wa Afurika y'iburasirazuba afatwa nk'amasosiyete yo mu Rwanda. Ubujurire rero bwa NDIGELA idahakana ko Sosiyete ATA yo muri Tanzania, kimwe mu bihugu bigize uwo muryango irebwa n'iryo tegeko, nta shingiro bufite.

**Ku kibazo cyo kumenya niba amasezerano yabaye hagati ya NDIGELA na ATA ari ay'ubwikorezi cyangwa ay'ubukode gusa bw'imodoka.**

[9] NDIGELA ivuga ko Urukiko Rukuru rw'Ubucuruzi rwirengagije amasezerano yagiranye na ATA yo guha ATA imodoka maze ikishakira abashoferi yagombaga no kwiyishyurira, bityo rero, NDIGELA ikemeza ko itaryozwa ingaruka z'amasezerano y'ubwikorezi kandi ntayo yagiranye na ATA.

[10] Kuri iyi ngingo, ATA isubiza ko ibyo NDIGELA ivuga byo kuba barasezeranye ko ATA izishakira abashoferi atari ukuri, igahamya ko amasezerano bagiranye ari ay'ubwikorezi NDIGELA yagombaga gukora, ikoresheje imodoka n'abashoferi bayo.

[11] Mu nyandiko y'amasezerano NDIGELA yakoranye na ATA, nta na hamwe hateganyijwe ko ATA izishakira abashoferi nk'uko NDIGELA ibivuga, ikaba itarigeze igaragaza aho ibikura. Urukiko



rurasanga, mu gihe NDIGELA itagaragaza ko abashoferi banyereje imizigo batari abayo nk'uko ibivuga, bigomba kwemezwa ko bari abayo, inabafiteho ububasha, amasezerano yagiranye na ATA akaba rero agomba kwitwa amasezerano y'ubwikorezi, aho kuba ay'ubukode bw'imodoka.

[12] Iki gisobanuro kandi gihura n'ibyemezwa n'abanditsi b'abahanga mu mategeko, aho basobanura ko iyo rwiyezamirimo atariwe ugenzura imodoka yatanze, aba adakwiye kwitwa umwikorezi, ahubwo aba ari uwakodesheje gusa iyo modoka, ibyo bikaba bitandukanye n'igihe imodoka y'ubwikorezi yaba yakodeshejwe igatanganwa n'umushoferi, kuko aha ariho amasezerano noneho yitwa ay'ubwikorezi, mu gihe umushoferi akomeje kugengwa n'uwatanze imodoka<sup>1</sup>

[13] Kuba amasezerano NDIGELA yagiranye na ATA ari ay'uyubwikorezi nk'uko bisobanuwe haruguru, bituma umwikorezi NDIGELA agomba kuryozwa kuba atarabashije gushyitsa ibyo yikoreye aho byagombaga kugera, kuko byari inshingano ze (obligation de resultat) hakurikijwe ibiteganywa n'ingingo ya 16 n'iya 18 z'Itegeko ryo kuwa 19 mutarama 1920 ryerekeye intumwa mu bucuruzi n'abikorezi<sup>2</sup>

---

<sup>1</sup>Lorsque l'entrepreneur n'a pas la maîtrise du déplacement du véhicule qu'il fournit, il ne mérite pas la qualité de transporteur : il est un simple bailleur ou plus exactement un frêteur engagé dans un contrat d'affrètement avec un chauffeur. Cependant, si l'engin de transport est loué avec son conducteur, les solutions sont différentes : le contrat doit être requalifié de location en transport, dès l'instant que le conducteur est resté sous les ordres du prétendu bailleur", François COLLART DUTILLEUL et Philippe DELEBECQUE, Contrats civils et commerciaux, 7<sup>e</sup> édition, Paris, Dalloz, 2004, p.698.

<sup>2</sup>Iyo ingingo ya 16 igateganywa ko « Uretse impamvu zitunguranye cyangwa ntarengwa, umwikorezi yishingira isohoza ry'abantu cyangwa ibintu mu gihe cyasezeranywe, iyo nta gihe cyasezeranywe abikora akurikije uko bikorwa mu karere ...», naho iya 18 igateganywa ko umwikorezi aryoze ibyangiritse cyangwa ibyatakaye cyangwa ndetse n'impanuka zaba kubo atwaye mu gihe aterekana ko ukwangirika,

**Ku kibazo cy’uko ATA itakurikiranye ubwishyu ku bashoferi barigishije ibintu, ndetse n’abo babigurishijeho kandi baragaragaye.**

[14] NDIGELA ivuga ko n’iyo byafatwa ko abashoferi barigishije ibintu bari abayo, atari yo yakwishyuzwa ibyo barigishije kandi biboneka ko ari bo babikoze kuko icyaha ari gatozi, ndetse n’abahishe ibyo bintu bakaba barabihaniwe mu rubanza nshinjabyaha banemera kwishyura.

[15] Kuri icyo kibazo, ATA isubiza ko NDIGELA ariyo igomba gutanga indishyi kuko abashoferi barigishije ibyo bari bikoreye bari abayo, kandi ikaba yari ifite inshingano zo kugeza ibiribwa ahari hateganyijwe, naho kuba yarahisemo gukurikira indishyi ishingiyeye ku masezerano aho gushingira ku ikurikiranacyaha, ATA ivuga ko ari amahitamo ihabwa n’amategeko.

[16] Urukiko rurasanga NDIGELA itaburanisha ihame ry’uko uburyozwacyaha ari gatozi ku wagikoze, mu gihe ntawigeze ayikurikiranaho icyaha cyakozwe n’abandi, ahubwo uburyozwe kuri yo buturutse ku bikorwa by’abashoferi bayo bukaba bwashingira ku ngingo ya 260 y’igitabo cya gatatu cy’urwunge rw’amategeko mbonezamubano iteganya uburyozwe bw’umukoresha ku bikorwa by’umukozi we<sup>3</sup>, no ku buryozwe bushingiyeye kuri kamere y’ masezerano y’ubwikorezi nk’uko yasobanuwe haruguru.

[17] Naho kuvuga ko ATA yabuze gukurikirana ubwishyu ku banyereje ibintu kandi babyemera, iyo nayo si ingingo yakuraho

---

ugutakara cyangwa impanuka zaturutse ku yindi mpamvu itamuturutseho kandi idashobora kumushinjwa ».

<sup>3</sup>Iyo ngingo iteganya ko umuntu ataryozwa gusa ibyangiritse kubera ibikorwa bye bwite, ahubwo anaryozwa ibyangijwe n’ibikorwa by’abo yishingiyeye cyangwa by’ibintu ashinzwe kurinda, ikanasobanura ko ba shebuja n’abakoresha baryozwa ibyangijwe n’abakozi babo, iyo bakora imirimo babashinze.

uburyozwa bwishyu ku mwikorezi wari ufite inshingano zo kugeza ibintu aho yiyemeje, kuko ATA wagombaga kubigerezwa aho bumvikanye yari afite amahitamo yo kuba yakurikirana indishyi ahereye ku masezerano y'ubwikorezi yagiranye na NDIGELA, cyangwa se akaba yazikurikirana mu nzira yo kuziregera ku banyerejeje ibintu byabuze. Ntaho rero NDIGELA yashingira ivuga ko ATA yagombaga byanze bikunze gukurikirana indishyi mu rubanza rw'inshinjabyaha cyangwa se iruhereyeho.

**Ku byerekeye indishyi ATA isaba mu bujurire bwuririye ku bundi.**

[18] ATA irasaba indishyi zihwanye na 500.000 frw y'igihembo cya Avoka, na 1.000.000 frw yo gusiragizwa mu nkiko, NDIGELA yo igasubiza ko izo ndishyi ntacyo zishingiyeho.

[19] Urukiko rurasanga koko byarabaye ngombwa ko ATA ishyiraho avoka uyiburanira muri ubu bujurire bwa NDIGELA, ikaba ikwiye kubiharerwa indishyi, ariko kuko izo isaba ari ikirenga, ikaba yagenerwa, mu bushishozi bw'Urukiko 300.000 frw y'igihembo cya avoka yiyongera ku yo yari yagenewe mbere.

[20] Harebwe kandi ingingo z'ubujurire bwa NDIGELA muri uru Rukiko n'isesengurwa ryazo nk'uko ryagaragajwe haruguru, bigaragara ko nta mpamvu zishyitse zagombaga gutuma NDIGELA ijuririra urubanza yatsindiwe mu Rukiko Rukuru rw'ubucuruzi, bityo rero indishyi ATA isaba zo kuba yarasiragijwe mu nkiko zikaba zifite ishingiro, ariko ikaba yagenerwa 300.000 frw mu bushishozi bw'Urukiko, kuko ayo isaba ari ikirenga.

### **III. ICYEMEZO CY'URUKIKO**

[21] Rwemeye kwakira ubujurire bwa NDIGELA & Co n'ubwa ALLIED TRANSPORT AGENT (ATA) bubwuririyeho kuko bwaje mu buryo n'inzira bikurikije amategeko;

[22] Rwemeje ko ubujirire bwa NDIGELA & Co nta shingiro bufite; ko ubwa TRANSPORT AGENT bufite ishingiro ;

[23] Rutegetse NDIGELA & Co kwishyura ATA indishyi zihwanye n'amadolari ya Amerika 38.214,10 yaciwe n'Urukiko Rukuru rw'Ubucuruzi, hiyongereyeho 600.000 frw iciwe muri uru Rukiko, itayatanga mu gihe cy'iminsi 15, agakurwa mu byayo ku ngufu za Leta.

[24] Ruyitegetse kwishyura umusogongero wa Leta, uhwanye na 4% y'igiteranyo cy'indishyi zose iciwe, atayatanga mu gihe cy'iminsi 15, agakurwa mu byayo ku ngufu za Leta.

[25] Ruyitegetse kwishyura amagarama y'urubanza ahanye na 32.400 frw, itayatanga mu gihe cy'iminsi umunani, agakurwa mu byayo ku ngufu za Leta.

**IMANZA NSHINJABYAHA**

## UBUSHINJACYAHA v. UWAMURENGEYE

[Rwanda URUKIKO RW'IKIRENGA – 2014SC – RPAA  
0110/10/CS (Kayitesi Zainabo, P.J., Mukanyundo na Gakwaya, J.) 31  
Mutarama 2014]

*Amategeko mpanabyaha – Ubwicamubyeyi – Gukubita no gukomeretsa umubyeyi mu cyico bikamuviramo urupfu bigaragaza umugambi wo gukora icyaha cy'ubwicanyi – Itegeko-Teka n° 21/77 ryo kuwa 18/08/1977 rishyiraho Igitabo cy'Amategeko Ahana, ingingo ya 314.*

*Amategeko agenga imiburanishirize y'imanza nshinjabyaha – Guhindura inyito y'icyaha – Uburenganzira n'inshingano by'umucamanza bwo guhindura inyito y'icyaha mu Rukiko rw'ubujurire kubera iburabubasha – Urukiko rufite ububasha bwo kuburanisha urwo rubanza nyuma yo guteshwa agaciro – Urubanza rutangirira mu Rukiko rufite ububasha ku rwego rwa mbere – Itegeko n° 30/2013 ryo ku wa 24/05/2013 ryerekeye imiburanishirize y'imanza z'inshinjabyaha, ingingo ya 190, igika cya 2.*

**Incamake y'ikibazo:** Uwajuriye yakurikiranyweho icyaha cyo gukubita no gukomeretsa nyina bikamuviramo gupfa imbere y'Urukiko Rwisumbuye rwa Rusizi rwamuhamije icyaha rumuhanisha igifungo cy'imyaka icumi (10) n'ihazabu y'amafaranga ibihumbi ijana ( 100.000 frw).Yajuririye Urukiko Rukuru, Urugereko rwa Rusizi maze mu iburanisha, Ubushinjacyaha busaba ko Urukiko rwahindura inyito y'icyaha, uregwa agakurikiranwaho ubwica-mubyeyi, asaba ko Urukiko rwemeza ko urubanza rwaciwe n'Urukiko Rwisumbuye ruvuyeho, iburanisha rigatangirira bwa mbere mu Rukiko Rukuru kubera ko ari rwo rufite ububasha.

Urukiko Rukuru rwasanze ubujurire nta shingiro bufite naho ku cyifuzo cy'ubushinjacyaha, rwavuze ko butari bwajuriye kandi guhindura inyito y'icyaha bishobora kugira ingaruka yo kongera igihano maze rwemeza ko icyifuzo cy'ubushinjacyaha kitakiriwe. Ubushinjacyaha bwajuririye

icyo cyemezo mu Rukiko rw'Ikirenga bugaragaza ko icyaha cyakozwe ari ubwicamubyeyi aho kuba gukubita no gukomeretsa kikaba kigomba kuburanishwa ku rwego rwa mbere mu Rukiko Rukuru mu gihe Uwamurengeye Venant we aburana ahakana ko atigeze agira umugambi wo kwica umubyeyi we.

**Incamake y'icyemezo:** 1. Kuba inyandiko ya muganga n'abatangabuhamyi bemeza ko nyakwigendera yazize igice cy'urubaho yakubiswe mu mutwe bigaragaza ubushake bwo gukora icyaha cy'ubwicanyu.

2. Guhindura inyito y'icyaha ni uburenganzira ndetse n'inshingano by'umucamanza bityo uregwa agomba gukurikiranwaho icyaha cy'ubwica-mubyeyi bityo imanza zaciwe mbere zikavanwaho kuko zaburanishijwe n'inkiko zidafite ububasha hakurikijwe inyito y'icyaha.

3. Hashingiwe ku ifasi icyaha cyakorewemo, Urukiko Rwisumbuye rwa Rusizi ni rwo rufite ububasha bwo kuburanisha Uwamurengeye Venant ku cyaha cy'ubwicamubyeyi ku rwego rwa mbere.

**Ubujurire bw'Ubushinjacyaha bufite ishingiro.**

**Inyito y'icyaha cyakozwe n'uregwa ni ubwicamubyeyi aho kuba gukubita no gukomeretsa byaviriyemo nyina gupfa.**

**Imanza zaciwe mbere zivuyeho.**

**Urubanza ku cyaha cy'ubwica-mubyeyi ruzatangirira ku rwego rwa mbere mu Rukiko Rwisumbuye rwa Rusizi.**

**Amagarama aherereye ku isanduku ya Leta.**

**Amategeko yashingiweho:**

*Itegeko-Ngenga n° 02/2013/OL ryo kuwa 16/06/2013 rihindura kandi ryuzuza Itegeko-Ngenga n° 51/2008 ryo kuwa 09/09/2008 rigena imiterere, imikorere n'ububasha by'inkiko nk'uko ryahinduwe kandi ryujijwe kugeza ubu, ingingo ya 10.*

*Itegeko n° 30/2013 ryo kuwa 24/05/2013 ryerekeye imiburanishirize y'imanza z'inshinjabyaha, ingingo ya 190, igika cya 2.*

*Itegeko-Teka n° 21/77 ryo kuwa 18/08/1977 rishyiraho Igitabo cy'Amategeko Ahana, ingingo ya 314.*

**Ibyemezo by'inkiko byifashishijwe:**

*Ubushinjacyaha v. Nyawera Célestin, RPAA 0033/11/CS rwaciwe n'Urukiko rw'Ikirenga kuwa 14/09/2012, igika cya 6.*

*Ubushinjacyaha v. Caporal Ngabonziza, RPAA 0117/07/CS rwaciwe n'Urukiko rw'Ikirenga kuwa 17/11/2010, igika cya 18.*

## Urubanza

### I. IMITERERE Y'URUBANZA

[1] Uru rubanza rwatangiriye mu Rukiko Rwisumbuye rwa Rusizi, Uwamurengeye Vénant akurikiranweho icyaha cyo gukubita no gukomeretsa Nyina umubyara bikamuviramo urupfu. Urukiko rwasanze icyaha kimuhama rumuhanisha igifungo cy'imyaka 10 n'ihazabu ya 100.000 Frw.

[2] Uwamurengeye ntiyishimiye imikirize y'urubanza ajuririra Urukiko Rukuru, Urugereko rwa Rusizi. Mu gihe cy'iburanisha, Ubushinjacyaha bwavuze ko impamvu z'ubujurire za Uwamurengeye nta shingiro zifite, kandi ko Urukiko rukwiye guhindura inyito y'icyaha, uregwa agakurikiranwaho icyaha cy'ubwica-mubyeyi kubera ko yari asanzwe afitiye Nyina inzika amuziza ko yamuroze kandi ko yamuhondaguye urubaho mu cyico, bityo Urukiko rukemeza ko Urubanza rw'Urukiko Rwisumbuye ruvuyeho, iburanisha rigatangirira bwa mbere mu Rukiko Rukuru kubera ko ari rwo rufite ububasha bwo kuburanisha ubwica-mubyeyi ku rwego rwa mbere.

[3] Ku bujurire bwa Uwamurengeye Vénant, Urukiko rwasanze ibyo uwajuriye anenga imikirize y'urubanza rwa mbere nta shingiro bifite nuko rwemeza ko nta gihindutse ku rubanza rwajuririwe. Naho ku cyifuzo cy'Ubushinjacyaha, Urukiko rwasanze Ubushinjacyaha butari



bwajuriye kandi ko guhindura inyito y'icyaha bishobora kugira ingaruka zo kwongera igihano, nuko rushingiye ku ngingo ya 174 y'Itegeko No 13/2004 ryo kuwa 17/05/2004 ryerekeye imiburanishirize y'imanza z'inshinjabyaha rwemeza ko icyifuzo cy'Ubushinjacyaha kitakiriwe.

[4] Ubushinjacyaha bwajuririye iki cyemezo mu Rukiko rw'Ikirenga. Iburanisha ryabaye kuwa 23/12/2013, Uwamurengeye Vénant ahari kandi yunganiwe na Me Umulisa Alice naho Ubushinjacyaha buhagarariwe na Ntawangundi Béatrice.

## **II. IKIBAZO KIGIZE URUBANZA N'ISESENGURA RYACYO**

**Kumenya niba inyito y'icyaha UWAMURENGEYE Venant akurikiranyweho ikwiye guhinduka n'ingaruka zabyo.**

[5] Uhagarariye Ubushinjacyaha avuga ko, mu Rukiko Rwisumbuye, Uwamurengeye Vénant yakurikiranyweho icyaha cyo gukubita no gukomeretsa Nyina umubyara bikamuviramo urupfu, nyamara hari ibimenyetso bigaragaza ko mbere y'uko yica Nyina, yari amufitiye inzika y'uko yamuroze, ko yamukubise igice cy'urubaho inshuro ebyiri mu mutwe kandi mu cyico, ibi byose bikaba bigaragaza umugambi yari afite wo kumwica, ko icyaha cyakozwe ari ubwica-mubyeyi aho kuba gukubita no gukomeretsa, kikaba kiri mu bubasha bw'Urukiko Rukuru.

[6] Ubushinjacyaha buvuga kandi ko niyo hataza kugira ubisaba, byari inshingano y'Umucamanza kwibwiriza no kwemeza ko urubanza rutangirira mu Rukiko Rukuru hashingiwe ku ngingo ya 89 y'Itegeko-Ngenga n° 51/2008 ryo kuwa 09/09/2008 rigena imiterere, imikorere n'ububasha by'inkiko, bityo Urukiko rw'Ikirenga rukaba rukwiye gutegeka ko uru rubanza rutangirira mu Rukiko Rukuru, Urugereko rwa Rusizi. Uhagarariye Ubushinjacyaha yongeraho ko cyakora adatsimbaraye kuri iyi ngingo y'ubujurire, ahubwo ko Urukiko

rw'Ikirenga rwabifataho icyemezo mu bushishozi bwawo, ko rusanze uregwa nta mugambi yari afite wo kwica Nyina nta kibazo Ubushinjacyaha bubifiteho.

[7] Uwamurengeye avuga ko nta mugambi yigeze agira wo kwica Nyina, ko muri dosiye harimo ibimenyetso bikubiyemo imvugo ya Se n'iz'abavandimwe be zigaragaza ko mu myaka 25 yabanye n'ababyeyi be ntacyo yigeze apfa na Nyina, ko ibyo yavuze ko Nyina yamuroze akanaroga abavandimwe be atazi aho yabivanaga kuko ariwe wishyikiraga kuri Nyina kurusha abandi bana bavukana, ko nawe atazi uko byamugendekeye kugira ngo akubite Nyina bimuviremo gupfa, ariyo mpamvu avuga ko atari muzima icyo gihe kuko atari azi ibyo akora. Yongeraho ko iby'Ubushinjacyaha buvuga ko yaba yari afitiye nyina inzika y'uko yari yaramuroze nta shingiro bikwiye guhabwa cyane cyane ko bishingira ku mvugo ye mu Bugenzacyaha aho yabajijwe nyuma y'icyumweru ari mu Bitaro ahabwa imiti isinziriza kubera uburwayi bwo mu mutwe yari arwaye. Asobanura kandi ko, n'ubwo avuga ko yari arwaye indwara yo mu mutwe, na Se akaba yaramuvuzaga iyo ndwara ku witwa André, atabifitiye inyandiko ya muganga kubera ko abavandimwe be bari kubimufashamo bose bamwanze, kuva aho nyina apfiriye. Ku bijyanye no kuba yarahondaguye Nyina mu cyico, avuga ko yemera ko yamukubise igice cy'urubaho inshuro imwe gusa mu mutwe ariko ko abisabira imbabazi, akaba asaba Urukiko ko yarekurwa akajya kwiyunga n'umuryango we.

[8] Me Umulisa wunganira Uwamurengeye avuga ko hari ibimenyetso bigaragaza ko Uwamurengeye yari afite ikibazo cy'imyitwarire mu gihe yakoraga icyaha, nko kuba yari amaze iminsi ashaka gusenya inzu y'ababyeyi be, kujunjama, kujugunya ibintu mu musarane no kurwana, ko no kugira ngo afatwe, Polisi yakoresheje imbaraga nyinshi ndetse bakanamutera imiti isinziriza yitwa "Phenergan". Yongeraho ko ibi byose bavuga bitagamije kugaragaza ko nta buryozwacyaha buhari ahubwo ko ari ibimenyetso by'uko Uwamurengeye atigeze acura umugambi wo kwica Nyina nk'uko Ubushinjacyaha bubivuga. Me Umulisa avuga kandi ko uregwa atakubise Nyina ngo ahite apfa kuko yaguye mu nzira bamujyana kwa

muganga, ko ibyo rero bititwa ubwica-mubyeyi, bityo akaba asanga inyito y'icyaha idakwiye guhinduka.

[9] Ingingo ya 314 y'Itegeko-Teka n° 21/77 ryo kuwa 18/08/1977 rishyiraho Igitabo cy'Amategeko Ahana cyakoreshwaga icyo gihe, iteganya ko: “Byitwa ubwica-mubyeyi, ubwicanyi bugiriwe Se cyangwa Nyina...”.

[10] Naho ingingo ya 321 y'Itegeko-Teka n° 21/77 ryo kuwa 18/08/1977 ryavuzwe haruguru ikavuga ko: “Iyo gukubita cyangwa gukomeretsa ku bushake ariko nta gitekerezo cyo kwica kiriho byateye urupfu, nyiri icyaha azahanishwa igifungo kuva ku myaka itanu kugeza kw'icumi n'ihazabu itarenga ibihumbi icumi. Azahanishwa igifungo kuva ku myaka icumi kugeza kuri cumi n'itanu iyo yakoze urwo rugomo yabigambiriye cyangwa yabanje kujya mu gico”.

[11] Urukiko rurasanga n'ubwo Uwamurengeye Vénant avuga ko yica Nyina atari yabigambiriye kuko yabikoze arwaye indwara yo mu mutwe, akaba nta nicyo yapfaga na Nyina, abavandimwe be na se bakavuga ko yajunjamaga, naho umwunganira akavuga ko akora icyaha yari afite imyifatire idasanze nko gushaka kurwana no gusenya inzu y'ababyeyi be; ntaho rwahera ruvuga ko igihe yakoraga icyaha yararwaye mu mutwe kuko nta bimenyetso bagaragarije Urukiko byemeza ko Uwamurengeye yari afite uburwayi bwo mu mutwe ubwo yakoraga icyaha.

[12] Urukiko rurasanga rero, hashingiwe kuri dosiye y'urubanza, Uwamurengeye Vénant yarakubise nyina Nyirabazungu Thérésie ikibaho mu mutwe aramukomeretsa bikomeye apfa ageze kwa muganga mu Bitaro bya Bushenge (cote 1), ibi bikaba bishimangirwa n'imvugo ya Hagenimana Fabien na Nyirabwimana Théopiste, abavandimwe ba Uwamurengeye, bemeza ko uregwa yakubise Nyina igice cy'urubaho mu mutwe akamukomeretsa akaza kugwa mu nzira bamujyanye ku Bitaro, Inyandiko ya Muganga (Expertise Médico-Légale) nayo ikaba ivuga ko Nyirabazungu Thérésie yazize igice cy'urubaho yakubiswe ku mutwe (cote 10), bityo akaba nta gushidikanya guhari ko icyateye

urupfu rwa Nyirabazungu Thérèsie ari igice cy'urubaho yakubiswe mu mutwe n'umuhungu we Uwamurengeye Vénant, kandi kuba yarakubise Nyirabazungu igice cy'urubaho mu mutwe (mu cyico) bikaba bigaragaza ubushake bwo gukora icyaha cy'ubwicanyi.

[13] Ku byerekeye inyito y'icyaha, nk'uko byemejwe n'uru Rukiko mu urubanza hagati y'Ubushinjacyaha na Nyawera Célestin<sup>1</sup>, ndetse n'urubanza hagati y'Ubushinjacyaha na Caporal Ngabonziza<sup>2</sup>, guhindura inyito y'icyaha ku mucamanza ni uburenganzira ndetse n'inshingano bye. Urukiko rurasanga rero hashingiwe ku bisobanuro bimaze gutangwa haruguru, no ku ngingo ya 314 y'Itegeko-Teka n° 21/77 ryo kuwa 18/08/1977 ryavuzwe haruguru ryakurikizwaga icyaha gikorwa, Uwamurengeye Vénant akwiye gukurikiranwaho icyaha cy'ubwica-mubyeyi ; bityo urubanza RP.0149/08/TGI/RSZ rwaciwe n'Urukiko Rwisumubuye rwa Rusizi kuwa 19/02/2009 ndetse n'urubanza RPA 0151/09/HC/RSZ rwaciwe mu bujirire n'Urukiko Rukuru, Urugereko rwa Rusizi zikaba zikwiye kuvaho, kuko zaburanishijwe n'Inkiko zitabifiye ububasha hakurikijwe inyito y'icyaha.

[14] Kubirebana n'urubanza k'ubwica-mubyeyi, Urukiko rurasanga, hashingiwe ku ngingo ya 190, igika cya 2 y'Itegeko No 30/2013 ryo kuwa 24/05/2013 ryerekeye imiburanishirize y'imanza z'inshinjabyaha, ivuga ko: “Urukiko rutesheje agaciro urubanza rwajuririwe rutaruburanisha bundi bushya mu mizi yarwo. Ababuranyi bashobora ariko kongera kuregera bundi bushya urukiko rwo ku rwego rwa mbere mu gihe bishoboka gukosora amakosa aba yakozwe; urwo rubanza rukwiye gutangirira mu Rukiko rubifitiye ububasha.

---

<sup>1</sup> Ubushinjacyaha v. Nyawera Célestin, RPAA 0033/11/CS rwaciwe n'Urukiko rw'Ikirenga kuwa 14/09/2012, igika cya 6.

<sup>2</sup> Ubushinjacyaha v. Caporal Ngabonziza, RPAA 0117/07/CS rwaciwe n'Urukiko rw'Ikirenga kuwa 17/11/2010, igika cya 18.

[15] Urukiko rurasanga rero, hashingiwe ku ngingo ya 10 y'Itegeko-Ngenga n° 02/2013/OL ryo kuwa 16/06/2013 rihindura kandi ryuzuzwa Itegeko-Ngenga n° 51/2008 ryo kuwa 09/09/2008 rigena imiterere, imikorere n'ububasha by'inkiko nk'uko ryahinduwe kandi ryujijwe kugeza ubu ndetse no ku ifasi icyaha cyakorewemo, Urukiko Rwisumbuye rwa Rusizi ari rwo rufite ububasha bwo kuburanisha Uwamurengeye Vénant ku cyaha cy'ubwica-mubyeyi ku rwego rwa mbere.

### **III. ICYEMEZO CY'URUKIKO**

[16] Rwemeje ko ubujurire bw'Ubushinjacyaha bufite ishingiro.

[17] Rwemeje ko inyito y'icyaha cyakozwe na Uwamurengeye Vénant ari ubwica-mubyeyi aho kuba gukubita no gukomeretsa byaviriyemo nyina gupfa.

[18] Rutegetse ko urubanza RP.0149/08/TGI/RSZ rwaciwe n'Urukiko Rwisumbuye rwa Rusizi kuwa 19/02/2009 ndetse n'urubanza RPA 0151/09/HC/RSZ rwaciwe n'Urukiko Rukuru, Urugereko rwa Rusizi zivuyeho.

[19] Rutegetse ko urubanza ku cyaha cy'ubwica-mubyeyi Uwamurengeye Venant akurikiranweho n'Ubushinjacyaha rutangirira ku rwego rwa mbere mu Rukiko Rwisumbuye rwa Rusizi.

[20] Rutegetse ko amagarama y'urubanza aherera ku Isanduku ya Leta.

**RWANDA  
LAW REPORTS**

---

**ENGLISH VERSION**



## TABLE OF CONTENTS

TEAM OF EDITORS .....	iv
PREFACE .....	vii
SCOPE OF THE REPORTS .....	ix
CITATION.....	ix
LIST OF STATUTES AND STATUTORY INSTRUMENTS CONSIDERED: .....	x
LIST OF CASES CONSIDERED .....	xii
SUBJECT INDEX .....	xiii
Re MUHOZA (PETITION FOR THE REPEAL OF A LEGAL PROVISION INCONSISTENT WITH THE CONSTITUTION) .....	1
Re RWAMUCYO (PETITION FOR NULLIFICATION OF ELECTIONS) .....	11
BUGIRIMFURA v. KIGALI CITY ET AL .....	23
NSHIMYUMUREMYI v. THE STATE OF RWANDA ET AL.....	29
MWIZA v. KAYINAMURA.....	53
NDIZIHIWE ET AL v. MUDAKEMWA ET AL .....	64
AMSAR v. RWANDA REVENUE AUTHORITY .....	71
AQUILLA & PRISCILLA v. ENGEN ET AL.....	79
ECOBANK v. KAJANGWE .....	93
FINA BANK v. MUTEMBO .....	109
NDIGELA v. ATA.....	119
PROSECUTION v. UWAMURENGEYE .....	128



## **TEAM OF EDITORS**

### **LAW REPORTING TEAM**

BAGABO Faustin

HAKUZIMANA Ildephonse

KABERA Jean Claude

KAGABO U. Stephanie

MUJABI K. Naphtal

MUNYENSANGA Chrysostome

MWIHOREZE Claudine

NTIHEMUKA Emmanuel

SAFARI Gahizi

UWIMANA Gisele

**MULTI-INSTITUTIONAL COMMITTEE**

- MUGENZI Louis Marie** : President of the Committee  
Judge of the Supreme Court
- Prof. Dr. NGAGI M. Alphonse** : Vice President of the committee  
Lecturer in University of Rwanda
- RUTAZANA Angeline** : Secretary of the Committee  
Inspector of Courts
- BWIZA M. Blanche** : Judge at High Court
- DUSHIMIMANA Claudine** : Prosecutor at National level
- Me GAKUNZI Valerie** : Advocate in Rwanda Bar  
Association
- GIRANEZA Clementine** : Judge at Primary Court
- HABARUREMA Jean Pierre** : Prosecutor at National level
- Cpt. KABERUKA Jean Claude** : Judge at Military High Court
- KALIWABO Charles** : President of the High Court
- Me KAYIHURA Didace** : Advocate in Rwanda Bar  
Association

- KIBUKA Jean Luc** : Judge at Commercial High Court
- MUREREREHE Saouda** : Judge at High Court
- NYIRINKWAYA Immaculée** : Judge at Supreme Court
- RUBANGO K. Epimaque** : State Attorney
- RUKUNDAKUVUGA F. Regis** : Inspector General of Courts

## **PREFACE**

Dear Readers,

After nine years (9) of publication of judicial decisions, the administration of the Supreme Court has found that it is necessary to reform and improve its preparation with the intention of facilitating the users, providing the guidelines to be used to deciding on legal issues similar to those examined in reported cases and increasing the quality of judgments in general.

It is in that perspective that a team of lawyers (Law Reporters) has been put in place. They prepare the judgments to be published; reflecting in summary the catchwords, facts and holdings of the judgment. This represents a general picture of the case without necessarily reading the entire judgment. In addition to this, the reported judgments are translated in English with the intention of disseminating the decided cases of Rwandan Courts globally.

Before publication, the judgments are examined and approved by the Multi-institutional Committee composed of Judges and other legal experts representing other various institutions in relation to the judicial profession.

In this first number of Rwanda Law Reports, we shall find one (1) case relating to the request of repealing provisions of law which are inconsistent with the Constitution, one (1) case relating to electoral laws, two (2) civil cases, one (1) criminal case, five (5) commercial cases and two (2) administrative cases.

As usual, the law reports are available on the website of the Supreme Court, <http://www.judiciary.gov.rw-jurisprudence-recueil>.

We take this opportunity to once again encourage all legal practitioners to use these law reports.

**Prof. Sam RUGEGE**

Chief Justice of Rwanda

President of the High Council of Judiciary

## **SCOPE OF THE REPORTS**

These reports cover cases decided in the Supreme Court listed under the heading of “Citation” below.

## **CITATION**

Those who shall use cases from this report in their writings, can cite it in the following way:

**[V.1-2014] RLR**

**LIST OF STATUTES AND STATUTORY INSTRUMENTS  
CONSIDERED:**

*Constitution of the Republic of Rwanda of June 4, 2003 as amended to date,*

    article 29.....2

    articles 93, 141 and 145(5).....13

*Decree Law n°21/77 of 18 August, 1977 instituting the book of penal code, article 314.....129*

*Law n° 15/2004 of 12/6/2004 relating to evidence and its production, article 35, paragraph 3.....72*

*Law n° 21/2012 of 14/06/2012 relating to Civil, Commercial, labour and Administrative Procedure,*

    Article 168.....31

    article 26.....65

    article 9.....95

    article 176.....2

*Law n° 27/2010 of 19/06/2010 relating to elections as amended and complemented to date, articles 29bis, 30.....13*

*Law n° 51/2008 of 09/09/2008 determining the organization, functioning and jurisdiction of courts as modified and complemented to date, article 10.....128*

*Law n° 8/97 of 26/6/1997 on Code of Direct Taxes on Different Profits and Professional Income as modified and complemented to date, article 10(2°) ;( 5°).....72*

*Law n°16/2005 of 18/08/2005 on direct taxes on income, article 2(7°).....72*

*Law n°18/2004 of 20/06/2004 relating to the civil, commercial, labour and administrative procedure as amended to date,*

    article 81.....121

    article 339.....124

*Law n° 14/2010 of 07/05/2010 amending and completing Law n°07/2009 of 27/04/2009 relating to companies, article 12.....121*

*Law n° 30/2013 of 24/5/2013 relating to the code of criminal procedure, article 190, par.2.....129*

